INYANDIKO ZAVUYE MU IRUSHANWA RY'UBWANDITSI RYATEGUWE N'UMURYANGO "NEVER AGAIN" MU GIHE HIBUKWAGA IMYAKA 10 JENOSIDE YO MU RWANDA IBAYE

Insanganyamatsiko :

''UHEREYE KU MATEKA Y'U RWANDA NI IKI URUBYIRUKO RWAKORA NGO JENOSIDE YABAYE NTIZONGERE KUBAHO UKUNDI ''

INTEGO Z'IRUSHANWA :

GUSHYIGIKIRA IBIGANIRO BIVUGA KU BIHE BYASHIZE NDETSE N'IBY'UBU HAGAMIJWE KUNGURANA IBITEKEREZO KU RUHARE URUBYIRUKO RWAGIRA KU MIBEREHO MYIZA YARWO EJO HAZAZA

Ugushyingo, 2004

Never Again International Rwanda chapter B.P 4431 Kigali Rwanda Tel; 08350092,08451287,08422669 email;neveragain@post.com

Kuri iyi sabukuru y'imyaka 10 twibuka jenoside yabaye mu Rwanda, umuryango " Never Again" ufatanyije na Minisiteri y'urubyiruko umuco na siporo, ubitewemo inkunga n'umuryango DFID, wateguriye urubyiruko irushanwa ku nsanganyamatsiko ikurikira : Uhereye ku mateka y'u Rwanda ni iki urubyiruko rwakora ngo Jenoside yabaye ntizongere kubaho ukundi''

" Nevere Again" ni umuryango ugizwe n'abanyeshuri bo muri kaminuza bishyize hamwe kugira ngo bungurane ibitekerezo, banaganire ku mahano yabaye hirya no hino mu rwego rwo gukumira amakimbirane.

"Never Again" ubu ifite amashami mu bihugu 5 ku isi ari byo : Leta zunze ubumwe z'Amerika, Ubwongereza, Kananda no mu Rwanda. Umuryango '' Never Again" wateguye inama mpuzamahanga, muri zo hakaba hari n'iyabereye mu Rwanda, iyabereye i Londre no muri Chicago.

Iri rushanwa ryateguwe na Never Again, ryari rigamije guhuza urubyiruko kugira ngo bo ubwabo bagire uruhare mu gutanga umusanzu wabo ku birebana na Jenoside yabaye mu Rwanda bahereye ku mateka y'uru Rwanda ariko cyane cyane banagaragaze uruhare rwabo nk'urubyiruko mu byagiye biranga amateka y'iki gihugu.

Iri rushanwa ryari rifite intego mbere ya byose, yo gushishikariza urubyiruko gutekereza ku mateka yabo, cyane cyane bagendeye ku makimbirane yagiye aranga abanyarwanda, bityo bahere aho bagaragaza icyakorwa ngo amahoro , ubumwe n'ubwiyunge bisesekare mu banyarwanda, ari na byo bizanatugeza ku majyambere arambye.

Imwe mu nzira yatuma izi ntego zigerwaho, ni uguha urubyiruko urubuga rwo kugaragaza ibitekerezo babinyujije mu buhanzi nko guhimba imivugo, indirimbo inyandiko ngufi n'ibindi. Akaba ari yo mpamvu muri iki gihe twibuka isabukuru y'imyaka 10 itsembabwoko ribaye mu Rwanada, hatekerejwe ubwo buryo bwo kugaragaza ibitekerezo binyuze mu buhanzi ariko banatanga icyakorwa ngo amahano yabaye ntazasubire.

INTEGO Z'IRUSHANWA :

Intego nkuru z'irushanwa ni izi zikurikira :

- Guha urubyiruko rw'u Rwanda umwanya wo kugaragaza uruhare rwabo muri iyi sabukuru y'imyaka 10 yo kwibuka itsembabwoko ryo mu Rwanda, tunabaha uburyo bwo kugaragaza ibitekerezo byabo kuri ayo mahano yagwiririye u Rwanda.
- Gushishikariza urubyiruko kugira uruhare rugaragara mu gufata ibyemezo ku bibazo bibareba ubwabo ndetse n'ibireba igihugu muri rusange.
- Guteza imbere umuco w'ubuhanzi mu rubyiruko rw'u Rwanda
- Guteza umuco wo kugana ishuri kuko na ryo rigira uruhare mu kuboneza imyitwarire ya kimuntu
- Gushishikariza izindi nzego zinyuranye z'igihugu, kugira ngo na zo zitabire guteza imbere ubuhanzi mu bireba n'imivugo ndetse n'indirimbo.

Iri rushanwa ryateguwe mu rwego rwo gushaka kugaragaza ibitekerezo by'urubyiruko binyuranye ku mateka y'u Rwanda n'uko yagiye asobanurwa kugera kuri genoside ya 1994, bwari n'uburyo bwo kugaragaza ibitekerezo ku mateka y'u Rwanda banagaragaza uburyo babona ibyabaye bitazasubira.
Iri rushanwa ryabaye umwanya wo kwerekana icyo urubyiruko rw'ubu rutekereza kuri genoside yo mu Rwanda n'uburyo batekereza bayirwanya kugira ngo itazabaho ukundi, bityo biyubakire ejo hazaza heza harangwa n'amahoro arambye.

Nk'urubyiruko rw'u Rwanda twemera ko ejo hazaza h'u Rwanda n'abanyarwanda muri rusange ari twe hareba, iri rushanwa riduhaye umwanya wo gutekereza no kwibaza ku bibazo bikurikira :

1. Twarwanya dute ivangura rishingiye ku bwoko ryo ntandaro yo guhembera jenoside
2. Ni uruhe ruhare rw'amateka mu kubaka ubunyarwanda bwuzuye ?
3. Ese birashoboka cyangwa ntibishoka ko hari icyakorwa ngo abanyarwanda ubwabo bubake isura y'umuco nyarwanda ari byo byazana imibanire myiza izira amakemwa mu gihugu ?
4. Umuntu arebye ingaruka za jenoside, byaba ari ukuri ko ibyo abantu batavugaho rumwe mu byaranze amateka y'u Rwanda nk'uko byigishijwe abanyarwanda byakomeza gufatwa nk'ukuri ?

ABITABIRIYE IRUSHANWA

Abitabiriye irushanwa ni abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye ndetse no mu makuru bari hagati y'imyaka 16 na 30 y'amavuko. Harimo :

- Inyandiko ngufi (Zitarengeje impapuro 5)
- Indirimbo (Itarengeje iminota 5)
- Imivugo (Itarengeje iminota 6)

Umuntu ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu bitabiriye iri rushanwa bibandaga kuri ibi bikurikira mu bihangano byabo :

1. Uruhare rw'urubyiruko mbere ya jenoside
2. Uruhare rw'urubyiruko mu gihe cya jenoside
3. Uruhare n'umusanzu w'urubyiruko mu kubaka igihugu no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside

UKO IRUSHANWA RYAKOZWE NDETSE N'ABAGIZE URUHARE MURI ICYO GIKORWA :

- Kugira ngo iki gikorwa kigerweho, hariho akanama nkemurampaka ariko kari gashinzwe kujora ibihangano mu byiciro binyuranye by'irushanwa
- Abari bitabiriye irushanwa babanje guhabwa amakuru yose arebana n'iryo rushanwa haba mu binyamakuru, kuri radiyo kuri televiziyo ndetse n'amatangazo yari amanitse hirya no hino.
- Irushanwa ryamaze igihe cy'ukwezi uhereye igihe ryateguriwe

- Mu gutegira iri rushanwa, umuryango “Never Again’’ wakoranye ku buryo bwa hafi na minisiteri y’amashuri abanza n’ayisumbuye (MINEDUC) (Cyane cyane ishami rishinzwe amashuri yisumbuye), Minisiteri y’ubutegetsi bw’igihugu n’imibereho myiza y’abaturage (MINALOC), minisiteri y’urubyiruko umuco na siporo (MIJESPOC), Komisiyo y’ubumwe n’ubwiyunge (Abahuzabikorwa b’intara), amashyirahamwe y’abanyeshuri n’urundi rubyiruko
- Abandi

IBYAGEZWEHO

Urubyiruko rwahawe urubuga n’umwanya wo kugaragaza ibitekerezo byabo byafasha mu bumwe n’ubwiyunge ndetse no kugera ku mahoro arambye. Ibi bikaba byaherwaho mu gutegura ingamba zo gutegura ejo hazaza heza.
Ikindi kintu cy’ingenzi ni uko urubyiruko rwagaragaje uruhare nyarwo mu kwizihiza isabukuru y’imyaka 10 ya jenoside yabaye mu Rwanda, banagaragaza ingamba zakwitabwaho ngo genoside ntizasubire ukundi.

IBYAGARAGAYE MU IRUSHANWA :

Nk’uko byagaragaye ko ari ngombwa gukora irushanwa ritegura irushanwa nyaryo, guhitamo ibihangano byiza byakozwe ku nzego eshatu : Akarere, intara, igihugu. Byakozwe muri ubu buryo.

- Irushanwa nteguza ku rwego rw’uturere : 12-18/07/2004
- Irushanwa nteguza ku rwego rw’intara : 22-25/07/2004-
- Irushanwa nteguza ku rwego rw’igihugu : 6/08/2004

Irushanwa ryakozwe mu byiciro bitatu by’ubuhanzi ari byo :

- Inyandiko ngufi zitarengeje impapuro 5
- Indirimbo zitarengeje iminota 5
- Imivugo itarenge iminote 6

Kujora ibihangano binyuranye byakozwe n’akanam nkemurampaka kari kagizwe n’abantu 3 kuri buri cyiciro cy’ibihangano, aba batoranyijwe na komite yateguraga iki gikorwa mu ntara bagendeye kuri ibi bikurikira :

1. Kuba inyangamugayo no kutabogama
2. Kugira uburambe mu kujora ibihangano
3. Kugira ubumenyi buhagije ku mateke y’u Rwanda

---

[1]. Buri zone yari igizwe n’ibigo 14 hrimo n’amashuri makuru cyangwa kaminuza muri iyo ntara.

IMBONERAHAMWE YEREKANA UMUBARE W'URUBYIRUKO BITABIRIYE IRUSHANWA MU NYANDIKO NGUFI, INDIRIMBO N'IMIVUGO

Intara	**Umubare w'amashuri**	**Umubare w'abitabiriye**	**Umubare w'amatorero**	**Ubwoko bw'igahanganp**		
Cyangugu	26	56	38	50	41	69
Ruhengeri	36	311	42	229	54	179
Kibuye	24	106	31	68	44	37
Gitarama	44	377	84	220	123	135
Byumba	21	160	71	148	71	71
Kibungo	31	120	36	32	17	19
Kigali Ngali	27	265	41	83	39	127
M.V.K	31	338	19	138	78	141
Gikongoro	23	98	24	74	23	37
Umutara	15	134	15	74	26	56
Butrare	41	321	53	168	75	133
Gisenyi	41	525	63	294	117	209
Igiteranyo	**360**	**2810**	**517**	**1578**	**708**	**1210**

Ibihangano bikurikira ni byo byabaye 10 bya mbere mu nyandiko ngufi, imivugo n'indirimbo. Ibisigaye bizashyirwa mu bubiko bw'umuryango ''Never Again"

MAHINYUZA J.Paul

G .S.F.A Kibogora
6ème Année
B.P. 343 Cyangugu

DUHEREYE KU MATEKA Y'U RWANDA HARI ICYO URUBYIRUKO RWAKORA NGO JENOSIDE NTIZONGERE KUBAHO

Ubundi iyo twitegereje neza, dusanga Jenoside yabaye mu Rwanda ifitanye isano n'amateka yaranze iki gihugu. Bityo nkaba nsanga hari icyo urubyiruko twakora kugira ngo Jenoside itazongera kubaho; cyane ko ari rwo Rwanda rw'ejo; ari na rwo ahanini maboko n'imbaraga z'igihugu. Kuko iki cyiciro cy'urubyiruko dusangamo abantu bafite hagati y'imyaka 18 na 35 bigaragara ko baba bagifite byinshi bahindura ku isura y'igihugu.

Muri make iyo usesenguye neza usanga Jenoside yaraturutse ku mateka amwe n'amwe mabi yaranze u Rwanda : twavuga nk'Imiyoborere na politiki bibi, amacakubiri ashingiye ku ivangura, ubujiji no gukorera ku bwoba, ubukene, guta umuco, kudakunda igihugu,.. Ibi byose bikaba byarateraga amakimbirane n'akarengane kuri bamwe mu banyarwanda. Bityo bamwe mu banyarwanda ntibibone mu Rwanda nk'igihugu cyabo gakondo, biza gucamo umuryango nyarwnda ibice. Biza kugera ubwo Jenoside itangiye.

Muri rusange, usanga amateka y'u Rwanda asa n'arimo ibice bitatu ukurikije impinduka, imibereho n'imitekerereze y'abanyarwanda ba kera. Twavuga :

- mbere y'ubukoloni
- mu gihe cy'abakoloni
- na nyuma y'ubwigenge

- Mbere y'abakoloni, abanyarwanda twari twunze ubumwe ururimi rumwe, umuco umwe,..By'umwihariko ku rubyiruko ; wasangaga rukura rutozwa umuco nyarwanda ; kurasanira igihugu, gukunda umuco, uburyo barengera igihugu umwanzi agiteye, uko bakwagura igihugu, ..ndetse batozwa n'indi mirimo ibafasha mu buzima busanzwe ugereranyije n'icyo gihe. Mu by'ukuri urubyiruko rw'icyo gihe rwashyiraga hamwe, rwubaka inama rugirwa n'ababyeyi kandi rushyira hamwe mu mirimo yatezaga igihugu imbere.

- Abazungu bageze i Rwanda rero, basanze abanyarwanda mu ngeri zose twunze ubumwe ku buryo babuze aho bamenera abanyarwanda ngo babayobore kubera ubumwe no kubahana byarangaga abanyarwanda. Nibwo bitwaje intwaro y'amoko bashingiye ko mitungo ngo bereke abanyarwanda ko barutana. Ibyo barabikora ndetse bamwe mu banyarwanda barabikurikiza banabitoza abana babo arirwo rubyiruko rw'icyo gihe. Maze uko iminsi yagiye ikura ijambo ry'amoko rifata intera ndetse kugera ubwo Jenoside itangiye mu 1959 ishingiye ku bwoko.

Ubundi na mbere y'uko abazungu bagera i Rwanda, abanyarwanda barimo amoko (« clans» asanzwe atandukanye : nk'Abahima, abasinga , abazigaba, abega….gusa ibyo ntacyo byabangamiraga ku bumwe bw'abanyarwanda ahubwo barushagaho gushyira hamwe ngo barebe uko barengera ubusugire bw'igihugu cyabo. Abo bazungu rero bagera i Rwanda, habanje kuza abadage. Bo bitwaza politiki yo guteranya ngo bayobore « diviser pour la régner ». Batangiye bagabanya ubushobozi bw'umwami. Gusa bameneshwa n'intambara ya mbere y'isi yose batageze ku ntego zabo, basimburwa n'ababiligi. Aba bo barushijeho gucamo ibice abanyarwanda bitwaje politiki yo gutonesha hashingiwe ku moko « favoritisme à base ethnique ». Nibwo bacagamo abanyarwanda mo ibice bashingiye ku moko ; waba utunze cyane ukajya mu bwoko bw'abatutsi, waba ucirirtse ku mutungo ukaba umuhutu, naho waba utunzwe no kubumba cyangwa guhiga gusa ukaba umutwa.

Iyi myumvire ikimara gucengera ababyeyi, nabo bayitozaga abana babo bagakurana iyo ngengabitekerezo y'amoko. Cyakora ntibyahise bifata intera cyane kuko wasangaga nko mu mabarura yakorwaga kuko wasangaga umuntu ashobora kuba yari umuhutu bakongera kubarura akaba umututsi kubera ko umutungo we washoboraga kuba wariyongereye.

Ababiligi babonye ko nta ntera ndende ibyo bakoze yagezweho mu gucamo ibice abanyarwanda, nibwo bazanaga indangamuntu ya mbere « Ibuku » muw'1931 bashyiramo ayo moko y'abatutsi, abahutu n'abatwa ; ndetse batanga kuva icyo gihe itegeko ry'uko umwana uvutse azajya afata ubwoko bw'uwo akomotseho. Ndetse baza kugera ubwo bavuga ngo abatutsi nibo bavukana ubwenge ngo abahutu bo bavuka ari injiji….Ibi byose byakorwaga kugira ngo bahindure abanyarwanda ingaruzwamuheto zabo. Aya macakubiri ashingiye ku moko yagiraga ingaruka mbi mu myumvire y'urubyiruko nko kwishushanya, Gukorera ku bwoba, kugira ingengabitekerezo mbi ndetse n'ubujji,.. Gusa ntibyabuzaga abanyarwanda kubaho nk'uko bisanzwe mu buzima. Aya moko yakomezaga gushyingirana, agatabarana, ndetse ntibibuze uhaka guhaka ndetse n'uhakwa akabikorana ineza cyane ko ntacyo byabaga bitwaye kuko uwaguhakaga yakuberaga nk'umubyeyi, cyakora byaje kugera aho aya moko atangira guhubanganya imibereho n'imibanire mu rubyiruko aho abazungu batangiye gushinga ibigo by 'amashuri ; bimwe ugasanga ari iby'abatutsi bakomeye gusa, ibindi nabyo byigamo amoko yombi, .. Ibyo byatumye urubyiruko rutangira gucikamo ibice ku buryo bugaragara ndetse urwango ruba rwinshi kuko hari abo wasangaga abazungu batonesha cyane naho bakabangamira uburenganzira n'imibereho myiza y'urundi rubyiruko.

Iki kibazo cy'amoko n'ubwo cyateje amacakubiri mu banyarwanda ; abazungu na bo ubwabo ntibakivugagaho rumwe. Urugero nko mu banyamadini ; Musenyeri, Deroclet yaje ari ku ruhande rw'abahutu, naho Musenyeir Classe aza ku ruhande rw'abatutsi. Ndetse uku kutavuga rumwe kw'abazungu ku kibazo cy'amoko bo ubwabo byatumye bahangana ndetse bararwana muw'1950. Cyakora kugira ngo iri vangura rifate intera ndetse mu banyarwanda, usanga ubwabo (= abanyarwanda) barabigizemo uruhare kuko ntacyo bakoze kigaragara ngo barwanye iyo ngengabitekerezo mbi. Ahubwo abari ku butegetsi icyo gihe barushaho kwikubira ubutegetsi, kwitwara nk'ibigirwamana kubo bayoboraga no guhutaza uburenganzira bwabo. Ibi bikaba bigaragara uko urubyiruko rwaharenganyirijwe, rukavutswa uburenganzira bw'ibanze nko kwiga,..

Ibi byateye umujinya urubyiruko, cyane ko abenshi muri rwo bari bugarijwe n'ubukene bugeretseho ubujiji. Jenoside rero itangira ; yatangiye urebye muw'1958 habaho icyiswe « Manifeste des Bahutu » yakozwe n'abari barize muri Seminari, twavuga ko urebye neza ku isonga byari biyobowe na GITERA, KAYIBANDA, …mu buryo bwo kwiyegereza urubyiruko, bidatinze hashinzwe amashyaka ashingiye ku moko ; twavuga nka « UNAR , PARMEHUTU, APPROSOMA, …kuva ubwo abateguraga ubwicanyi bifashishije urubyiruko cyane ko barufatanyije n'ubukene bugeretseho ubujiji. Gusa urebye neza Jenoside yatangijwe ku mugaragaro muw'1959, tariki ya 01/11/1959 ubwo MBONYUMUTWA ava gusenga yishe abatutsi bo mu Byimana n'i Kabgayi birakomeza, tariki ya 02/11/1959 ab'i Kigali baricwa, tariki ya 03/11/1959 bishe abo ku Kibuye n' i Gisenyi. Iyi yari intangiriro ya Jenoside ; urubyiruko rukaba rwarahagorewe cyane kuko uko bicwaga, ariko basahurwaga, bafatwa ku ngufu, … ubu bwicanyi bwari bukabije cyane kuko ababurokotse benshi bahungiye mu bihugu by'amahanga. Aya matariki yavuzwe si yo gusa yabayeho ubwicanyi, uhubwo n'ibindi bihe hari abicwaga uruhongohongo. Gusa byongeye kubura cyane mu kwezi kwa 03/1960, ubwo abicanyi bongeye kwica abatutsi b'i Rukumberi (Kibungo) ndetse n'ab'i Cyangugu. Ubu bwicanyi ahanini bwagirwagamo n'urubyiruko. Hakurikiyeho Jenoside ndengakamere ubwo umututsi yamburwaga uburenganzira bwo kubaho.

Kubera ya mashyaka yari yarashinzwe hashingiye ku bwoko, byatumye guharanira ubwigenge ayo mashyaka yari yariganjemo urubyiruko ahangana buri ryose rirwanya irindi ni nayo mpamvu mu gaharanira ubwigenge, ishyaka ryarwanaga ku bwoko bwaryo cyangwa abo bahuje.

Ubwigenge bumaze kuboneka n'ubundi ntibyahagaritse ubwicanyi. Ku ikubitiro nyuma y'ubwigenge hahise hategeka MBONYUMUTWA; muri rusange ntacyo yamariye abanyarwanda bose kuko yashyize imbere ubwoko n'uturere. Ukaba usanga yaribanze gusa mu banyagitarama. Yasimbuwe na KAYIBANDA nawe urebye utaragize icyo amarira abanyarwanda muri rusange. Mu 1973 HABYARIMANA yafashe ubutegetsi yitwaje agatsiko k'inkoramutima ze 10. Icyo gihe hicwa abahutu n'abatutsi benshi cyane. Ku ngoma ye nabwo urubyiruko rwarahazahariye cyane kuko nawe yatoneshaga akurikije amoko n'uturere , mu butegetsi , mu mashuri, mu gisirikari n'ahandi wasangaga hakorwa ivangura ku moko cyane ku bwoko bwari no mu ndangamuntu ya buri wese. Ya mashyaka yose ayabumbira mu bwato bwe yise M.R.N.D. arushaho kujya yiyegereza urubyiruko.

Twibuke ko hari urubyiruko rwari rwarahejejwe hanze ruhababarira nk'impunzi ku buryo HABYARIMANA yarubwiye ko n'abashakaga kuza, igihugu cyuzuye ntaho bajya mu Rwanda. Urwo rubyiruko rwashakaga gutaha rwahisemo kwishyira hamwe rugataha hakoreshejwe ingufu za gisirikari cyane ko ingoma yariho byagaragaraga ko ari iy'igitugu kandi ntacyo yamariye n'abari imbere mu gihugu. 1990 inkotanyi ziteye, abategetsi bariho bagira ubwoba cyane ko babonaga Jenoside bateguye kuva kera batari bakayirangije. Nibwo biyerurukije bashinga amashyaka menshi ngo ni Demokarasi, ibi byari urwiyerurutso kuko amashyaka yakoraga byemewe yari ayabakoreraga nka M.R.N.D, C.D.R.,…Mu buryo bwo kwiyegereza no gukoresha urubyiruko, bashinga imitwe y'urubyiruko muri ayo mashyaka nk'interahamwe, impuzamigambi, aba C.D.R.n'indi mitwe nk'iyi yatozwaga ibikorwa byo kwicana no kugira nabi, … Gusa mu w'1994 mu kwezi kwa mata nibwo babonye imbarutso yo

gushyira mu bikorwa no gusoza Jenoside yari yarateguwe kuva kera. Iyo mitwe y'urubyiruko ikoreshwa mu bwicanyi, irasahura, irasenya ndetse ihohotera urundi rubyiruko mu gihe cya Jenoside. Gusa n'ubwo nyuma y'amezi atarenze atatu hari hamaze kwicwa imbaga y'abantu basaga miliyoni ; cyakora F.P.R. Inkotanyi zibasha guhagarika ubwo bwicanyi ndengakamere kuwa 04/ 07/1994.

N'ubwo bwose twibohoye ingoma mbi y'igitugu bigaragara ko ingengabitekerezo ya Jenoside ikiri mu banyarwanda ndetse igifite abayikwirakwiza mu banyarwanda, ibi bikaba bigaragara mu madini, mu mashuri ndetse no mu miryango yegamiye cyangwa itegamiye kuri Leta.

Bityo nkaba nsanga hari byinshi urubyiruko rukwiye gukora kugira ngo Jenoside ikumirwe burundu mu Rwanda : mu byo urubyiruko rukwiye gukora harimo :

- Kurwanya no gukumira abakomeza gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside mu Rwanda ;
- Kugira ubworoherane no kwikuramo amacakubiri ashingiye ku moko dufatanyirije hamwe kurwanya uwo ari we wese washaka kubiba amacakubiri n'ivangura mu banyarwanda ;
- Kugira umuco n'ubutwari, ubunyangamugayo, gutabarana ndetse no gukunda igihugu ;
- Kwitabira no kugira uruhare rugaragara mu bikorwa byo kwibuka inzirakarengane zazize Jenoside muri Mata 1994 ;
- Kwitabira no gutanga ubuhamya mu nkiko Gacaca ku byo tuzi byabaye, dushyira ukuri ahagaragara, duca ubujiji no gukorera ku bwoba bishingiye ku cyenewabo icyo aricyo cyose (= isano) ;
- Kwitabira kujya mu nzego zifata ibyemezo duharanira ubwisanzure, ubworoherane n'ubusabane kuri buri munyarwanda ;
- Kurwanya ubujiji n'ubukene twihangira imirimo. Duharanira kudategera amaboko amahanga dusabiriza. Buri wese agatungwa no gukoresha ingufu ze ;
- Kwibumbira hamwe hagamijwe ubumwe, ubwiyunge no gusana umuryango nyarwanda.

Nkaba nsanga izi ngamba zishyizwe mu bikorwa n'urubyiruko ari rwo Rwanda rw'ejo, twazagera ku ntego y'ingenzi yo guharanira ko mu gihugu cyacu ndetse no ku isi hose Jenoside itazongera kuba ukundi. Bityo tukaba mu gihugu kitarangwamo amacakubiri n'ibindi biteza imyiryane mu bantu kuko kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside n'izindi ngingo zavuzwe haruguru, ari umusingi wo kugera ku bumwe, demokarasi ndetse n'amajyambere twifuza muri 2020.

NYIRANTEZIMANA Prisca
C.C MURAMBA
AGASANDUKU K'AMABARUWA 85 GISENYI
UMWAKA WA GATANDATU W'UBUMENYAMUNTU.

NTIBIZASUBIRE NA RIMWE

Iyi mvugo yashyizwe ahagaragara n'umuyobozi w'igihugu cy'u Rwanda Nyakubahwa Pawulo KAGAME kuwa 3 tariki ya 7 Mata 2001, ubwo twibukaga ku nshuro ya cumi jenoside ibaye mu Rwanda yibasiye inyoko muntu yahitanye imbaga y'abantu itabarika barenga miliyoni imwe (1.000.000) bazira ubwoko bwabo.

Uhereye mbere y'umwaduko w'abazungu, abanyarwanda bari babanye neza nta n'umwe wishishanya n'undi kuko bose bari bene Kanyarwanda, iyo umuturanyi mugenzi we yarwaraga yaramurwazaga, umubyeyi yabyara agahembwa, agacanirwa akota, agakamirwa, agashimwa ikiriri. Umwana wavutse akaba uwa bose, yarerwaga na bose, kuko iyo umubyeyi yatabarukaga yarerwaga n'abasigaye, bagatoza umwana umuco mwiza, ikinyabupfura, bigatuma akurana uburere, igikundiro, icyubahiro n'ubwitange aho ari hose, yaharaniraga kujya mbere n'icyagirira rubanda nyamwinshi akamaro.

Umubyeyi wasangaga afite inshingano yo kurera no gutoza umwana we umuco mwiza. Umwana yigishwaga kubana n'abandi neza, kandi mu mahoro, akumva ko agomba guharanira ubusugire bw'igihugu, arwanya icyahungabanya umutekano w'igihugu kivuye inyuma yacyo. Ni muri urwo rwego umwana yabaga amaze kuba ingimbi, yoherezwaga mu itorero akiga ibyerekeye ingabo mbese kurwanira igihugu.

Baravuga ngo "utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yasize avuze" umubyeyi yicaranaga n'abana be akabaganiriza ibyabaye, amateka yabayeho mbere yabo akayababwira uko ari. Ibyo byatumaga abana baserukana icyusa, bakabyirukana ubutwari bitewe nibyo babaga bamaze kumenya bakabana n'abandi kivandimwe kuko bose bari basangiye umuco, ururimi ndetse n'igihugu.

N'ubwo u Rwanda rwari igihugu gifite ubutegetsi bwa cyami, (rwayoborwaga n'umwami), cyari igihugu gishingiye ku bumwe bw'abanyarwanda. Ugendeye ku miyoborere ndetse n'ubuzima muri rusange bw'abanyarwanda, bwari bushingiye ku bwiru twagereranya n'itegeko Nshinga ubu ngubu.

Abazungu bamaze kugera mu Rwanda basanze abanyarwanda bafite ubutegetsi bugenzurwa n'umwami, basangiye ubumwe no gukunda igihugu, ibyo bigaragara cyane ku ngoma y'umwami wa III RUDAHIRWA ubwo barwanyaga umuzungu bamwita umwanzi , erega nibyo kuko batari bahuje ururimi, umuco yemwe n'igihugu ndetse n'uruhu. N'ubwo babanje kubarwanya baberetse ko bafite n'ubusabane no kubana n'uwo ari we wese n'uko yaba ameze kose, twibuke ku ngoma y'umwami Kigeli IV RWABUGIRI ubwo SHARANGABO yakiraga Von Goetzen akamugeza mu icumbi ry'umwami akakirwa neza.

Babivuze ukuri ngo " Abo umwami yahaye amata nibo bamwimye amatwi" twaberetse ubwiza, tubagaragariza ubumwe, ubusabane n'urukundo byacu, ntibanyurwa bati " Ntawe uzabashobora", bakoresha imbaraga za gisirikare, bambura umwami ububasha bwose,

bujya mu maboko y'abakoloni. Bati" tutabatanyije ntacyo twazageraho" bene Rugigana ni bwo babibye amacakubiri ducikamo ibice urwari urwacu ruracumba, bati ese muzi ko mufite amoko ? Uriya ni umututsi, uyu we ni umuhutu, aba ni abatwa, barabishima babishyira no mu birangamuntu, ntibashirwa bati n'uturere turatandukanye, bamwe ni abanyenduga, abandi ni abakiga, nyamara se ntibari bifitiye utugari, imirenge n'uturere twishimirwaga na bose.

Bazana ubusumbane bati " hari abaremewe gutegeka, bavugaga abatutsi " bumvisha abahutu ko barenganye, bakandamijwe n'abatutsi ngo ahubwo ni ugukora iyo bwabaga bibohore barwanya uwo mubisha wabakandamije. Ndetse yavuye muri Etiyopiya, naho umuhutu we ni muri Cadi nyamara bose bavuga ururimi rumwe. Ivangura ritangira ubwo haba mu mashuri, mu nsengero ndetse no mu butegetsi amacakubiri aca ibintu mu gihugu ibintu biradogera yemwe n'urubyiruko rurabyigishwa, haba iyo mu mashuri no mu muryango rwumvishwa ko umututsi afite ubugome busumbye ubw'inzoka, nyamara se Rugigana wabateyemo iyo mbuto ntiyari yigaramiye aho !

Yemwe " ujya gutwika urwe umwanzi amutiza umuriro" kuva icyo gihe urubyiruko rutonzwa kwica bagenzi babo, rurabyiga karahava, bahiga inzoka
(umututsi) bihabwa intera ndende birakura bitera imbere.

Tugane mu w' 1959, habayeho imyivumbagatanyo ya Rubanda, abatutsi baricwa, baratwikirwa, abahonotse bahungira mu mahanga, dore ko batari bakitwa abantu bamburwa isura yabo bahindurwa inyamaswa, bateshwa igihugu cyabo bitwa abanyamahanga, nyamara se ntibavugaga ururimi rumwe basa kimwe n'abandi? Mbega imivu y'amaraso itemba igihugu cyose, imiborogo yoma imisozi yose, induru iba ndende kandi bose bava ay'umutuku, igihugu gicika igikuba.

Dusubije amaso inyuma gato dusanga urubyiruko rwarabaye imbaraga zo gusenya igihugu muri ubwo bwicanyi. Icyo gihe havutse amashyaka menshi bamwe mu bayashinze bishakiraga abarwanashyaka mu rubyiruko twavugamo nka APROSOMA, M.D.R-PARMEHUTU , R.A.D.E.R na UNAR yarwanyije na M.D.R – PARMEHUTU, na RADER bavuga ko ari umutwe ugizwe n'abatutsi.

1963-1973 MDR –PARMEHUTU ni ryo shyaka ryari rifite ubutegetsi, ryaricaga rigakiza, ryibasira abataravugaga rumwe naryo bamwe baricwa, abandi barahunga nuko haduka imvugo ngo "hora, honga, hunga" Gikongoro imiborogo irayirembya abatutsi baricwa rubura gica nyamara Leta irebera.

1973 ubutegetsi bushingiye ku ishyaka rimwe MRND buyobowe na Yuvenari HABYARIMANA wimye ingoma yica, MRND yari ishingiye ku bintu bine : irondakoko, irondakarere, ikigurinûnga , no gucubya ibitekezo bya rubanda.

Ubutegetsi bwa HABYARIMANA nta kwisanzura byabagaho kuko habagaho ubusumbane mu mashuri, byagaragazwaga no kwemererwa mu kwiga naho kwitsindira ntibyabagaho, kandi hitwaga ngo hatanze ibizamini kuko amashuri yari afite bene yo .

Mu w'1975 ubutegetsi burakomera burashimangirwa, akarengane gahabwa intebe, ubwicanyi buba intego, mu Bugesera no mu Bigogwe ndetse n'ahandi henshi mu gihugu habaye ubwicanyi no gutwikira abatutsi bakanyaga n'inka zabo, ibyo byose ubutegetsi bwarabireberaga ababikoze bakagororerwa, ubundi bati" ni abaturage basubiranyemo baricana".

Mu w'1990, F.P.R. itangira urugamba rwo kwibohora no kubohora igihugu, abanyarwanda bari mu gihugu ndetse nabari hanze ntibigeze banezezwa n'ibyo ubutegetsi bwa HABYARIMANA bwakoraga, ni uko bahuza ibitekerezo biyemeza kurwanya ubutegetsi bw'igitugu no kubohora abanyarwanda bari barakandamijwe, …

Ibikorwa by'ubugizi bwa nabi baterwagamo inkunga na BNP (Banki y'igihugu y' i Parisi) ndetse na Leta y'ubufaransa yatangaga amafaranga yagurwaga intwaro zo kwica abatutsi kimwe n'abataravugaga rumwe n'ubutegetsi bwariho.

Kuya 1-Ukwakira 1990 urugamba rwo kwibohora ruratangira ruyobowe na Nyakwigendera Fredi GISA RWIGEMA na bagenzi be. Muri icyo gihe havutse amashyaka menshi, twavuga nka MDR, CDR, PL, PSD, PDC,……..ayo mashyaka yashakiye ingufu nyinshi mu rubyiruko rutangira gutozwa, ruhabwa intwaro ngo rurimbure rugenzi rwarwo, buri mutwe wa politiki washakiraga urubyiruko warwo izina nka MRND iti muri"interahamwe" , CDR iti muri " impuzamugambi", MDR yaje kuba MDR PAWA iti muri "impirimbanyi " ntibyatinze batangira kuvuga bati " duhirimbane dutere hamwe duhuje umugambi wo gutsemba abatutsi, umwanzi, inzoka". Yewe ibiganiro byaratanzwe, amanama arakorwa, bayitabira ari benshi amagambo aravugwa bati ibyaba byiza, tumucishije iy'ubusamo agasubira iyo yavuye muri Etiyopipa, umugambi uranozwa batangira kwica uruhongohongo, urubyiruko rurabyigishwa rurabyishimira ruti twice ibyitso, twice inzoka, twice inyenzi, inyangarwanda.

N'ubwo abantu bicwaga urubyiruko rwiyemeje kubohora igihugu ntirwacitse intege rwakomeje urugamba, ibyari Inyenzi bibyara Inkotanyi barakotana urugamba rurakomera, imishyikirano iraza biranga birananirana, Arusha iba imfabusa.

1994 ubwicanyi bufata indi ntera; ntirwari urugamba rw'amasasu gusa, ahubwo ruba urw'ibisongo, amahiri yitwaga Ntampongano y'umwanzi, imipanga, amacumu, itangazamakuru ribyogagiza ng'izo za R.T.L.M, KANGURA ….urubyiruko rwumva vuba ruti baradutindiye, batinze gukoma imbarutso. Mu ijoro ryo kuwa 6 rishyira kuwa 7 Mata 1994 uwari umukuru w'igihugu, uwari Ikinani, aba arananiwe araswa avuye mu mishyikirano Dar-Es-Salam ubwo abicanyi bahindura isura yemye " ari buve ntarara mu nda koko" urugamba rw'amaraso ruratangira, itsembabwoko rihabwa icyicaro, abari barononwa, ibyari ubusugi barabusogota ibitarigeze biba mu mateka y'isi bigaragara iwacu I Rwanda. Ikibabaje cyane ni uko imbaraga z'urubyiruko aho kubaka igihugu ari zo zabaye intwaro yo gusenya, kuko ni rwo rwahabwaga intwaro n'inyigisho byo kwica; barwijeje iby'ikirenga. Urubyiruko rwarishwe rwicwa n'urundi, ruramugazwa urucitse ku icumu rurahunga, ibikorwa by'amajyambere birangizwa ari amashuri, amavuriro, imihanda byarasenywe maze u Rwanda rwacu rusubira inyuma. Ibyo byose byabaye isi yose irebera na Loni ibihanze amaso abari bafite ububasha no kurenganura ikiremwa muntu ahubwo aba ari bo batiza umurindi umwanzi maze ahekura igihugu, twavuga ingabo z'abafaransa. Loni ndetse na MINUAR ntabwo bubahirije inshingano zabo zo kurengera uburenganzira bw'ikiremwa muntu. Ni yo mpamvu abanyarwanda barenga miliyoni batazongera kubona izuba bambuwe amahirwe n'urukundo ntitucyumva, ntituzongera kumva inseko yabo kuko tutakibasha kubaramutsa, kubahobera, rwose no gushyikirana na bo ntibigishobotse, gusa abasigaye dukore uko dushoboye ikivi cyabo batushije tucyuse. Iryo bura ryabo twakundaga ryatumye urubyiruko rwinshi rwarandagaye, rubura ababyeyi, abavandimwe no gufatwa ku ngufu ku bari n'abategarugori byabaviriyemo intandaro yo kwandura SIDA, abandi bagize ihungabana mu buzima bwabo bwa buri munsi. Kugera kure si ko gupfa, F.P.R iba igeze ku ntego yiyemeje n'ubwo hapfuye

imbaga itabarika y'abantu byatumye irengera kandi irohora abari bagiteraguza ihagarika ubwicanyi bwari bworetse kandi bwibasiye inyoko muntu isi yose irebera, Loni ibihanze amaso, ibihugu by'ibihangange bivuza impundu. F.P.R yashyizeho ubuyobozi bushingiye ku bumwe n'ubwiyunge kugira ngo ifashe gusubiza isura igihugu cyacu cyahoranye mbere y'umwaduko w'abazungu no gusana imitima y'abanyarwanda yakomerekejwe n'itsembabwoko, igaragaza uruhare n'uburenganzira bw'umunyarwanda wese ku gihugu cye n'aho ari ho hose akagira ishema ryo kwitwa umunyarwanda, ibyo byose yabigezeho ica burundu umuco wo kudahana, ishyiraho inkiko Gacaca, ingenzi mu gukemura no kunga abanyarwanda bakoze n'abakorewe ibyaha by'iyicarubozo.

Urubyiruko rwahawe urubuga n'uburenganzira busesuye mu gihugu:
Haba mu mashuri, uburenganzira bwo kwiga, uburinganire mu mashuri, ubu kandi ntihakibaho KWEMERERWA byagiye nk'ifuni iheze byajyanye n'ingoma y'igitugu, abandi bose barareshya imbere y'amategeko, bagahabwa amahirwe angana mu buzima, ikigezweho mu ishuri ni yitsindiye agahabwa ikigo n'ishami yihitiyemo.

U Rwanda rumaze imyaka 10 rurangije urugamba rwo kwibohora, n'ubwo rutekanye rukeneye abarufasha mu bibazo rwahuye nabyo cyane cyane kwitabwaho k'urubyiruko kuko ingaruka nyinshi za jenoside ni bo zibasiye. Mu gihe cya jenoside habayeho ubwicanyi bwahungabanyije ubuzima bw'urubyiruko ndetse barusigira ibisare bikomeye komorwa ngo bikire. Ni yo mpamvu bakeneye kwegerwa bagahabwa inama, bakumvwa, bagahumurizwa, bagahabwa icyizere cyo kubaho bityo bakabona ko bari kumwe n'abandi bafite umutima ubakunda kandi babitaho, babibuka, babahora hafi.

Mu mibereho y'urubyiruko rwa none kugira ngo rugere ku ntego rwiyemeje rwo guca itsembabwoko burundi ni uko babwirwa amateka y'ibyabayeho haba mbere y'itsembabwoko, igihe cy'itsembabwoko na nyuma yaryo bakabishyira mu nyandiko (ibitabo), bakigisha ko bose ari abanyarwanda bafite isano isumba iy'amaraso, urubyiruko rugomba kurwanya umuco wo kudahana rukimakaza umuco w'amahoro, n'ubworoherane, rukitabira inkiko Gacaca, rufasha abakoze ibyaha kwemera no gusaba imbabazi, rugafasha kandi abakorewe ibyaha kubabarira ababibakoreye, bityo urwo rubyiruko Rwanda rwejo ruzaba rubaye umusingi w'iterambere ry'ubumwe n'ubwiyunge ndetse n'inkingi y'amajyambere nyayo u Rwanda ruzagenderaho no mu myaka iri imbere.

Igihe urubyiruko ruzajya rutanga ibitekerezo bizarushaho kugirira igihugu akamaro ndetse n'abagituye. Ibyo ruzabigeraho rwitabira ikiganiro, imikino n'imyidagaduro ndetse n'ingendoshuri bihuza urubyiruko rwo mu turere dutandukanye, bituma bahungukira ibitekerezo binyuranye kandi byubaka.

Icy'ingenzi kandi cya ngombwa ku rubyiruko ni ukwibuka ibyabaye ngo bitongera kubaho, bikandikwa abato bakabisobanurirwa, bakabyigisha ku buryo buhagije.
Kurwanya abafite ingengabitekerezo ya jenoside n'abapfobya jenoside nibyo bizatugeza ku bumwe n'ubwiyunge. Urubyiruko rwiyemeje kurinda ubusugire bw'igihugu rwinjira mu ngabo no mu mitwe ya politiki igamije kubaka no guteza imbere igihugu cyacu.

Hakenewe byinshi ku rubyiruko mu kurwanya jenoside burundu ntizasubire mu gihugu cyacu no hanze y'inkiko zayo. Urubyiruko rugomba kandi rukeneye :

- Amashyirahamwe y'urubyiruko agamije kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, abashaka kuyigarura ndetse na jenoside ubwayo atibagiwe abayipfobya;

- Rugomba kwimakaza umuco w'amahoro ruharanira ubumwe bw'abanyarwanda bose kuko ni rwo rutezweho amaso;
- Urubyiruko rugomba gukosora amateka yaranze igihugu cyacu ruca burundu ivangura ry'amoko, uturere, n'ibara ry'uruhu….
- Urubyiruko rugomba kurwanya ubujiji, rwiga kandi rwigisha abandi no kumenya amakuru y'igihugu bakamenya naho kigeze;
- Ntirugomba gukunda ibintu kuko intandaro y'akangaratete abenshi bavuga ko, byoretse benshi mu gihugu cyacu mbese nta kwishimira ibyo rutakoreye;
- Kugira urukundo buri wese rukamubonamo umunyarwanda nta bwoko n'uturere;
- Ukuri ku byabaye niyo ntwaro urubyiruko rugomba kwitwaza kugira ngo rushimangire ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda. Rufite inshingano yo gufasha inkiko Gacaca kurangiza ibibazo n'imanza ziri mu gihugu, abarengana bakarenganurwa, abakoze ibyaha bagahanwa, bagaca burundu umuco wo kudahana;
- Uburinganire mu mashuri buri wese akumva ko afite uburenganzira bwo kwihitiramo ikigo n'ishami ashoboye n'aho ashaka kwiga bitewe n'amanota ye;
- Kwegerana n'abaturage bakungurana ibitekerezo byazamura igihugu cyacu;
- Icyangombwa ku rubyiruko ni ukwibuka no kuzirikana ibyabaye ko atari ugukurura amakimbirane n'amatiku ahubwo ari uburyo bwo kugira ngo tubirwanye ntibizasubire na rimwe kuko bituma twibuka aho wari uri, abawe bishwe,
  Abo wishe,
  Abo utagiriye icyo umarira,
  Abaturanyi bawe.

Nitumenye kuzirikana kandi twibuke ibyabaye ntibizasubire, ntibizasubire na rimwe rwose mu Rwanda ndetse no hanze yarwo, by'akarusho ku isi yose. Tubane mu mahoro, ubumwe bube intego ya buri wese, twongere tuti " Ntibizasubire na rimwe.

TUYISHIME Valentine
5ème Année Pédagogie

E.N.P / T.T.C KAVUMU
B.P. 125
GITARAMA

RUBYIRUKO IBYABAYE NTIBIZONGERE

O. INTANGIRO

IGICE CYA I. IMIBEREHO Y'URUBYIRUKO MU MATEKA Y'U RWANDA.

IMIBEREHO Y'URUBYIRUKO MU RWANDA :

1. Mbere ya Jenoside
2. Mu gihe cya Jenoside
3. Nyuma ya Jenoside

IGICE CYA II : **ICYO URUBYIRUKO RWAKORA MU GUKUMIRA JENOSIDE**

1. Kwimakaza umuco w'urukundo mu banyarwanda.
2. Gushaka ukuri ku mateka yaranze u Rwanda
3. Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside
4. Kugira ubumenyi ku mateka y'isi.
5. Guharanira amahoro.
6. Kubahiriza uburenganzira bw'ikiremwamuntu.
7. Kwitabira umurimo.
8. Kwimakaza umuco wo gufashanya.
9. Kugira uruhare mu buyobozi bw'igihugu
10. Kudapfobya no kutibagiza Jenoside.

O. INTANGIRIRO

Muri rusange twese tuzi ko mu Rwanda habaye Jenoside yibasiye abatutsi n'abahutu batari bashyigikiye ayo mahano. Byose urebye usanga byaratewe n'amacakubiri twabibwemo n'abakoloni baje bakaducamo ubwoko butatu : abatutsi, abahutu, abatwa. Iryo vangura n'ubwo ryageze ku banyarwanda bose ariko urubyiruko narwo cyane cyane rwahuye naryo bazira ubwoko bwabo ndetse n'uturere haba mu mashuri, mu mirimo ndetse no mu buzima busanzwe. Ibyo byaje kugeza u Rwanda ku itsembabwoko ryo muri Mata 1994 ryakozwe cyane cyane n'urubyiruko ndetse rikaza guhagarikwa n'urundi rubyiruko.

Uhereye kuri ayo mateka ya jenoside, ushobora kugabanya u Rwanda mo ibice bitatu :

1. U Rwanda mbere ya Jenoside (kuva ku ngoma ya cyami) Mata 1994:
   *U Rwanda mbere y'ubukoloni
   *U Rwanda mu gihe cy'ubukoloni
   *Igice cy'u Rwanda nyuma y'ubukoloni
   (01/07/1962 – Mata 1994)
2. U Rwanda mu gihe cya Jenoside
3. U Rwanda nyuma ya Jenoside.

Icyo ayo mateka atugaragariza ni uko muri ibyo byose urubyiruko ari rwo rwakoze ayo mahano, ndetse ari narwo rwayahagaritse. Byagenze bite. Ingaruka zayo zabaye izihe ku rubyiruko ? None se urubyiruko rwakora iki iyo Jenoside ntizongere kubaho ukundi haba mu Rwanda, Afrika no ku isi hose ?

I. IMIBEREHO Y'URUBYIRUKO MU MATEKA Y'U RWANDA

I.1. U RWANDA MBERE YA JENOSIDE (INGOMA YA CYAMI – MATA 1994).

U Rwanda ni igihugu cy'imisozi igihumbi, kera mbere y'ubukoloni rwayoborwaga n'umwami agafashwa n'abatware. Abanyarwanda bari batunzwe no guhinga no korora; mbese baruzuzanyaga bigatuma habaho ubuhake n'ubukonde. Abanyarwanda barimo ibice bitatu uhereye ku bukungu bwabo : Abatutsi, Abahutu, Abatwa. Ibyo ntacyo byari bitwaye abanyarwanda kuko bubahanaga, ukeneye inka akajya guhakwa k'uzifite nawe akazamugororera, byari byiza kuko abana baba ab'umutunzi, ab'umuhinzi barasabanaga bagakina ndetse bagafatanya no mu mirimo imwe n'imwe.

Igihugu rero nticyabagaho kidafite ingabo, hari ingabo ndetse zabagamo n'urubyiruko wasangaga rukundanye, rusabana, rushyize imbere guharanira ubusugire bw'igihugu mbere byari byiza kuko urubyiruko rwagirwaga inama n'umubyeyi uwo ari we wese. Imiryango yo mu bice bitandukanye yarashyingiranwaga, ikanatumirana mu birori.

Igihe uko cyagendaga niko n'imibanire y'Abanyarwanda yakomezaga kuba

myiza, nyuma hatangiye kwaduka abazungu mu w'1849, bamwe baraza bararureba bajya i Burayi bageza ku banyaburayi imiterere y'u Rwanda ndetse n'Afurika bati : twaracitswe. Nibwo kuva ku wa 15/11/1884 kugeza ku wa 27/2/1885 bateranye bigabanya ibihugu by'Afurika ndetse n'u Rwanda bararufata nibwo bamwe baje, baza batuzaniye iyobokamana rishya turabumvira ndetse turanabayoboka, ariko ntibyabujije abanyarwanda gukomeza kubana ndetse no kubahana, byongeye kandi n'abo bapadiri bera baraje badufatiraho urugero rwo kubaha abayobozi kuko iyo ari cyo cyose bifuzaga gukora mu gihugu babanzaga bagasaba uburenganzira abatware.

Abandi nabo bashakaga kwigarurira u Rwanda baraje basanga abarwo bashyize hamwe babura uko barwigarurira bati : "Reka dukureho uriya mwami wabo ariwe MUSINGA ni we ubashuka wenda namara kugenda bazatwumvira". Nibwo ku wa 12/11/1931 bamukuraga ku butegetsi ndetse batanamusigiye ubuzima. Ubwo bajya mu baturage cyane cyane bibanda mu rubyiruko kuko arirwo rwari rufite amaraso ashyushye harimo n'ubujiji, babumvisha ko umututsi ari ufite izuru rirerire akaba muremure akaba yaraturutse muri Ethiopiya ndetse banabumvisha ko yihariye ubutegetsi naho ngo umuhutu we akaba ari mugufi, umuhinzi akaba yaraturutse muri Cadi kandi ngo akaba yarakandamijwe atarigeze ayobora, umutwa we ngo ni umusangwabutaka.

Ubwo bifashisha urubyiruko, barwimikamo ibyo bitekerezo, na rwo rurabumvira. Barwigisha guhirika ubwo butegetsi bw'abatutsi mu w'1959 si ukubiraramo barabica ngo aha ntibashaka kuzongera kuyoborwa n'abatutsi, n'abari basigaye barahunga baratorongera bajya ishyanga, ibyo byose rwari urubyiruko rwabikoraga. Barwigisha gushyira inda imbere aho kwimakaza urukundo n'amahoro.

Ku wa 1/7/1962, nibwo u Rwanda rwabonaga ubwigenge ariko ntibyabuza abazungu gukomeza gufata imyanya mu buyobozi bw'u Rwanda. Nibwo batangiye kwandika amoko mu marangamuntu, havuka n'amashyaka nka Parmehutu, Aprosoma..., urubyiruko ruba urwa mbere mu kuyashyuhamo. Ibyo byose byabaga ari nako Abanyarwanda bamwe batotezwa, urubyiruko cyane cyane urw'abatutsi ruricwa ngo aha nirwo ruzabyara inyenzi. N'ubwo icyo gihe hariho abayobozi batowe nka Perezida w'u Rwanda KAYIBANDA Grégoire waje gusimburwa na Général Major HABYARIMANA Juvénal itotezwa ry'abatutsi ryarakomeje kandi hakoreshwa urubyiruko kuko ari rwo rwari rwinshi, rufite imbaraga kandi ari n'injiji. Mu mashuri urubyiruko rumwe rwarakandamijwe ngo aha ni iriganiza. Ubwo baremye umutwe w'ingabo z'igihugu binjizamo abasirikare barobanura amoko, urwo rubyiruko rw'abasirikare rurakoreshwa mu gutoteza Abatutsi mu w'1973 n'abasigaye baratorongera bajya mu bindi bihugu nka UGANDA, BURUNDI...

Aho babaye batishimye na mba bitwa impunzi. Ariko nta bapfira gushira, bamwe mu basore n'inkumi bari hanze y'urwababyaye bumvise batakwihanganira kurebera akarengane kabera mu gihugu cyabo nibwo mu kwakira 1990 bafashe imyambi bagana urugamba baharanira ko mu gihugu cyabo hagaruka amahoro ndetse hagashira n'akarengane.

Abari bariyise abatabazi nibwo batangiye gutegura jenoside y'Abatutsi ari nako babeshya amahanga ndetse n'abanyarwanda bifuza amahoro ngo bari mu masezerano y'amahoro y'Arusha, nyamara bibereye mu gutegura jenoside ngo inkotanyi zizaze zisanga abatutsi barashize. Ni bwo rero batangiriye mu rubyiruko ari

rwo rwari rwinshi ari injiji ndetse rurimo n'injiji zize barushyiramo ibyo bitekerezo n'ubusanzwe ariko rwari rufite, barubwira ko umwanzi ari umututsi, yaba umwana, urubyiruko rw'abahungu ndetse n'abakobwa yewe n'umukambwe. Bigishije urwo rubyiruko kwicana ndetse banaruha intwaro barubwira ko ruzagororerwa, narwo rukajya kwigisha abandi.

Ubwo rero bamwe mu rubyiruko bavutswa uburenganzira bwabo harimo no kwiga n'abagize amahirwe yo kwiga barangiza bakabura akazi bazira ko ari abatutsi, bazira uturere bakomokamo cyangwa ibitekerezo byabo.
Ibyo byabateye kujya mu Nkotanyi kwifatanya n'abandi kuza kubohora igihugu.

I.2. U RWANDA MU GIHE CYA JENOSIDE

Mu ijoro ryo ku wa 6/4/1994 byabaye nko gukoma imbarutso, ubwo uwari umuyobozi w'igihugu Général Major HABYARIMANA Juvénal yicwaga.
Ubwo itsembabwoko riratangira, abanyarwanda batagira ingano baratotezwa ndetse baranicwa. Abo bari abatutsi n'abahutu batavugaga rumwe n'ubutegetsi bwariho icyo gihe, kandi ubwo bwicanyi bwose abenshi babukoraga bari urubyiruko.
N'ubwo ubwo bwicanyi bwose bwabaga, abasore b'Inkotanyi barwanaga baza kureba uko bahagarika iryo tsembabwoko no kureba ko hari uwo barokora.
Birumvikana ko mu bicaga harimo urubyiruko no mu bicwaga harimo urubyiruko ndetse no mu batabaraga abenshi muri bo bari urubyiruko.

I.3. U RWANDA NYUMA YA JENOSIDE

Aho ayo mahano acogorejwe n'inkotanyi ku wa 4/7/1994, abanyarwanda bamwe bari bamaze gutikirira muri iyo jenoside, abandi baratorongera bajya i Mahanga. Mbese igihugu cyari kubakwa na nde ? Ko n'abari basigaye bari bahunze ? Ndetse bakaninjira mu bikorwa byo guhungabanya umutekano w'u Rwanda bajya mu Gicengezi.

Muri urwo ruhuri rw'ibibazo, urubyiruko na rwo rwari rwibasiwe cyane n'ingaruka za jenoside harimo ubupfubyi, guhungabana, kubura aho baba, kubura uko babaho, indwara z'ibyorezo ziterwa n'imibereho mibi hiyongeraho na Sida (SIDA), ndetse urubyiruko rwinshi rwaranafunzwe.
N'ubwo ibibazo byari byinshi, urubyiruko ari na rwo rugize igice kinini cy'abanyarwanda (hejuru ya 60%) ntirwahwemye gushyira mu bikorwa ibyo rushishikarizwa na Leta y'Ubumwe kugira ngo rusane u Rwanda. Abari baravukijwe amahirwe yo kwiga babashije gusubira mu mashuri yaba ayisumbuye, amakuru n'ay'imyuga babifashijwemo n'imiryango iharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu, MINALOC, IKIGEGA GISHINZWE GUTERA INKUNGA ABACITSE KU ICUMU ari cyo FARG.

II. ICYO URUBYIRUKO RWAKORA MU GUKUMIRA JENOSIDE

II.1. KWIMAKAZA UMUCO W'URUKUNDO MU BANYARWANDA

Twimakaze umuco w'urukundo wahoze mu rwa Gasabo mbere y'uko abakoloni batubibamo amacakubiri ndetse twongere tubane nk'abavandimwe nk'uko amategeko y'Imana abitwigisha ko buri muntu akwiye gukunda mugenzi we nk'uko yikunda we ubwe.

II.2. GUSHAKA UKURI KU MATEKA YARANZE U RWANDA

Dushake kandi tumenye ukuri ku mateka yaba amabi n'ameza yaranze igihugu cyacu, tumenye amavu n'amavuko ya jenoside ndetse tubisobanurire n'abandi haba mu biganiro mu nyandiko no mu bundi buryo bwose twabona ubwo butumwa bwagera ku bandi kugira ngo tuzagire uruhare mu nkiko Gacaca, tuvuga ukuri ku byabaye ndetse dushishikariza n'abakoze jenoside kwemera ibyaha bakavuga uko byagenze, ibyo bizadufasha kugera ku bumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

II.3. KURWANYA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE

Tugire umutima wo gukunda igihugu hiyongeraho no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside aho yaba ishingiye hose ndetse n'uwo ari we wese washaka kutuzanamo ivangura iryo ari ryo ryose tumushyikiriza ubuyobozi.

II.4. KUGIRA UBUMENYI KU MATEKA Y'ISI

Tugomba kumenya amateka y'isi, tumenya ahabaye ibikorwa bya jenoside, tukamenya impamvu zabiteye, uburyo n'inzira bakoresheje ngo bagarure ubwumvikane (UBWIYUNGE) mu bari bagize ibyo bikorwa by'imenamaraso rikabije.

II.5. GUHARANIRA AMAHORO

Duharanire amahoro, ubworoherane ndetse no kubahana.

II.6. KUBAHIRIZA UBURENGANZIRA BW'IKIREMWA MUNTU

Twubahirize uburenganzira bwa buri muntu, ntawe uhutaza undi tugerageza no gutabara ndetse no kugira inama ahariho hose bashaka gukora jenoside.

II.7. KWITABIRA UMURIMO

Twitabire umurimo kuko igihugu kirimo ubukene nta n'amahoro aba akirimo. Ibyo tuzabigeraho twibumbira mu mashyirahamwe kuko abashyize hamwe nta kibananira kandi n'Imana irabasanga. Kandi kurwanya ubukene hitabirwa umurimo bizadufasha gukumira jenoside kuko byagaragaye ko ibitekerezo by'ivangura byashishikarizwaga cyane cyane inzererezi n'imburamikoro babashukisha amaronko y'akanya gato.

II.8. KWIMAKAZA UMUCO WO GUFASHANYA

Tugire umuco wo gufashanya twita cyane ku bashyizwe iheruheru n'ayo mahano barimo : abamugaye, imfubyi, abapfakazi, abahungabanye by'umwihariko tugerageza kubatega amatwi, abafashwe ku ngufu bakanduzwa indwara z'ibyorezo zirimo na SIDA n'abandi.

II.9. KUGIRA URUHARE MU BUYOBOZI

Tugire uruhare mu buyobozi bw'igihugu cyacu agaciro inzego z'urubyiruko, dushyigikira na Politiki yo kwegereza ubuyobozi abaturage.

II.10. KUDAPFOBYA NO KUTIBAGIZA JENOSIDE

Twe gupfobya no kwibagiza jenoside kugira ngo buri wese akomeze yibuke ingaruka zayo maze afate ingamba zihamye zo kuyikumira.
Ibyo bizagerwaho twerekana ahaba hakiri ibisigazwa by'abazize jenoside, dufata neza inzibutso zashyinguwemo izo nzirakarengane kandi tunaha icyubahiro gikwiye intwari zamennye amaraso yazo ngo zihagarike ubwo bwicanyi.

Izo ngamba zose dukwiye kuzifataho impamba izadufasha mu kubaka igihugu kirangwamo : amahoro, ubumwe, ubwiyunge n'amahoro. Zizadufasha kandi no guharanira ko ibyabaye bitazongera kubaho ukundi haba mu Rwanda, muri Afurika, no ku isi hose tubifashijwemo n'Imana.

Murakoze.

URUHARE RW'URUBYIRUKO MU KUBAKA IGIHUGU

Ubusanzwe urubyiruko ni abantu batarengeje byibura imyaka y'amavuko mirongo itatu n'itanu. Turebye amateka y'u Rwanda, kuva mbere y'umwaduko w'abazungu kugera mu gihe cy'itsembabwoko n'itsembatsemba dusanga urubyiruko ari rwo rwagiye rukoreshwa cyane, haba mu kubaka igihugu igihe rwahawe inyigisho nziza (mbere y'umwaduko w'abazungu) cyangwa mu kugisenya igihe bahawe inyigisho mbi (mu itsembabwoko n'itsembatsemba).

Dore uko urubyiruko rwari rubayeho mbere y'umwaduko w'abazungu : Muri rusange urubyiruko rwatozwaga rukiri abana bato ikinyabupfura no kubaha buri wese. Umuhungu iyo yabaga ageze mu gihe cy'ubugimbi yatozwaga imirimo y'abagabo nko kubaka, kuragira, gukama inka kurashisha umuheto, gusimbuka

urukiramende n'ibindi byinshi kugira ngo atazaba ikigwari, ahubwo ngo azavemo umugabo nyamugabo uzubaka urugo rugakomera, kandi akaba intwari y'igihugu kuko umusore wese yabaga ari ingabo y'igihugu cyaterwa akagitabarira. Si ibyo gusa batozwaga no gukunda igihugu ku buryo bibaye ngombwa banagipfira.

Umwana w'umukobwa we iyo yabaga ageze mu gihe cy'ubwangavu yatozwaga imirimo ya kigore, ni ukuvuga imirimo imutegura kuzaba umutima w'urugo igihe yarongowe. Mu byo umwangavu yakoraga nko gukubura, kuboha uduseke n'imisambi, guteka, koza ibyansi, kubuganiza amata kandi akagira ubwitonzi. Nta mukobwa washoboraga guherekeza bwije atari kumwe na musaza we. Umukobwa watwaraga inda y'indaro bajyaga kumwohera bityo bigatuma urubyiruko rwirinda ubusambanyi.

Ibyo byose byatumaga urubyiruko rutabona umwanya wo gukora ibyo rwishakiye ahubwo rugakora ibirutegurira ejo hazaza heza bityo bagateza imbere igihugu cyabo kuko babaga bafite imyumvire imwe batojwe bakiri bato.

Nyuma y'umwaduko w'abazungu ibintu byaje guhinduka kuko urubyiruko rwatangiye gutozwa ivanguramoko, irondakarere n'ibindi bibi byose, maze muri mirongo itanu n'icyenda urubyiruko rw'abahutu rukangurirwa gutema abo bitaga abanzi babo ari bo batutsi kandi bose ari bene kanyarwanda. Ibyo byose byaturukaga ku butegetsi bubi bwariho icyo gihe bwigishaga amacakubiri.
Izo nyigisho mbi zakomeje gutangwa maze mu mashuri no mu mirimo haba ironda ry'uturere, urubyiruko rw'abatutsi rubura intebe mu Rwanda rwatsindiye kujya mu mashuri yisumbuye akitwa umwanzi w'igihugu, ubwo akaba abujijwe uburenganzira bwe bwo kwiga. Kubera ko izo nyigisho mbi zatanzwe mu gihe kirekire bitewe n'uko ubutegetsi bwariho bwari akazu k'abantu bamwe kandi bakaba bose bari bashyigikiye ivanguramoko, byatumye zicengera mu rubyiruko ku buryo rwafashe iya mbere mu gushyira mu bikorwa itsembabwoko n'itsembatsemba, aho umwana yishe nyina ngo ni umututsi, umugabo akica uwo bashakanye ngo ni umututsi.

Hagati aho ariko urundi rubyiruko rwari rwaravukiye hanze y'igihugu, aho ba se na ba sekuru bari barahungiye birukanywe mu gihugu ngo ni abatutsi ; rwishyize hamwe rushoza urubanza rwo kwibohoza ku ya mbere ukwakira 1990.

N'ubwo urwo rubyiruko rwari rufite amikoro make, inzara n'inyota ruri ku nzira, imvura y'amahindu nta nzu bagira nk'aho hari icyaha bacumuye mu Rwanda ; barihanganye, baritanga kubera urukundo rw'igihugu, batatu bapfa, babiri bagakomeza kugeza ubwo ku ya 4 Nyakanga rwashoboye kwibohora ndetse ruhagarika itsembabwoko n'itsembatsemba ryakorerwaga imbaga y'abanyarwanda bazira ubwoko bwabo cyangwa bazira ko badashyigikiye amacakubiri (urugero : UWIRINGIYIMANA).

Duhereye ku byavuzwe haruguru turasanga urubyiruko ari rwo ntandaro ya byose mu kubaka igihugu igihe rwatojwe hakiri kare gukunda igihugu ndetse n'abagituye kandi bakirinda ubunebwe nk'uko urubyiruko rwa kera rwabigenzaga mu byo twavuze haruguru.

Turebe icyo urubyiruko rwagezeho muri iyi myaka icumi ishize itsembabwoko ribaye : Ubu urubyiruko rwose ruriga rukageza aho rushatse hadakurikijwe ubwoko cyangwa akarere, ndetse no mu mirimo hakurikizwa

ubushobozi bw'umuntu. Mu burere mboneragihugu ntitukigishwa ivanguramoko ahubwo twigishwa ubumwe bw'abanyarwanda. Urubyiruko rwasizwe iheruheru n'itsembabwoko n'itsembatsemba rwishyurirwa amafaranga y'ishuri ndetse rukanavuzwa ku buntu. Urubyiruko rutishoboye na rwo rurihirirwa amashuri. Urubyiruko rutiga na rwo ntirwatereranywe kuko rwigishwa kwihangira imirimo, rwibumbira mu mashyirahamwe hanyuma bagahabwa imfashanyo ariko rwashyizeho n'ingufu zarwo. Hashyizweho inzego z'urubyiruko kuva mu tugari kugera mu rwego rw'igihugu, ndetse no mu nteko ishinga amategeko y'u Rwanda urubyiruko rurahagarariwe. Si ibyo gusa kuko na Radiyo y'igihugu idahwema gukangurira urubyiruko kwirinda SIDA, bagakora imirimo ibabyarira inyungu aho kwishora mu busambanyi n'ibindi byose birwangiza.

Ibyo byose tubikesha imiyoborere myiza ya Leta y'ubumwe idahwema kudukangurira kwirinda ikintu cyose cyatuma itsembabwoko ryongera kuba. Ariko se birahagije kugira ngo ingengabitekerezo y'itsembabwoko n'itsembatsemba icike burundu ?

Dore ibindi byakenerwa kugira ngo icike burundu :

1. Handikwe ibitabo bitatu ku itsembabwoko n'itsembatsemba ; kimwe kigaragaza uko itsembabwoko ryateguwe rigashyirwa no mu bikorwa n'abariteguye. Icya kabiri cyandikwemo ubuhamya bunyuranye bw'abacitse ku icumu kandi buturutse mu Ntara zose n'umugi wa Kigali, kugira ngo bigaragaze ko ibyabaye byari agahomamunwa kandi ko byabaye mu gihugu hose. Icya gatatu cyo kikandikwamo ubuhamya bw'abagororwa bireze bakanemera icyaha, kugira ngo umuntu uzasoma ibyo bitabo byose azahite yibonera ukuri ku byabaye adasobanuje.

2. Gushyiraho mu mashuri abanza n'ayisumbuye isomo ryihariye ryigisha ububi bw'itsembabwoko n'itsembatsemba ndetse n'ingaruka zayo.

3. Kubaka inzibutso z'itsembabwoko n'itsembatsemba zikomeye, ni ukuvuga zizamara igihe kirekire, kugira ngo itsembabwoko ritazibagirana na rimwe mu mateka y'u Rwanda, kuko byagaragaye ko hari hamwe zatangiye gusenyuka (urugero : Urwibutso rw'i Nyarubuye cyangwa urw'i Nyamata)

4. Guhana by'intangarugero abagize uruhare mu itsembabwoko kugira ngo bibe urugero ku bandi. Birababaje kubona umuntu wamaze abantu akatirwa imyaka icumi cyangwa makumyabiri (urugero : Obed RUZINDANA wamaze abasesero ariko agakatirwa imyaka makumyabiri gusa).

5. Ababyeyi nibasobanurire abana babo kuva bakiri bato ububi bw'itsembabwoko n'itsembatsemba, maze bamenye ukuri ku byabaye kandi bakangurirwe kubyirinda.

6. Ingando z'urubyiruko nizikorwe n'urubyiruko rwose, aha ndavuga n'urukiga mu mashuri yisumbuye kuko byagaragaye ko zikorwa gusa n'abarangije ayisumbuye ndetse n'urukiga bonyine, kandi ngo igiti kigororwa kikiri gito. Kuki batatangira gukora ingando bakiri bato, batari bagira imitwe ikomeye.

7. Urubyiruko nitwihangire imirimo, twirinde abatubibamo amacakubiri ahubwo duharanire ubumwe bw'abanyarwanda n'iterambere ry'igihugu.

8. Urubyiruko natwe twirinde icyorezo cya SIDA, kugira ngo itatuvutsa ubuzima bwacu kandi ari twe mbaraga z'igihugu.

Ibi byose tubiture Imana kugira ngo ihindure imitima y'abanyarwanda, amacakubiri n'inzangano bicike burundu, ubwigenge butsinde agahato, bwirukane akarengane, bubyare ubwumvikane, butere ubwenge n'imbaraga maze u Rwanda rutembe amata n'ubuki.

Amazina : TUYISENGE Théoneste
Umurenge : MUKARANGE
Intara : KAHI

KUVUGURURA NTIBIGOYE
BIGOMBA UBWUZUZANYE

Ibikubiyemo :

- Uko abanyarwanda babanaga mbere y'itsembabwoko.
- Mu gihe cyahise ibyabaga byashyigikirwa n'abaruyoboraga , bigacengezwa mu rubyiruko, bikanashimangirwa kuko arirwo mbaraga z'igihugu.

- Mu isubiranamo ry'abanyarwanda, igihugu cyari kimeze gite ? Ese urubyiruko rwabifashijwemo rute ?
- Ese aho n'abarwo bari baratawe iheruheru, ndetse hanze y'igihugu, hari icyo byaba byaratanze ? cyane cyane mu rubyiruko ?
- Mu rwego rw'urubyiruko aho u Rwanda ubu turateganya gufatanya, tukazaba intangarugero ku isi ?
- Dukomereze aha, ibyabaye ntibizongere, dukurikiza inama zikurikira :

    - Gukunda umunyarwanda wese, gukunda igihugu, ukanagikundisha n'abandi.
    - Kudaca umuco nyarwanda
    - Gukumira no kwamagana ibitekerezo bisenya u Rwanda.

Icyitonderwa : Kuko urubyiruko arirwo mbaraga z'igihugu rugomba kwitonda mu byo rukora byose rwamagana ibikorwa by'urugomo, rukanirinda inda nini kandi rugashishoza igihe habaye imvururu za politiki zikurura cyane cyane :

- Urwangano ruba hagati y'amoko
- Kudahuza amadini
- Akarengane kava muri politiki
- Umururumba (cyane cyane w'amafaranga) wenyegeza urwangano rutera intambara

UKO ABANYARWANDA BABANAGA MBERE YA JENOSIDE

Ubundi umunyarwanda yaragwaga n'ubupfura buzira ikinegu, haba mu mibanire cyangwa mu mikorere ye, igihe cyose agahorana umunezero uzira amaganya. Abanyarwanda barakundanaga kuko byari bimwe mu biranga umuco wabo, uwagize ibyago agatabarwa, uwakoresheje ibirori bakamutwerera, mbese ugasanga binogeye amaso ndetse akenshi n'abanyamahanga bakabigenderaho, bakanezezwa no kubona uko bahana inka n'abageni. Mbega umubano hagati y'abanyarwanda waziraga amakemwa. Ntihabaga ivangura iryo ari ryo ryose, hahoraga umutuzo n'ubwumvikane hagati y'abatuye igihugu cy'u Rwanda.

Bijya gucika abanyarwanda baragawe ngo kuko babana nta moko, na bo ntibashyiraho akabo ngo barebe ko ibyo baburiwe koko ariko biri.
Babyakira bwangu batabanje gushishoza. Ariko se byaba byarabahiriye ?
Oya, ahubwo icyaje gukurikira ni uko ntawe wari ukimenya ko ari umunyarwanda; ahubwo yamenyaga ko ari umututsi, umuhutu, umutwa, akanamenya ko atuye mu gace aka n'aka gusa. Ku munyarwanda hari icyo byaba byaramumariye cyangwa hari icyo yaba yarahombye ku mibereho ye ? Urebye uko byari mbere yo gushyiraho amoko cyangwa kugendera mu gace atuyemo, umunyarwanda yarahombye cyane tutiriwe tuvuga uwo ariwe kuko haje kutumvikana, kubangamirana ndetse no kutitanaho (umwe ngo yite kuri mugenzi we) ngo keretse hakurikijwe ubwoko cyangwa uturere gusa. Ntacyo byunguye ahubwo byabaye nka wa mugani ngo „Inyungu y'icyaha ni urupfu". Icyaje kugaragara ni uko bamaranye ntihagire umenya imvo n'imvano! Mu rubyiruko ho rero byabaye agahomamunwa kuko ubundi bahoranaga urukundo babaga baratojwe ariko kuko baje gutozwa urwango nirwo icyo gihe bagaragaje cyane kuko ari narwo rwakunze kugaragara muri icyo gihe.

- **MU GIHE CYASHIZE IBYABAGA BYASHYIGIKIRWAGA N'ABAYOBORAGA BIGACENGEZWA MU RUBYIRUKO BIKANASHIMANGIRWA KUKO ARI RWO MBARAGA Z'IGIHUGU**

Byaragaragaye ko akenshi ibyabaga byaturukaga mu bayoboraga igihugu ari na yo mpamvu twavuga ko aribo bacyangije rwose. Mu ruhare rw'urubyiruko, ntacyo bari bazi ariko habaga amanama yabacengezagamo akanabashimangiriza byimazeyo iby'amoko n'amacakubiri dore ko urubyiruko narwo ari birashyushye, bakabyumva bwangu bigatuma babishyiraho umwete kandi bakabikwirakwiza, banabigaragaza mu mbaraga zabo zose bigasenya igihugu; abo bayobozi rero nko ku ruhare rwa muntu inyungu bakaba barayibonye. Ariko ingaruka cyane n'ubwo urubyiruko rutayibona nirwo igarukaho, nko gushinga ingo zabo, Ihahamuka, kubura abawe,guhorana umunabi bitewe n'ibyo wakoze cyangwa wakorewe,...

MU ISUBIRANAMO RY'ABANYARWANDA IGIHUGU CYARI KIMEZE GITE? ESE URUBYIRUKO RWABYIFASHEMO RUTE?

- Muri icyo gihe igihugu nta mutuzo cyabonye haba n'agace gato kuko ari uwateraga cyangwa se uwaterwaga bose ntawaryamaga, uretse n'utarabikoraga cyangwa ngo abikorerwe yatekerezaga ibyo umuvandimwe we akora cyangwa akorerwa bikamubuza amahoro. Igihugu cyari mu kavuyo (abasahura, ababitsa ibyo basahuye n'ababitswa),….
- Urubyiruko rwo rero bitewe n'uko rwumvishwaga iby'amoko rwashyizemo imbaraga uko rushoboye kose mu gukora ibyo bari baratojwe bigaragarira abanyarwanda bose muri rusange ko ibyo urubyiruko rwakoze bitari byiza byatumye igihugu kiva ku rutonde rw'ibihugu by'amahoro. Muri rusange ntabwo rwifashe neza.

ESE AHO GITABARIWE N'ABARWO BARI BARATAWE IHERUHERU, NDETSE HANZE Y'IGIHUGU, HARI ICYO BYABA BYARATANZE ? CYANE CYANE KU RUBYIRUKO ?

- Mu rwego rw'igihugu byagaragaye ko habonetse isoko y'amahoro, ubwumvikane n'ubusabane bikubiyemo ubutabera ndetse bikaba bishyigikiwe ku isi hose. Igihugu cyacu si cyo cya mbere gishobora kuba cyarabayemo amahano yakigwiririye hari n'ibindi. Ariko ukurikije intangiriro yabyo byari bigoye cyane kubyumvisha abanyarwanda ko ari imyumvire mibi, mu buryo bwo kwiyunga. Ari na yo mpamvu nkatwe urubyiruko twakagombye kumva ko ibi ari twe bireba kuko ejo ari twe tugomba kuba abayobozi beza banogeye iki gihugu cyacu (u Rwanda).
- Mu itabarwa ry'igihugu byaragaragaye cyane cyane ko na none hakoreshejwe ingufu z'urubyiruko rwagize imyumvire ibereye abakurambare ku buryo bahawe impundu bakakirwa n'impuruza. Ubu rero muri rusange urubyiruko ruriho mu bwisanzure (imyidagaduro, ubwumvikane, kudahemukirana; binyuriye mu rukundo ruzira uburyarya).

MU RWEGO RW'URUBYIRUKO AHO U RWANDA RUGEZE UBU TURATEGANYA GUFATANYA,TUKAZABA INTANGARUGERO KU ISI:

Urebye ahantu igihugu cyacu kigeze, kiragana mu majyambere ari nabyo twaheraho tuvuga ko u Rwanda rumaze gutera intambwe mu bumwe. Nta mpavu n'imwe igaragaza ko urubyiruko rushobora kongera kwinjizwamo ibitekerezo bidafututse kubera ko ubu rumaze kujijuka. Urubyiruko nibura rwagombye kujya ruhura rukaganira ku byerekeye gushyira hamwe biganisha ku majyambere no kumenyera kwihangira imishinga bityo tugateza igihugu cyacu imbere bigatuma u Rwanda rumenyekana neza aho kugira ngo rumenyekane rusaba imfashanyo.

DUKOMEREZE AHA, IBYABAYE NTIBIZONGERE

DUKURIKIZA INAMA ZIKURIKIRA:

- Gukunda umunyarwanda wese, gukunda igihugu ukanagikundisha n'abandi. Muri rusange abanyarwanda ntibagaragaje urukundo ku buryo urubyiruko na rwo noneho byabaye nko gukoza agati mu ntozi kuko nta rukundo rwagaragaje cyangwa se ngo rukunde igihugu cyarwo. Ubwo rero ntirwari gukundisha igihugu abandi kandi na bo batagikunze. Ariko na none ubu bigaragarara cyane ko urubyiruko rw'u Rwanda runezezwa no gutura mu gihugu cyabo ndetse rugashimishwa n'ibirukorerwamo ubu kuko rurimo umutuzo.
- Kudaca umuco nyarwanda
  Kuzirikana no kumenya neza ibyerekeye ku muco wacu kandi urubyiruko rukabigiramo uruhare (mu mikino; ikinamico, ibiganiro mbwirwaruhame, imbyino,…). Kubyumvisha abo babana mu ngo z'iwabo (ababyeyi ku babafite, cyangwa se abavandimwe n'ababarera) kugirana ibiganiro n'abaturanyi kugira ngo babavanemo ibitekerezo bishaje no kuzirikana ko urubyiruko arirwo rugomba gutoza abandi umuco wacu wa kera mbere y'itsembabwoko.

- Gukumira no kwamagana abazana ibitekerezo bisenya u Rwanda.

Urubyiruko nirwo rubonana n'abantu benshi kuko hari abikundira kuganira n'abana bato hakaba abavugana cyane n'abasheshe akanguhe ndetse abandi bakaganira ko baba bazi ibyifuzo bya buri byiciro by'abatuye u Rwanda. Ubwo rero hakaba hafatwa ingamba zo guhindura abazana ibitekerezo bisenya igihugu binyujijwe mu rubyiruko (imbaraga z'igihugu) mbese abanyarwanda bose bakaba inyangamugayo.

ICYITONDERWA: Kuko urubyiruko ari rwo mbaraga z'igihugu, rugomba kwitonda no gushishoza mu byo rukora byose. Rwamagana ibikorwa by'urugomo, rwirinda inda nini kandi rugashishoza igihe habaye imvururu za politiki zikurura cyane ibi tubona:

- Urwangano ruba hagati y'amoko
- Kudahuza amadini
- Akarengane kava muri politiki

- Umururumba (cyane cyane w'amafaranga) wenyegeza urwango ruteza intambara.

NIHABWIKUZO Gaudin
Lycee des Lumières Remera

UHEREYE KU MATEKA Y'U RWANDA NI IKI URUBYIRUKO TWAKORA NGO JENOSIDE NTIZONGERE KUBAHO.

Umwe mu bahanzi b'abahanga b'abanyarwanda wahitanywe n'itsembabwoko yaritonze aratekereza yibaza ku gikorwa cyo " kwibuka". Mu buryo bwagaragaraga abadasesenguranye ubushishozi no kwivuguruza yatsindagirije akamaro ko kwibuka n'ububi bwo kwiyibagiza ibyo umuntu aba yagombaga kwibuka.

Yaragize ati "Kwibuka iyaba bitababagaho ngo nibagirwe ibintera kubabara….Kwibagirwa, oya ntibikabeho ngo umuntu yibagirwe ineza yagiriwe….".

Gutekereza twitonze kuri ayo magambo y'umuhanzi wari uzwiho ubuhanga buhanitse basesengura byimbitse no kugerageza kuyahuza n'ibihe turimo byo kwibuka ku nshuro ya cumi abacu bahitanywe n'itsembabwoko ryo muri Mata 1994, bidufasha kumva ko kwibuka abacu ari inshingano dufite; kutabikora bikaba byatubera nko guteshuka.

Duhereye ku byabaye, buri wese mu bavukarwanda gutegura ibihe bizaza by'u Rwanda rutarangwamo amacakubiri biramureba. Ubusumbane n'ubwibone bishingiye ku moko twahitiwemo n'umunyamahanga, bikwiye kuranduka kuri buri wese; akabona uwo ari we wese mu ishusho y'umuntu. Ubudasa ubwo ari bwo bwose bwagombye kutubera isoko y'ubwuzuzanye aho kutubera intandaro yo kwishishanya.
Uburenganzira muri iki gihugu cyacu duhuriyeho; twagombye kwiyumvisha ko tubunganya. Ibyigishijwe by'uko tugisumbanyamo agaciro hakurikijwe ngo uko twagitanguranywemo (nkibaza uko abantu batanguranywa batatumanyeho) dukwiye twese kubibona nk'iby'agaciro gake nako nta gaciro na busa ayo materanya y'abatandukiriye akwiriye kutugiraho.

Ariko ubundi ko abatuyobeje bumvisha Gahutu ko ari we nyiri gihugu kuko ngo yagitanzemo gatutsi, iyo mvugo tuyakiriye by'ukuri tukagendera kuri iryo hame ry'abahabye; aho mu by'ukuri na Gahutu ntiyaba agomba guha inda ya bukuru Gatwa numva ngo we waje atema ibigunda mbere y'uko uwo nyir' igihugu anatekereza kuza ino ngo ava muri Cadi nk'uko uwaciye indaro amacakubiri yaciye igihugu umugongo agenera buri bwoko inkomoko n'inkota !

Twagombye gutekereza kurushaho tukanarenga aho dukunze kugarukira. Kuba bivungwa ko amateka yacu yaranzwemo amacakubiri yaje no kudukururira itsembabwoko, ntibishatse kuvuga ko amateka y'u Rwanda yose uko yakabaye yabaye mabi. Byinshi mu biyakubiyemo bitwereka byinshi byiza byagushaga iteka ku mibanire myiza, ubumwe, gukunda igihugu, kwihanganirana n'urukundo byarangaga abanyarwanda bo hambere: abanyarwanda bamye bagendera kure " nyamwigendaho": baratiranaga, bagatizanya ibikoresho barushanya. Baratabaranaga ugize ibyago ntabyiharire; n'ibirori bikaba ibya bose ntibibe iby'umwe, bahanaga inka ndetse bakagabirana n'amasambu bagakeberana, bagatumirana. Ukubwe n'ubwire ari ku rugendo yasabaga icumbi aho ageze nta kubishisha na bo bakarimuha batabanje kumubaza ubwoko cyangwa akerere akomokamo. Baramufunguriraga, bakamusasira, bwacya bakamuherekeza amahoro akikomereza urugendo; uko kumenyana kukaba kwazanavamo ubucuti bwashoboraga kuramba.

Abanyarwanda barashyingirana batitaye kubibatandukanya. Imiryango igasabana ikaba nk'umwe. Umuco wo kunywana wari wogeye abanywanye bagafatana uburemere igihango bahanye bakabikundanira, bakubahana kandi bakarwaniranira ishyaka. Mu bihe by'amapfa abanyarwanda barahahishanya nta bwironde ubwo ari bwo bwose. Iyo umuturanyi yarwaraga cyangwa akarwaza umwe mu bagize umuryango abaturanyi baramuhekeraga nta biguzi bamuciye. Izo ni zimwe mu ngero zitwereka ko amateka y'abanyarwanda ubwayo afashwe uko yakabaye atabaye mabi ahubwo ni bimwe mu bihe n'igice byayo byaje kurangwamo amacakubiri. Ibyo bihe rero mu byukuri nibyo abanyarwanda dukwiye kwicara hasi tukaganiraho tukiga kubivugaho rumwe, tukareba ahari umuzi w'ikibazo n'uwabaye

nyirabayazana aho kwitana bamwana. Kubera ibihe biruhije u Rwanda n'abanyarwanda twanyuzemo, hari uwakwibwira ko ibyo bidashoboka.

Ntidukwiye gucika intege ngo dutekereze ko ubwiyunge n'ubumwe by'abanyarwanda bituri kure nk'ukwezi. Dufite byinshi byashingirwaho mu kongera kubaka umuryango nyarwanda mushya urangwamo ubworoherane, dore nk'ibyo njye mbasha kumamaho akajisho:

- Kuba hari bamwe mu banyarwanda (b'abahutu) barwanyije umugambi wo gutsemba bakemera no kubitakariza ubuzima, bikwiye kutwumvisha ko kwanga umututsi atari imbuto iteye kandi yarangije gushinga mu mutima wa buri muhutu;
- Kuba mu bicanye (babishishikarijwe cyangwa babishowemo n'ubuyobozi bubi), kuri ubu bigaragara ko harimo abafite umutima wicuza ubwo bubisha, ni ikimenyetso ko abantu bashobora guhindura imyumvire mu gihe cyose bigishijwe neza, aha ingando zikaba zigaragaza umusaruro mwiza;
- Kuba hari abacitse ku icumu biciwe ababo bakaba barasigaye ari nyakamwe, ariko bakaba bagerageza kurenga ku nguma basigiwe ku mutima no ku mubiri, bakababarira nta gahato, nta mbereka, ababagize ibisenzegeri; na byo mbona ari ikimenyetso cy'uko ubwiyunge atari inzozi i Rwanda;
- Bimwe mu byarangaga ubumwe bw'abanyarwanda ntibyazimanganye na n'ubu hari henshi bikigaragara: Abantu hatarobanuwe amoko baratumirana, barasangira, bahana inka, barashyingirana, abantu barakorana mu kazi, abana barigana mu mashuri bigashoboka,…

Dufatiye kuri ibyo se hakorwa iki ?
Nk'uko mu mashuri higishwaga ko iby'umututsi n'umuhutu ari nk'ibya ya nzoka n'umugenzi, urwango hagati yabo rukagereranywa n'urw'injangwe n'imbeba, nihakorwe ibishoboka byose hitabazwe uburyo n'umwete biruta kure ibyo abateye iyo mbuto bakoresheje babiba amacakubiri. Iri tsembabwoko twibuka ku nshuro ya cumi nyamara rikaba rikitugaragarira nk'iryabaye ejo kubera ingaruka zikakaye ryadusigiye ni imfashanyigisho y'uwo ari we wese washaka kugaragaza ububi bwa politiki y'umwiryane yashyiraga imbere guca ibice mu banyarwanda. Kwereka ababyiruka ubu ibibazo by'ingorabahizi byakuruwe na Jenoside, nk'ikibazo cy'abapfakazi batagira ingano, imfubyi zitabarika, gusenyuka kw'imiryango, umubare w'imfungwa urenze urugero, ubukene bukabije mu miryango y'abanyarwanda, umuvuduko ukabije w'ibyorezo by'indwara, kwangirika kw'isura y'u Rwanda imbere y'amahanga, n'ibindi n'ibindi……Byafasha urubyiruko rutabonye ibyo biba kubyiyumvisha no gukura babigendera kure.

Mu kwigisha urubyiruko hajye hagaragazwa umuzi n'intandaro y'amacakubiri yashenye u Rwanda, hagaragazwe amateka y'ukuri ataragorekwa:
Uko mu mateka babitubwira mu Rwanda rwo hambere, mbere y'uko abakoloni bigaruriye igihugu, urubyiruko rwari amaboko n'imbaraga z'igihugu. Binyuriye ku nyigisho nzima z'ubudakemwa kandi zibakundisha igihugu, zatangirwanga mu itorero, urubyiruko rw'u Rwanda rwabyirukanaga imyitwarire izira amakemwa; n'ukebakebye agacyamurwa amazi atararenga inkombe kandi na we ntagaganyare akagandukira inama ahanywe urukundo. Ari mu mugambi umwe, nyamwigendaho igahora igenderwa kure. Kwitwa igifura mu bandi byaratinywaga uwo ari we wese agaharanira guhora ari imfura ishimwa.

Urubyiruko rwifuzaga ko ubumwe bw'abanyarwanda ari yo ntwaro ibagira intwari; ntibahinde umushyitsi imbere y'amahanga yari akikije u Rwanda; abanyarwanda batahwemaga kuganza ku rugamba. Umusaruro wasarurwaga kuri ayo masomo ni umutekano wahoraga ari wose mu gihugu no kudahangarwa kw'ingabo z'u Rwanda mu myaka myinshi ya mbere y'abakoloni.

Aho umunyamahanga ahingukiye mu Rwanda, yasanze ntaho yazamenera ngo abashe kwigarurira igihugu atabanje gusenya ubumwe yari asanganye abanyarwanda. Yabanje gusesa uburyo bw'imiyoborere yasanze mu Rwanda. Gukuraho ubuyobozi bwabumbiraga hamwe abenegihugu, byanagize ingaruka zibabaje ku burere bwatangwaga no ku buryo bwatangwagamo. Na Kiliziya yunzemo ikuraho kirazira ! Gutinya kugawa biba umugani. Nguko uko abazungu batugize !

Uwo muhora waharuwe n'abanyamahanga waje guhomererwa buhumyi na bamwe mu banyarwanda bashyiraga imbere inyungu zabo. Maze urubyiruko rukigishwa ko kubashimangiramo kwishishanya n'izo nyigisho zashingirwagaho mu burezi, mu nama nyigisho z'abayobozi batandukanye ndetse no mu miryango imwe n'imwe. Urubyiruko rwigishijwe ko abanyarwanda atari bamwe, umwana w'umuhutu agakura azi ko umututsi ari mubi ndetse bamwe muri ba mukuru mubi ntibatinye kuvuga ko umututsi ari inzoka, inyangarwanda n'andi mazina amutesha agaciro. Mu gihe cy'itsembabwoko, urubyiruko (rwo mu mitwe itandukanye yitwaraga gisirikari) rwari rwarateguwe bihagije. Imyitozo yo kwica abatutsi bari barahawe mu magerageza ya za Kibirira, Nyamata; Murambi, za Bisesero n'ahandi (kandi izo nshuro zose kwica bukaba ubutwari bwagororerwaga aho kuba icyaha cyahanirwa), yabatinyuye kwitabira ibakwe n'ubushizi bw'amanga umugambi wo gutsemba abatutsi n'abahutu batari bashyigikiye ko abatutsi batsembwa. Igihe cy'itsembabwoko ryo muri Mata 1994, urwango rwari rwarangije gushinga imizi mu mitima ya benshi; ku buryo kwica umututsi bitari bikiri icyaha kuko byari ukwikiza umwanzi.

Umuvuduko, imbaraga n'ubukana itsembabwoko ryakoranywe byagaragaje koko imbaraga z'urubyiruko zakoreshejwe nabi. Iyo urubyiruko rutitabira buhubutsi umugambi mubisha rwashowemo n'ubuyobozi bubi, gutsemba imbaga y'abatutsi n'abahutu batashyigikiye ubwicanyi kugeza ku bantu basaga miliyoni mu gihe gito nk'icyo byakozwemo; byari kubera ingorabahizi abagome batekereje ubwo bubisha, cyane rero ko no mu batuye igihugu cyacu urubyiruko ari rwo rukunze kuba rugize umugabane munini.

Ibyo kandi byoroheje no kuba itsembabwoko ryari ryarateguranywe ubuhanga n'ubugome bihanitse (n'ubwo bamwe bajya bihandagaza bavuga ko ritateguwe). Aha naho birigaragaza ko iyo itsembabwoko riza kuba impanuka itewe n'uburakari bw'abaturage, ntabwo ryari gusakara mu duce twose tw'igihugu mu gihe gito kandi ngo hose rigende rikorwa kimwe (uburyo bumwe bwo kwica n'ibikoresho byakoreshejwe, amagambo yavugwaga...).

Urwango abatutsi banzwe na bamwe mu bahutu ntirwatangiranye no kubaho kwabo, rufite igihe rwatangiriye, imbarutso n'ibintu runaka bishingiyeho. Iyo ruza kuba rushingiye ku mibanire mibi ya mbere hose y'ayo moko (nyamara zari inzego z'imibereho mbere y'uko abazungu baduka mu Rwanda) urwo rwango abakoloni baba bararusanze ndetse bagasanga rukomeye kurusha, kuko bivugwa ko ingoma

ya cyami (bivugwa ko yari iyobowe n'abatutsi) yakandamizaga abahutu. Aha rero niho umuntu yakwibaza ibibazo nk'ibi:

- Abahutu bari kuyoboka ubutegetsi buvugwamo kuba bwarabakandamizaga kubera ubwoko bwabo? (ibi cyakora ntibivuga ko nta makosa amwe n'amwe ubwo butegetsi bwa cyami bwakoze, ariko na bwo ku bantu bose kuri ibyo byaje kwitwa ubwoko.)
- Ko guhunga byashobokaga, abazungu baza mu Rwanda basanze impunzi zingana iki hanze y'u Rwanda ?
- Amateka agaragaza ibitero byinshi u Rwanda rwagiye rugaba mu bihugu bidukikije ndetse akenshi ingabo z'u Rwanda zikagarara nk'izitamenerwamo. Ko bizwi neza ko izo ngabo zabagamo ibyiciro byose by'abaturarwanda ndetse bikaba bivugwa ko rubanda rusanzwe (abaje kwitwa abahutu) ari rwo rwari rwinshi, bishoboka gute abo bana b'u Rwanda bari guhora bahara amagara yabo, bakarangwa n'ishyaka ryinshi (ribavugwaho mu mateka); baraharanira ingoma wumva yabatotezaga ?
- Mbere yo kwaduka kw'abazungu abahutu n'abatutsi (niba koko abazungu barabisize uko babisanze) basubiranyemo kangahe ?
- Mu buvanganzo nyarwanda akenshi bufatiye ku ntambara abanyarwanda barwanaga, hari ibyivugo bingahe bivungwamo umunyarwanda wirata kwica undi munyarwanda ?

Mu by'ukuri rero, amateka yacu nyirabayazana w'amacakubiri yigabije umuryango nyarwanda. Inkurikizi yabaye abayagoretse bakayaha isura iganisha aho bishakira, bakigisha kwangana no gusuzugurana, babanje kumvisha abanyarwanda ko atari bamwe. Abo ba rusahurira mu nduru batoje abonse rimwe kwangana bo bagamije kwibonera iturufu yo gusugira ku ngoma.

None se ibyo tubyemere gutyoooo !

Yego ngo akaje karemerwa ariko rero ntitugomba kwifata mapfubyi imbere y'ibi bibazo. Twese hamwe nta we usigaye inyuma twari dukwiye gusubiza agatima impembero tukibuka imico n'imigenzo myiza y'abatubanjirije (umuco wacu utaratobwa n'abaduteranyije) ukiga uko twayicengezamo nta we uciye ukubiri nayo. Inyigisho zatokoje imibanire y'abanyarwanda zashyirwa ahagaragara bikandikwa zikavugururwa; ukuri nyako indangabwoko; hagatangwa n'ibitekerezo binyuranye ku buryo bwo guca burundu ibikorwa byose imitekerereze n'imvugo zose zisasira irondakoko n'ubundi buryo bwose bwo kuvangura abavukarwanda.

Abanyarwanda dukwiye kumenya ubwacu ko ibibazo by'u Rwanda ari twe bireba, nta wundi uzava hanze ngo aze kubidukemurira. Kuba ari twe ubwacu tuzi ibyo bibazo tukaba ari twe tuzi amavu n'amavuko y'ingorane twanyuzemo zikaduhoza ku itsembabwoko, dukwiye guhera aho twiyumvisha ko nta wundi watuvugutira umuti ngo udukize. Twe ubwacu twubakiye ku kuri n'ubworoherane dushyize imbere umuco wo kwihanganirana no kubabarirana twagombye gufata ingamba zo kwigishwa n'ibibi twaciyemo tukitoza duhereye none guca ukubiri nabyo. Ubutwari abanyarwanda bagize mu guhagarika itsembabwoko, mu kwizahurira ubukungu bwari bwarazahaye, kwigarurira umutekano no guhangana n'ikibazo cy'ubuhunzi, ni ingero nyazo zivugira. Amakosa yakonzwe n'abantu ku giti cyabo akwiye kuba ari bo ahama kandi akabagiraho ingaruka, uwigobotoye ubugwari bwo kunangirira mu kibi yasaba imbabazi abikuye ku mutima akazigirirwa. Uwinangiye

agakomeza gutoroma mu nzira igana aho kuturimbura, akwiye kubambirwa ingabo ingamba ze mbi zikaburizwamo n'abanyarwanda twese. Niba ari ugushukwa ntawagombye guhora ashukwa ngo abyemere kereka abuze ubwenge.

Umuco wo kugaya no kuba indashima ntukaganze kuko gushima na byo birubaka kandi bigatanga inkunga ikomeye yo kugarukirana mu gukora neza: Abanyarwanda bagize ubutwari bwo kutaganzwa n'ikibi igihe cyari cyahindukiye benshi inzira nyabagendwa, bakwiye gukomeza gushimirwa no kugaragazwa ko nta kundi bari kugira batagize nabi bakabona ko iyo mvugo yaba itafatwaho ukuri. Ngiyo inyigisho urubyiruko twumva yashingirwaho ingero zifatika bityo tukarushaho kwicengezamo iyo mico myiza aho guhora duharira urubuga abahekuye igihugu.

By'umwihariko, intego y'urubyiruko ni ukwirinda kugwa mu mutego bakuru bacu baguyemo; tutaba ibikoresho by'uwo ari we wese wadushakaho amaboko yo kumugeza ku byo yishakiye. Tuzaharanira kwiteza imbere turwanye ubunebwe n'ubukene twihangira imirimo kuko urubyiruko rwo hambere akenshi rwagiye rufatirwa ku kuba imburamukoro rukigarurirwa n'abarushukisha indamu mbi yo kuzaruha akazi rumaze gutsembaho abandi rweretswe ko barubera inzitizi. Kurwanya akarengane iyo kava kakagera, guharanira ko hahoraho imiyoborere myiza iha ijambo n'uruhare abaturage iteka hashyizwe imbere ubumwe n'ubwiyunge nayo ni intego twiyemeje kuzagira aho buri wese abona ibyo ahabwa n'amategeko , akarengane igihe cyose hagize ushaka kumuhohotera kandi ubutabera bukaba kuri bose kandi ku buryo bumwe.

Tuzi neza ko ubworoherane ari bwo ntwaro ikomeye izadufasha kubana neza nta we ubangamiye undi: Rwose twemera ko n'iyo umuntu adakunze undi agomba kumurekera uburenganzira bwe, akamwubahira ko na we ari umuntu ukwiriye kubaho no kutavogerwa.

Turifuza ko ubuyobozi bwakomeza guharanira gutsura umubano hagati y'igihugu cyacu n'ibihugu bidukikije iteka hashakishwa ko impunzi zose ziri hanze zatahuka mu mahoro zikaza mu rwatubyaye.

" Never again" ntiyazatubera ihame ridakuka hadaciwe umuco wo kudahana ari na wo washenye igihugu kugeza ubwo bidushoye ku itsembabwoko. Uwo muco mubi wari warahawe intebe ni wo wateye bamwe kwirara, umuntu akica undi azi ko nta nkurikizi. Muri urwo rwego, ubutabera buhana ariko bunagamije kunga abanyarwanda bugamijwe mu nkiko Gacaca tuzabushyigikira uko dushoboye kose.

Turasaba abayobozi b'igihugu cyacu kudasubira ngo basubire inyuma ahubwo bakarushaho gukomeza kubaka u Rwanda buri wese yibonamo. Uwo murage utagira uwo ugira igicibwa mu Rwanda mu Rwanda avukamo, ni wo rwose twifuza kuragwa. Nta shiti, kudahisha ukuri ku byabaye, kudasumbanya abanyarwanda, kwigisha ukuri ku mateka y'u Rwanda, kwihana kw'abakoze ibyaha, kwirinda inzika no guhora, kubabarira abakoze ibyaha, bibavuye ku mutima, ni yo nzira rukumbi yo kugana ku Rwanda rw'ejo rutarangwamo itsembabwoko n'ingengabitekerezo yayo.

Ibyo nitubigeraho, ni bwo " Never again" izatubera ihame ridakuka. Ibyo kandi bikazagerwaho urubyiruko ari twe dufashe iya mbere.

Ngaho rero twese nk'abitsamuye nituvire hasi rimwe amateka y'igihugu cyacu atwigishe ibyiza biyarangwamo tubigundire ubutabirekura, ibibi byayabayemo bitubere isomo, twiyubakire u Rwanda rutazongera kubamo Jenoside ukundi.

Kuri twe twese urugendo ruhire tugana ku mahoro arambye iwacu !

KANAMUGIRE Egide
G.S.S^{te} BERNADETTE SAVE
5^{e} BIO - CHIMIE

DUHEREYE KU MATEKA Y'U RWANDA NI IKI URUBYIRUKO RWAKORA NGO JENOSIDE ITAZONGERA KUBA.

IJAMBO RY'IBANZE

Duhereye ku mateka yaranze igihugu cyacu dusanga ko kera abanyarwanda babanaga mu mahoro ubwo ndavuga mbere y'ubukoloni. Abanyarwanda n'urubyiruko muri rusange baziraga umwiryane, urubyiruko rukabana mu mahoro bagasangira akabisi n'agahiye, bafite umuco wuzuye wa kinyarwanda.

Noneho mu gihe cy'ubukoloni mu mwaduko w'abazungu, aho ibintu byaje guhinduka, abo bera batangira kutuvangira batubibamo amacakubiri bakoresheje amoko, ivangurakarere...
Abari abategetsi bacu na bo barabiyoboka batangira ubwo kutwinjizamo ivangura moko. Cyane cyane babyigisha no mu rubyiruko kuko ari rwo rukunze kwitabira ibintu. Ubwo ibintu birakomera ubwoko tutsi butangira gutotezwa, batangira no kwicwa ndetse n'abataravugaga rumwe n'ubutegetsi bw'igitugu. Byarakomeje bigera kuri Jenoside aho imbaga y'ubwoko bumwe yarimburwaga mu gihe gito cyane; nta n'ahandi byabaye ku isi, cyane kuko byitabiriwe n'urubyiruko rwari rwarabitojwe bihagije!

Aho ayo mahano arangirijwe n'uwari umuryango wa F.P.R INKOTANYI, abanyarwanda na Leta y'Ubumwe ndetse n'urubyiruko, batangira gushakisha umuti wabageza ku bumwe n'ubwiyunge kugira ngo twongere tugarukane amahoro mu gihugu cyacu no kugira ngo ibyabaye bitazongera ndetse no ku isi yose.

TUNYUZE MU BUMWE N'UBWIYUNGE

URUHARE N'IMIBEREHO Y'URUBYIRUKO MU GIHE CYA MBERE YA JENOSIDE.

Urubyiruko mbere ya Jenoside mu mateka ya kera, u Rwanda rwitwaga u Rwanda rwa Gasabo, rwaziraga imyiryane mu banyarwanda. Urubyiruko rwabanaga mu mahoro, bafite umuco mwiza wabarangaga bagafasha ababyeyi babo, umwana w'umuhungu agakurikira umwuga wa Se nko : Guhinga, gutabara yku rugamba, gusimbura se yaragiye guhakirwa inka ibwami, guhiga,... Naho umwana w'umukobwa agakurikira umwuga wa nyina nko : Gukubura, kuboha umusatsi, guteka,...

Aho abazungu badukiye baza baduteranya bakoresheje amoko,dutangira kuryana hagati yacu, bakoresha abitwaga abayobozi bacu, ubwo inyabutatu ya gihanga itangira kumarana, umuhutu atozwa kwanga umututsi. Abategetsi binjira mu rubyiruko bararwigisha, umubyeyi nawe atangira kwigisha umwana we iryo vangura. Mu w'1959 abatutsi batangira kwicana aho za Bugesera, Gikongoro,...

Noneho Repubulika ya mbere ya KAYIBANDA Grégoire iba iradutse, hari taliki ya 1/7/1962 kugeza taliki ya 5/7/1973. Uno mugabo na we ntiyicaye ubusa kuko na we yaziraga abatutsi. Yigisha urubyiruko cyane rurabitozwa iby'amacakubiri, rurabikurana, izo nyigisho zikwirakwizwa mu rubyiruko hose ko umwanzi ari umututsi. Mu 1963 urubyiruko n'abanyarwanda barongera bica abatutsi, 1968 ni uko, mu 1973 ni uko. Cyane cyane mu rubyiruko rwari rumaze gucengerwa n'ubwicanyi bihagije pe!

Na none Repubulika ya kabiri (II) iba iraje na Perezida HABYARIMANA Juvénal ahiritse ku butegetsi KAYIBANDA Grégoire taliki ya 5/7/1973 kugeza taliki ya 6/4/1994. Ari bwo HABYARIMANA yahanukaga n'indege taliki ya 5/4/1994. Uno mugabo agifata ubutegetsi ubwo yongeye ubugome mu bundi akora hasi karahava. Abanyarwanda muri rusange basobanurirwa neza ivanguramoko.

HABYARIMANA ashishikariza cyane mu rubyiruko kwanga ubwoko tutsi, ngo batsembatsembe, bamareho icyitwa umututsi cyose, ababyeyi n'abo bashishikarizwa kubyigisha abana babo, babibumvisha nk'umurage mwiza w'ababyeyi. Urubyiruko rubyumva vuba cyane. Barabikurana bibajya mu bitekerezo, ari mu magambo, maze babikurana nk'umuco mwiza bahawe n'ababyeyi babo. Ariko ntakibabaza nko kubona urubyiruko nk'urwo ari rwo Rwanda rw'ejo hazaza, aribo bazaba abategetsi b'ejo hazaza, bakabyara bagaheka, na bo bakarera, bakayobora imbaga nyarwanda, none se ? Nk'urwo Rwanda rwaba rugana he hatari mu rwobo se ?!

Mu nzego zose za Leta ziramanuka mu baturage ngaho utunama twa rwihishwa urubyiruko rurayoboka, Interahamwe na M.R.N.D, C.D.R, M.D.R pawa, ABAFARANSA baha imyitozo mu rubyiruko ukuntu ruzitwara mu ntambara (kwica).

Birakomeza ngaho mu MARANGAMUNTU, ubwoko Tutsi, Hutu na Twa biranditse nta na kimwe wabeshya. Umwana w'umuhutu akumva ko ubwoko bwe ari bwo bwiza kuruta ubundi. Umwana w'umuhutu akigamba ku mututsi ngo "ni inzoka", ngo "ni inkotanyi" ngo "n'iyo babishe bariyuburura" urumva ayo mahano ndetse n'iwabo bakabishimagiza.

Ngaho birakomeje no mu mashuri, nk'uwo mwarimu na we wize akavangura abana ngo abatutsi bajye ukwabo, abahutu umurongo wabo, abatwa ni uko ngo bakunde bamenye umubare.Ubwo se abo bana bareka kubikurana gute ?

Aho witsindiraga amashuri yisumbuye uri umututsi ntubashe kwiga nk'abandi, ahubwo bakagusimbuza umwana w'umuhutu ngo utazavaho ubategekana (ikandamizwa).

Urubyiruko bagumya kuruha imyitozo ya giterahamwe, batangira kubakwizakwizamo intwaro gakondo ngaho : Imihoro, amashoka, amacumu, amafuni, impiri, inkota, n'ibindi byinshi nk'imbunda ngo nibo bafite amaraso mashyashya yo kwica no kuvumbura, gusahura, gusenya n'ibindi.
Ubwo ni bwo Jenoside yatangiraga gututumba, igihe cyo gutsembatsemba kigeze urubyiruko rwose rwose rw'abahutu rwirara mu batutsi bicwa nta nkomyi, bendwa ku manywa y'ihangu izuba riva. Radiyo zibashishikariza gutemana za R.T.L.M, na ba KANTANO, ngabo ba BIKINDI mu ndirimbo zigisha kwica n'ibindi bikozasoni.

URUHARE N'IMIBEREHO Y'URUBYIRUKO MU GIHE CYA JENOSIDE

Mu gihe cy'itsembabwoko n'itsembatsemba rya Jenoside. Muri runo Rwanda rwacu ngira ngo ntawe utazi amarorerwa yagwiririye u Rwanda n'abanyarwanda muri rusange. Ubwo ukwari ukwezi kwa Mata kugahinduka

amaraso, ubwo ikiremwa muntu cyamburwaga agaciro, ubwo igihugu cyose cyacuraga imiborogo, ngaho induru hirya no hino, imyotsi icumba imisozi yose, ubwoko tutsi bwibasiwe bitavugwa, ngaho imihoro barayityaza, amashoka barakubira, impiri, inkota, amafuni, ngaho imbugita zirabogoga, ngaba barajugunywa mu misarani,ngabo mu nzuzi no mu biyaga, ngabo barabaturubika ku bisongo by'ibiti, ngabo baricishwa amabuye, ngaho abagore batwite barababaga ngo babakuremo inzoka, ngaho impinja barahonda kubikuta by'amazu, aho kwica n'isasu byari ukubanza ukarigura, ngaho abangavu barabasimburanaho ku busugi bwabo, abakecuru, abakambwe, abagabo barakorerwa ibya mfura mbi, ngaho imirambo imisozi yose, inkona zirashisha zumva, bicwa urw'agashinyaguro, batagira kirengera kandi igihugu cyuzuye abantu. Muntu uwo yararemwe mu ishusho y'Imana.

Ngaho nawe mbwira mvuge iki ? Mbwire nde ? Cyane cyane ndabwira wowe rubyiruko wasibanganyije ishusho nyarwanda. Wowe wiyambuye umutima wa kimuntu ukambara uwa kinyamaswa, wowe wakusanyije imbaraga zawe zose ugakora ayo marorerwa. Cyakora biteye isoni n'agahinda n'agahomanunwa!

Ariko n'ubwo umutima wawe wapfuye, igihe cyari kigeze ngo usubize amaso inyuma, niba ugifite umutimanama isubireho, dukeneye ubufatanye, igihugu kigutezeho byinshi ariko ntabwo ari iyo ngengabitekerezo, si ubwo bwicanyi. Rubyiruko dufatanye dushake uburyo bwose ntibizongere, bicike ruhenu n'ahandi hose ku isi.

Kuko gukora mu nkaba, ukanywa amaraso ya bene wanyu, ukarya bene wanyu ako gahomamunwa ntaho byakugeza n'ubwo wateka ibuye rigashya.

URUHARE N'IBITEKEREZO BY'URUBYIRUKO MU KUBAKA IGIHUGU NO KURWANYA INGENGABITEKEREZO YA GENOSIDE

Rubyiruko iki nicyo gihe cyo gusubiza amaso inyuma tukareba igihugu cyacu urwobo kivuyemo, cyarasenyutse bihagije, ibintu byose ntakigenda. Twebwe nk'urubyiruko twakora iki ? Ese ntibizongere bishatse kuvuga iki ? Ingengabitekerezo ya Jenoside tuyirwanye dute ? Twakwiyunga dute ? Kugira ngo tubone amahoro, ubusabane, amajyambere, ubumenyi, ikoranabuhanga. Twabigeraho dute ? Ni uwuhe muti dukwiye kunywa ? Tubirebe.

Rubyiruko ni twebwe Rwanda rwejo, igihugu kidutezeho byinshi kandi byiza, nk'uko Leta y'ubumwe bw'abanyarwanda yakoze uko ishoboye kose yunga abanyarwanda, none natwe tuyitere ingabo mu bitugu dufatanye uko dushoboye twongere dutahirize umugozi umwe. Gute ?

Mu kwiyunga tugomba kwibuka mbere na mbere ibyabaye (ibyatubayeho) tubiganiraho cyane twibukiranya. Turwanye cyane uwo ari we wese ushaka gupfobya Jenoside. Rubyiruko niba warakoze icyaha cy'ubwicanyi ndagusabye rangwa n'ubutwari wirege, uvugishe ukuri ku byo wakoze kandi bisabire imbabazi, uvuge abo uzi mwakoranye bose, erekana aho iyo mirambo y'inzirakarengane iherereye ishyingurwe mu cyubahiro, gira inama bagenzi bawe nabo birege, kandi umenye ko uwireze akemera icyaha agabanyirizwa igihano, tanga ubuhamya benshi bazemera ibyo bakoze.

Rubyiruko sinshidikanya ko dufashijwe na Leta bakajyana abo bantu mu ngando iyo ngengabitekerezo itabashiramo burundu (ingando).

Ariko twebwe namwe mwese mwakorewe amahano, abaduhemukiye na bo ni abacu kandi dukeneye kwiyunga na bo nibadusaba imbabazi. Maze twese n'umutima mwiza twiteguye kubababarira mu buryo bwose. Tutirengangije ko n'Imana ibabarira icyaha icyo ari cyo cyose.

Ariko nyuma y'ibyo byose ngo burya ibyiza biri imbere, rubyiruko ubwo tuzaba twarababariye bagenzi bacu tugomba guhora twibuka, tukabiganiraho, ubwo tuzaba duturanye ku mirenge iwacu, dusabana amazi, dukinana agapira, dutumirana mu makwe, dusangira akabisi n'agahiye,ntawe wishisha undi, buri wese yisanga, noneho tugafatanya kubaka igihugu cyacu mu mahoro n'iterambere.
Kandi ibyo nitubigeraho hehe na ya ngengabitekerezo ya Jenoside.

Rubyiruko turacyafite akazi katoroshye dufite imfubyi z'intambara nyinshi twabura se icyo tuzimarira, bamwe ntibagira aho baba dufatanye tubagondagondere akazu bakwikingamo, abandi babuze icyabakura mu bwigunge tubegere tubaganirize bumve ko hari abantu babari inyuma, abandi barera barumuna babo kandi nta mikoro bafite dufatanye buri wese n'ubushobozi bwe turebe icyo twabateranyiriza haba mu gasanduku ariko baramuke.

Dufite abapfakazi benshi, ibimuga, za mayibobo, tubwire imiryango yacu ifate nk'uwo mwana wa mayibobo utagira ababyeyi, abashe kwiga nk'abandi ni u Rwanda rw'ejo.

Rubyiruko indi nama y'ingirakamaro KWITABIRA INKIKO GACACA, ni bumwe mu buryo bwiza kandi bwihuse, buzatuma tumenya neza ibyabaye mu gihugu cyacu mu gihe cy'itsembabwoko n'itsembatsemba, no kugira ngo imanza zihute kandi mu butabera, n'ibyabaye bimenyekane neza imvo n'imvano.

Noneho wakwibaza ngo ni gute urubyiruko twagira uruhare muri GACACA ? Mbere na mbere ni ubumwe n' ubwiyunge, dukeneye kwitabira inkiko Gacaca; tuvugisha ukuri uko ibintu byagenze. Cyane ndabwira urubyiruko rwabashije kugana ishuri nimwegere ruriya rubyiruko rundi na bariya baturage bagifite ubwoba bwo kuvuga uko ibintu biri, nimubigishe bumve ko kuvuga ukuri ari yo nzira y'umucyo, tubamaremo ubwoba; turwanye babandi bagenda basesera batera abantu ubwoba ngo nibabashinja bazicwa, turwanye abatwama urimo kuvuga, dutange

ibitekerezo byacu nta kwikanga,ari uwacitse ku icumu tumwunganire kuko ibyo azi ni bike. Vuga icyo ushaka turi muri demokarasi ariko ntikigire uwo kibangamira.

Ntibizongere ukundi, rubyiruko umuti urahari se ? Mwa rubyiruko mwe turi u Rwanda rw'ejo kandi dufite imbaraga n'ubushobozi budasanzwe. Tugire n'ubwenge buhamye, dutekereze kandi turebe kure. Rubyiruko dore inama isumba izindi tugane ishuri kuko ni ryo ryonyine rizatuma tubasha kwikura muri bino bibazo byose. Mbere na mbere kugira ubwenge n'ubumenyi. Rubyiruko tugomba kugira ubwenge bwo gutekereza neza, ukamenya ikibi n'icyiza, ugashyira mu gaciro, nta bandi igihugu cyacu kireba uretse twebwe. Twebwe ubwacu nitwe tugomba kwishakamo umuti w'ibibazo, si umunyamahanga uzaza kudukemurira ibibazo; bajya bavuga ngo umuntu arigira yakwibura agapfa. Twebwe ubwacu nitwe tugomba kwitegurira icyo tuzaba cyo, icyo tuzaba cyo kiri imbere yacu, tukamenya icyo turi cyo n'icyo dushaka kuba cyo.

Ubwa kabiri tugomba kugira ubumenyi duhabwa mu ishuri, nitwiga neza nitwe bizagirira akamaro. Mu mashuri abanza, ayisumbuye ndetse n'amakuru na za kaminuza batwigishe ibya Jenoside uko yateguwe, ububi bwayo n'umwana uzavuka nyuma y'imyaka 100 azabimenye. Inzibutso z'itsembabwoko n'itsembatsemba zongerwe mu gihugu hose, tugire icyo twibukiraho na wa mwana uri kuvuka azagire icyo yibonera ndavuga (amarorerwa). Mu mashuri ni batwigisha uburere mboneragihugu tumenye, tuvuge, turwanye Jenoside. Nyuma y'ayo masomo tuzakura turi abantu nyabantu, bashyitse, mu mitwe amoko yarasibanganye, ibyo kwa HABYARIMANA, kwa KAYIBANDA, za M.R.N.D, za C.D.R zo kwa BUCYANA, za nkoramutima za HABYARIMANA ABAFARANSA byose byose bigende ruhenu amahoro aganze i Rwanda.

Ikindi dusaba impunzi zitahe, interahamwe muri Congo zamburwe intwaro nizanga mutubwire twigireyo kubonana nazo, erega dufite ingufu.

Dushakishe abantu bacuruza magendu na za forode ruswa nicike no mu buyobozi umwana uzavuka atumva ruswa cyangwa forode yazarya ruswa gute ? Atazi n'icyo ari cyo.

Rubyiruko twitabire amatora kandi dutore ingirakamaro, inyangamugayo, kandi dutore ababifitiye ubushobozi nta marangamutima.

Rubyiruko twongere dushimangire ubwo bumwe n'ubwiyunge twitabira kwibumbira mu mashyirahamwe, tugomba gukora tukimara ubukene kuko turacyari bato dufite ingufu. Twazitabira umurimo dushaje se ? Reka da ! Tugomba gushyira hamwe ibitekerezo byacu tugakora imishinga ibyara inyungu hari :

* Nk'ubworozi bwa kijyambere (inka, ihene, ingurube,…).
* Ubuhinzi bwa kijyambere dukoresha ifumbire mvaruganda, dutera imyaka ku murongo.
* Ubucuruzi ku bicuruzwa binyuranye, no mu masoko anyuranye.

Rubyiruko dutekereze neza imishinga, abaterankunga barahari musabe amafaranga mu yabyazemo inyungu mwikenure n'imiryango yanyu.

Rubyiruko twitabire kumvikanisha ibyabaye tubinyujije mu mikino inyuranye ndetse n'imyidagaduro : mu gukina umupira mwibuka nk'abantu bakinaga umupira bakaba barazize intambara, tubinyujije mu makinamico, ya mikino isetsa, mu ndirimbo, mu mivugo mugaragaza uruhare rw'urubyiruko muri Jenoside, n'uko bitazongera ndetse n'ibiganiro mbwirwaruhame.

Rubyiruko wowe nanjye ako kagabo Sida hari uwo kadashakisha, twese twamenye ububi bw'icyo cyago ngira ngo ntacyo twakwigereraho tutirinze ako gakoko, ni benshi muri uru Rwanda imaze kwisasira cyane mu rubyiruko. Sida iragatsindwa, itera ubukene, ubupfubyi, ubupfakazi, n'ibindi byinshi nawe uzi. Ariko inama isumba izindi ni ukwifata.

Rubyiruko kuri iki gihe ibintu birakomeye shakana n'uwawe igihe kigeze, hato aho mutazisenyera kubera kubura inama cyangwa ubwana. Bana n'uwo washimye mu banje kwipimisha Sida. Ni mubyare abo mushoboye kurera, ni mwite ku bana banyu, umuhe icyo akeneye muvuze igihe arwaye, umwambike, mugaburire indyo yuzuye, akeneye uburere bwiza n'umuco, mujyane ku ishuri igihe kigeze umutangire amafaranga y'ishuri. Izo ni zo nshingano zawe ku mwana wawe. Nawe azigirira akamaro, umuryango n'igihugu cye nta macakubiri cyangwa amoko kuko ntaho yahuye nayo mu mabyiruka.

Rubyiruko cyane mwebwe abari mukomere ku buringanire bwanyu, mwamaze kwerekana ko mushoboye byinshi, igihe mwakandamizwaga mutagira ijambo imbere y'igitsina gabo. Iki nicyo gihe tanga ibitekerezo byawe byubake igihugu menya ko ntaho utaniye na wa muhungu iga nawe utere imbere kandi urihagarareho.

Rubyiruko twese nk'abitsamuye hari ingeso mbi idakwiye umunyarwanda dukwiye kurwanya ifatwa n'ihohoterwa rikorerwa abana. Dufite ubushobozi bwo gushakisha abo bagome no kumenya impamvu zibibatera : Uzasanga ari babandi banywa ibiyobyabwenge ; ibimogi, bya kanyanga,…
Ubujiji : ngo barivura Sida, ngo bariyongerera iminsi yo kubaho (ibyo ntibibaho).
Hakaza ubukene cyangwa ubusazi bwo mu mutwe. Dufatanye turwanye ibyo bintu cyangwa tubimenyeshe Polisi y'Igihugu, kimwe n'abantu bashaka kubihishira tubarege.

Ndashaka kugira ngo nanzure ntanga n'inama ku nshuti zanjye z'urubyiruko kuko udakunze urubyiruko nawe uri urubyiruko ntakindi wakunda.

Rubyiruko icyo ushatse kuba nicyo uba, niba wumva ko nta bushobozi ufite bwo gukora ikintu runaka uzarinda wipfira ntacyo ushoboye. Ariko niba wumva ugomba kuba umugabo, uzaba umugabo kubera ko utigeze utekereza kuba imbwa.
Haranira kujya mbere, urangwe n'ubutwari n'ishyaka, kunda umurimo, cyane kunda igihugu cyane ugikorere ukitangire uko ushoboye kose.

Badukana umwete dore burakeye rangwa n'umurava, iragize Imana iteka ntukarote ubute na gato, ambara urugwiro, dore burakeye emera ubutwari, ganza ikibi cyose, amahoro ahore ahinda.

Rubyiruko ibyo byose nubyubahiriza icyo uzakora cyose kizaguhira.

Murakoze.

BIJYIYOBYENDA Gaspard
5ème Lettres et Littérature
Ecole d'Arts de Nyundo
B.P. 177 GISENYI
Tel. 540078

"URUBYIRUKO RUSHAKA KUBA INTWARI"

Itsembabwoko ryo mu Rwanda, ryabaye ikirangirire mu bunyamaswa no mu kumara abantu. Ryateguwe mu gihe kinini ari na yo mpamvu ryahitanye abantu bagera kuri miliyoni mu mezi atatu gusa. Rikwiye rwose kwibukwa. Rinakwiye ariko na none kudutera kwibaza impamvu zariteye, ari iza kera n'izituri hafi, kugira ngo hirindwe icyarigarura uko cyaba kimeze kose.

Nk'uko ntawe uyobewe uruhare runini, ariko rubi rwagaragajwe n'urubyiruko, ni nako rukwiye gushyira imbaraga mu gushaka icyakubaka igihugu cyacu.

N'ubwo hari ahandi habaye itsembabwoko muri iyi si, twavuga nk'iryakorewe abayahudi riyobowe na Hitireri, iryo mu Rwanda ryo ryabaye umwihariko : abanyarwanda bibasiye abavandimwe babo, barararika mu gihe gito cyane.

Tuzi neza ko abunze ubumwe, nta we ushobora kubagira abacakara uko yaba ameze kose. Nguko uko abanyarwanda bari barabayeho, bakomeye mu mibanire, mu miyoborere no mu mirwanire y'ingabo zabo. Uko ingoma zasimburanaga kwagura igihugu. Nguko uko u Rwanda rwagutse ruhereye ku gasozi ka GASABO, kugeza ubwo mbere y'umwaduko w'abakoloni, rwari rwikubye inshuro ebyiri z'uko turuzi ubu. Ibyo biragaragaza ubutwari na gahunda y'abakurambere bacu. Mu by'ukuri, abasore bose batozwaga guhamiriza, kumasha, kubaha, … ariko byose bikajyana no gukunda igihugu. Uko abo basore bakuraga, bigaga gukoresha intwaro ku rugamba ibyo bigatuma igihugu gihorana abasore b'intwari. Ibyo ni bimwe mu byahaga u Rwanda gutsinda ingamba zose rwarwanaga cyane kuko ubumwe bwabaga buhinda.

Abazungu bageze iwacu intego yabo yabaye "Mbagabanye mbategeke" . Babanje gukata igice kinini cy'u Rwanda ndetse hafi kimwe cya kabiri. Abari bahuje umuco umwe, ururimi n'amateka baba batandukanyijwe n'imipaka yakorewe i Berilini mu 1910.

Twibukiranye ko urwunge rw'amashuri ya Leta "INDATWA" rwatangiye 1929, abakoloni barushyizemo abana b'abatware ari na bo bagombaga kubafasha kuvangira ubutegetsi bwa ba se. Mu guha agaciro amafuti yabo, bigishije uko u Rwanda ngo rwaba rwaratuwe. Higishijwe ko abatwa ari bo bageze mu Rwanda mbere, hataho abahutu maze abatutsi barutaha nyuma ya bose. Aho rero niho urubyiruko cyane cyane rwagombaga kwiyumvamo kuba ikirenga cyangwa se kumva ko hari icyo abandi bakurusha.

N'ubwo icyo kiza cyatwaye abatari bake, bakayoboka iryo hame, umwami YUHI IV MUSINGA yarakirwanyije. Ntiyifuzaga ko abanyarwanda bacikamo ibice nk'uko bitari byarakozwe n'abakurambere be. Byatumye rero abazungu bamusimbuza umuhungu we kuko babonaga asa n'ushaka kubigomekaho. Niko kumucira i Cyangugu, nyuma muri Kongo.

Ubwo rero, urubyiruko rwitabiriye gukurikira amabwiriza y'abakoloni. Igisirikari cyayoborwaga na Rezida n'abo yishyiriragaho. Nyamara RUDAHIGWA wari wemewe cyane n'abazungu yagaragaje ko atari ahuje na bo ibitekerezo. We yageragezaga gukuraho bimwe mu byabangamiraga rubanda nk'ubuhake. Nibwo bamushakiye abamurwanya bahuje ibitekerezo, batekereza gukuraho ubwami bugasimburwa na Repubulika.
Abakoloni bakoze ibishoboka byose kugira ngo bagaragaze ububi bw'abayoboraga u Rwanda. Ibya Nyamata nta kindi byakorerwaga, usibye kuzamura urwango n'amahame y'ivangura mu moko y'abanyarwanda. MUTARA III RUDAHIGWA yaje kwicirwa i Bujumbura maze urubyiruko si ukoreka imbaga karahava. Buri musore wese wemezaga kandi akumva ko yitandukanije n'abatutsi yiraye mu bantu aratsemba, amazu barashumika, bahiga abantu hagamije gukuraho ingoma

y'abatutsi. Abarokotse ayo marorerwa bahungiye mu bihugu duhana imbibi. Aho hari mu 1959.

Iyo Repubulika yagiyeho ntiyagaruye ubumuntu n'imico myiza yatozwaga urubyiruko rwa mbere y'abakoloni. Ahubwo yakuririje irondakoko n'ihezwa ry'abatari bafite imyumvire imwe n'ubuyobozi. Kuri ibyo hiyongeyeho gucira abatutsi ahantu hari habi mu gihugu nko mu Bugesera isazi ya tsetse yari yarabiyogoje. Akaduruvayo ni nako abahiritse ubutegetsi mu wa 1973 bari bayobowe na Yuvenali HABYARIMANA.
Intangiriro z'ingoma ye, zaranzwe n'icyiswe iringaniza ry'amoko n'uturere. Ubwo bwari uburyo bwateganyaga abagombaga kuva mu mashuri abanza bajya mu yisumbuye kuva mu yisumbuye ujya muri Kaminuza, abashoboraga kubona akazi muri Leta. Ibyo bikajyana n'uko nta mututsi washoboraga kujya mu gisirikari. Ibyo biravuga ko kugira ubwenge bitavugaga kwiga cyangwa kubona akazi nk'uko tubizi ubu ngubu.

Muri uko kwiyongera kw'amacakubiri n'ubukene n'ivangura, hanze y'igihugu hatangiye ishyaka rishimitse ryo kubohoza igihugu riturutse mu bana b'abanyarwanda bari baracitse amahano yagendaga asimburana mu rwa GASABO. Ni muri urwo rwego FPR yateye u Rwanda ari na bwo no mu gihugu amashyaka yavukaga. Abari bafite ubutegetsi babonye bokejwe igitutu n'intambara y'inkotanyi, kandi batorohewe n'inkubiri y'amashyaka, batoje urubyiruko kurwana intambara itaruhaye agaciro ndetse rutumva ibyayo n'impamvu yayo. Amashyaka yatoraguye abasore batari barashyizwe mu gisirikari cya Leta, abaremamo imitwe yitwara gisirikari.

Ni bwo urubyiruko rubaye nk'urutwawe n'umuhengeri mu nyanja itagira inkombe. Bahabwaga udufaranga duke cyangwa se icyizere cyo kuzayabona maze biroha mu mitwe yo kumara abantu, gusahura no kwibisha intwaro. Kuba ibyigenge byari ishema dore ko abanyapolitiki babatizaga umurindi.

Kuva ku ya 7 Mata 1994, nyuma yo guhanurwa kw'indege ya HABYARIMANA, ni bwo hatangiye ubugome n'ubusazi bw'abantu. Byari bikomeye. Habaye ubwicanyi bukomeye, gufatwa ku ngufu bitigeze mu mateka. Mbese byageze n'aho abantu bamera nk'abarya abantu. Abasaza babonaga aho babicira abakecuru, abana n'abuzukuru. Iyo hataza kubaho gutabara k'umutwe wa FPR Inkotanyi, u Rwanda rwose rwari gushira, kuko gukora nabi byari ubugabo n'ubutwari.

Intambwe igaragara ubu yaratewe, nta gitugu mu bana b'abanyarwanda. Ubu urubyiruko rw'abahungu n'abakobwa batozwa gukora neza, bose bumva inyungu ya mbere ari ukugira igihugu gituje. Ni nde utabona intambwe yatewe mu matora aherutse ; itegeko nshinga, irya perezida wa Repubulika n'amatora y'abadepite ? Hari uwari uzi amatora atajyana n'imvururu ?

Ubu uburezi bwa bose bushyizwe imbere, amashyirahamwe y'ubwisungane mu kwivuza araba menshi. Inkinko gacaca zitaweho kandi urubyiruko usibye no kubona azagira akamaro kanini mu kurangiza imanza, rwanitabiriye kujya mu nyangamugayo. Kuvugisha ukuri urubyiruko rubifitiye inyota.

Urubyiruko rwaniyemeje kandi gufata neza inzibutso z'amahano yabaye muri jenoside, runitaye na none kureba uburyo hakubakwa n'izindi aho yabereye hose mu

Rwanda. Urubyiruko rubona ko ari ngombwa kubabarira ariko tukibuka. Ni yo mpamvu habaho ingendo zigamije gusura inzibutso za jenoside ariko cyane hagamijwe kuzirikana ububi bwayo. Amashyirahamwe y'urubyiruko agenda avuka hagamijwe kwibuka duhozaho.

Intambwe urubyiruko rwateye muri iyi myaka icumi, iratanga icyizere cyo gutsinda ingengabitekerezo ya jenoside kuko rumaze kubona ububi bw'ayo n'ingaruka mbi kandi nyinshi byayo. Ingingo ya 48 y'itegeko-nshinga ivuga ko umuturage atagomba kubaha itegeko ritanzwe n'ubuyobozi iyo rihungabanya uburenganzira bwa muntu. Icyo ni igitego.

Dufite icyizere cy'uko nyuma y'iyi myaka icumi ko tuzasubirana ubumwe burambye nk'abatubanjirije, ndavuga abarutuye mbere y'abakoroni. Twabonye ko kwicana kw'abavukana ntawe gukiza, buri wese arahatakariza. Ni na yo ntango yo kubakiraho ibihe bizaza.

Gucengera mu mateka, bitwereka ko ku gihe cy'abakoloni haje ibitekerezo bifutamye. Ng'uko ukubeshyabeshya uko abantu batanze abandi mu gihugu, nkuko gusumbanyisha amoko, no gutandukanya abavaga inda imwe.
Kubona ubu nta bwoko bukiba mu bituranga no kuba ubushobozi ari cyo kintu umuntu akwiye kwiratana, bitanga icyizere cy'ejo heza. Ubu urubyiruko rusonzeye amateka nyayo ku byabaye mu Rwanda byose kugirango hahanwe rwose ababi babigizemo uruhare, bakanduza isura y'u Rwanda.

Turasaba ko abantu b'ingeri zose bafasha urubyiruko, bakubakira hamwe urwatubyaye. Dufatanye mu kubaka ubwiyunge bw'abanyagihugu twitaye gusa ko turi abanyarwanda, tunirengagije kandi ibidutanya bitagira shinge na rugero. Turwanye ubukene, turwanye itsembabwoko n'ingengabitekerezo yaryo. Ibyo kandi ntibireba abarokotse ahubwo abanyarwanda twese cyane cyane, nyamara kandi n'isi yose ikwiye kurigiramo uruhare.

NIYONSENGA Aimable

5e ENP/TTC GACUBA II

B.P. 43O GISENYI.

NI IKI URUBYIRUKO TWAKORA KUGIRA NGO JENOCIDE NTIZONGERE KUBA

Itsembabwoko ry'u Rwanda ni rimwe muri atatu yabaye ku isi rikaba ryarabaye rurangiza kuko ryatwaye abantu benshi mu gihe gito. Tukaba tugeze mu bihe urubyiruko dukwiriye gushyira mu bikorwa uruhare rwacu, gufasha Leta y'ubumwe no gusobanura imibereho yarwo mbere na nyuma yayo ndetse no mu gihe ryabaga hakaba hashize imyaka icumi ribaye.

Intego nkuru yacu urubyiruko ikaba ari ugushaka icyakorwa uhereye ku mateka y'u Rwanda kugira ngo itsembabwoko n'itsembatsemba ntirizongere kubaho. Muri rusange urubyiruko rw'u Rwanda twese dukwiriye gusobanukirwa n'uruhare, inkunga, imibereho, imitekerereze n'inshingano zacu nk'abanyarwanda, bigamije kumenya no gukunda ndetse no kubaka igihugu cyacu mu bumwe, mu bwiyunge no mu bworoherane busesuye.

Ku buryo bw'umwihariko mu gihe itsembabwoko ryagwiriye u Rwanda muw'1994, mbere yaryo na nyuma yaryo. Urubyiruko rwose rugahabwa inyigisho ku mateka bigishwaga nabi, ku ruhare babigizemo n'inkunga nyayo kugirango u Rwanda ruzamuke, rutere imbere kubera ko politiki mbi yari yaramunze u Rwanda igihe abakoloni bakuruye inzangano z'amoko mu rubyiruko maze Repubulika ya kabiri ikaza ibishimangira nuko irabikabya itugeza ku itsembabwoko n'itsembatsemba.

Ayo masomo yose akaba yitezweho gufasha twebwe urubyiruko guhindura kandi twubaka byinshi mu mitekerereze, mu myumvire, mu myifatire, mu mikorere no mu mibereho yacu ya buri munsi.

Iyi nshingano yo gushaka icyakorwa kugira ngo itsembabwoko n'itsembatsemba ntirizongere kubaho nyuma y'amateka mabi yaranze u Rwanda ikazadufasha nkatwe urubyiruko kumva neza agaciro k'umuntu nk'ikiremwamuntu gifite uburenganzira ntavogerwa.

1. Uruhare n'imibereho by'urubyiruko mu gihe cya mbere ya Jenoside.

Kugira ngo dusobanukirwe neza uruhare n'imibereho byacu nk'urubyiruko mu gihe cya mbere ya Jenoside twakwifashisha ibyiciro bitatu aribyo: mu gihe cya mbere y'ubukoloni (1200-1900); mu gihe cy'ubukoroni (1900-1962) no mu gihe cya za Repubulika (1962-1994) bitewe nuko abayobozi batandukanye bayoboraga urubyiruko bakurikije inyungu zabo bityo uruhare n'imibereho na byo bigasa n'ibitandukanye.

Mu gihe cya mbere y'ubukoloni, uruhare rw'urubyiruko cyane cyane kwari ugufasha ababyeyi no gutabara iyo igihugu cyaterwaga, kuragira inka, guhinga rugurizanya mu mirimo yose ndetse rukubaha ababyeyi. Mu mibereho yarwo rwabagaho rukumirwa, rukazitirwa ku buryo rutasabanaga mu kungurana ibitekerezo. Ababyeyi ni bo barutekererezaga, rukumva ntacyo rwakwishoborera. Rwabayeho mu bukene n'ubujiji bukabije, rukaba rwarategaga byose ku babyeyi. Muri rusange ntacyo rwakoraga mu kuzamura igihugu cyarwo.

Noneho turebye nko mu gihe cy'ubukoloni, usanga nk'uruhare rw'urubyiruko nta cyahindutse cyane kuko rwakomeje rufasha ababyeyi imirimo nko mu byari bisanzwe mbere yaho hakaba hariyongereyo nko mu guharura imihanda, gukoreshwa mu kubaka amashuri, amavuriro no gutwaza abazungu ibijyanye n'inyungu zabo. Ku byerekeranye n'imibereho, rukaba rwarasumbanyijwe mu byerekeye uburezi, batonesha bamwe mu rubyiruko bavuga ko bamwe bavukiye

gutegeka. Urubyiruko rushyirwamo ivangura ry'amoko, urubyiruko rubaho mu mwiryane.

Mu gihe cya za Repubulika ni na zo zagejeje u Rwanda muri ariya mahano zigacengeza mu rubyiruko ingengabitekerezo ya Jenoside. Uruhare rw'urubyiruko rukaba rwarabaye gukoreshwa n'abayobozi barwo mu macakubiri no mu bundi bwicanyi bwakorwaga kuva muw'1959 kugeza aho Jenoside ishyiriwe mu bikorwa koko. Noneho rero mu mibereho yarwo, urubyiruko rumwe rwakomeje gukumirwa mu mashuli, urwo rubyiruko rwiga rukomeza kubaho rwigishwa amacakubiri n'ivangura ry'amoko, rubaho rwiga amateka y'u Rwanda uko atari, aha rukabiterwa n'inyungu z'abayobozi. Ubwo urundi rubyiruko rutangira guhunga, ruhunga bagenzi barwo, rutangira kuba impunzi. Urubyiruko rukaba rutarigeze rubaho mu buzima bwiza kuko babaye n'impunzi ari imfubyi bariciwe ababyeyi.

2. URUHARE N'IMIBEREHO BY'URUBYIRUKO MU GIHE JENOSIDE YAKORWAGA.

Muri iki gihe ni ngombwa ko urubyiruko rumenya uruhare n'imibereho byarwo nyakuri mu gihe cya Jenoside kuko igihugu kitazi amateka yacyo kiba kiri mu nzira yo kwibagirana. Hari ku butegetsi bw'igitugu ku ngoma ya Repubulika ya kabiri ubwo urubyiruko rwari rwaracengejwemo amateka mabi, ntabwo rero rwipfumbase.

Urubyiruko rwinshi rwagize uruhare muri ubwo bwicanyi bw'itsembabwoko, rwize ibijyanye n'ibya gisirikari kugirango bice abo bavukanye, bishe urubozo, urubyiruko rwarasahuye, rwangije imitungo y'abicwaga, ntirwagiriye imbabazi umukecuru rukukuri, umwana w'itoto rurica, umubyeyi uri ku nda, rwica umwana ukivuka, rutwika amazu n'ubundi bugizi bwa nabi bukorerwa ikiremwamuntu n'imitungo ye.
Urubyiruko rukaba rwarabayeho nabi cyane mu bitekerezo by'ivanguramoko, ubujiji kuko rutavanguraga icyatsi n'ururo. Iyi mibereho mibi ikaba yaratewe n'abayobozi babi baranze u Rwanda.

Urubyiruko rukeya rwagize uruhare mu kurengera rufasha abahungaga mu kubarangira inzira no kubaha icyo kurya ndetse no guhisha abandi bantu bahigwaga n''bundi bugiraneza mu rwego rwose. Aba nabo bakababaho bahangayitse kuko uwafatwaga yajyanaga n'uwo yahishe, bamusiga nabwo agasigara iheruheru kuko hari ubwo bamutwariraga ababyeyi. Hariho kandi urundi rubyiruko rwahigwaga, urwinshi rukaba rwarapfuye. "Imana iruhe iruhuko ridashira". Rwagerageje ibishoboka ngo rwirwaneho, rurinde ababyeyi ariko biba iby'ubusa kuko ababahigaga bari bafite intwaro zikomeye bahawe na Leta. Urwo rubyiruko rwirwanagaho rukoresheje amabuye, inkoni.

Imibereho yarwo rero rwicwaga nk'intozi, rwicwa urubozo, ruratemagurwa, rwicishwa amabuye, rubagwa nk'inyamaswa bagiye kurya, abakobwa bagafatwa ku ngufu, abahungu bagategekwa kuryamana n'abo bavukana n'iyindi mibereho mibi ku buryo bapfaga bibutse ubuzima.

Uwabaga yahunze aho yageraga yicwaga n'inzara agapfira aho yahungiye kubera ko bamwe barekurwaga baciwe nk'amaboko bakabura amaraso, kurara mu bigunda. Iyo

yabaga ari umukobwa, iyo aho yahungiye batamwicaga byabaga ari ibindi kuko bamufataga nk'indaya yabo, akaba muri urwo rugo yigunze ubuzima akaba yarahakuraga indwara zitari nkeya harimo icyorezo cya SIDA n'izindi. akaba rero ntawavuga ko urubyiruko rwigeze rubaho na gato mu gihe jenoside yakorwaga.

3. URUHARE N'IMITEKEREREZE BY'URUBYIRUKO MU KUBAKA IGIHUGU NO KURWANYA INGENGABITEKEREZO YA JENOSIDE.

Iyo tuvuga kubaka igihugu ni ukubaka imibanire y'abaturage by'umwihariko natwe urubyiruko, niyo mpamvu abantu bose cyane cyane urubyiruko tugomba kugenzerezanya kivandimwe mu bwubahane, tugafashanya kuko inkingi imwe itagera inzu kandi ko nta ngizi yigize. Ibyo byose bikagerwaho urubyiruko rwagize uruhare muri ariya mahano rwemera kandi rugasabira imbabazi ibyo rwakoze, runerekana abagize uruhare muri ubwo bwicanyi kugira ngo bahanwe. Urwo akaba ari uruhare rwarwo mu kubaka igihugu.

Mu mitekerereze tukaba tubona koko ko ubutegetsi bwo hambere bwashoye urubyiruko mu mahano, kwica urubozo, gukumirwa mu mashuri, mu bihano birimo ubugome, ubujiji n'ibindi bitesha umuntu agaciro. Urubyiruko rwarokotse rukaba rufite uruhare runini mu kubaka igihugu kugira ngo rubigereho rugafashwa kuvuzwa ibikomere, rugashyirwa mu mashuri ruvuzwa kugira ngo ruhembuke rugire imbaraga zo guteza imbere igihugu.

Ku byerekeye imitekerereze, urubyiruko rwarokotse tukaba tubona ubutegetsi bwubaka, busana imitima y'abaturage, dukurikije uko tubayeho neza.

Urubyiruko twese hamwe twiyemeje kurwanya no guhungira kure umuntu uwo yaba ari we wese upfobya itsembabwoko n'itsembatsemba, ingengabitekerezo ya jenoside twima amatwi amacakubiri n'undi wese uyabiba.

Ibyo tukabifashwamo no guharanira kugira ikinyabupfura,umutimanama, ubutwari, kwihangana, guharanira ubuhanga, urugwiro no gukunda igihugu ukaba wanagipfira. Uruhare n'imitekerereze by'urubyiruko rero mu kubaka igihugu no kurwanya ingengabitekerezo by'urubyiruko rero mu kubaka igihugu no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside tugasaba gukora tuzirikana, twitabira izi nshingano.

Gukora ibishoboka ngo duteze u Rwanda imbere. Kwirinda ibintu byose byagayisha u Rwanda n'abanyarwanda. Gufatanya n'abandi mu bikorwa bigamije amajyambere. Kutagisahura no kurwanya abagisahura, gukomeza kurwanya ubujiji n'ubukene mu rubyiruko. Urubyiruko tugaca ukubiri n'ibyaha n'ibindi bibi byose byakozwe kuri buriya butegetsi, gusobanurirwa amateka nyakuri y'u Rwanda. Tukerekana ko kwemeza ko ibitekerezo bitandukanye bishobora guhura bikuzuzanya n'ibindi byiza byubaka u Rwanda.

Tumaze gusobanukirwa uruhare, imibereho by'urubyiruko mu bihe byahise, imitekerereze byacu mu kubaka igihugu cyacu no kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, dusanze urubyiruko rwarigishijwe nabi, iby'ivanguramoko, amacakubiri, ubwicanyi, ubugome n'ubusahuzi. urundi na rwo rubaho nabi ruhezwa mu mashuri, ruba impunzi,

ruricwa n'ibindi bikorwa by'ubugizi bwa nabi. Ibyo byose bikava ku bayobozi babi bayoboye u Rwanda.

Urubyiruko twese dukwiye kurwanya ubukene n'ubujiji, ingegabitekerezo ya Jenoside, umuntu wese upfobya itsembatsemba n'itsembabwoko. Tugomba kandi gutsimbarara ku mutekano n'ubusugire bw'igihugu, tukirinda icyatera ubuhunzi no kwamagana icyahungabanya umutekano w'ibintu n'abantu, tukigisha neza Politiki kugira ngo dushobore kubaka urwatubyaye, tukarugeza ku majyambere arambye binyuze mu maboko y'abana barwo, twebwe urubyiruko.

Ikigaragara rero ni uko kumenya uko urubyiruko rwabayeho mbere, nyuma no mu gihe cya jenoside ari ngombwa n'impande zose z'urubyiruko kugira ngo rumenye uruhare, imibereho byarwo n'ingamba zafatwa ngo itsembabwoko ntirizongere kubaho ukundi.

Ko rero nta gihugu gitera imbere birambuye kidaha ikiremwamuntu agaciro gakwiye, kitagendera ku mategeko cyihaye ngo gifate abaturage kimwe, ngo gisubize amaso inyuma ngo kirebe aho kivuye naho kijya, kitita ku mahame y'imibereho myiza y'urubyiruko mbese kirirwa gihuzagurika ntikigire gahunda, imigabo n'imigambi.

Nimucyo rero twese urubyiruko duhagurukire rimwe maze turwanye icyagarura itsembabwoko twima amatwi abigisha amacakubiri nuko twubake urwatubyaye, twiheshe ishema iwacu no mu ruhando rw'amahanga. U Rwanda rwamamare, rusugire, rusagambe, rugere ku mudendezo burundu rubikesha abana barwo bose ari bo twebwe urubyiruko.

SESHEMA Emmanuel
ISHURI RISUMBUYE RYA BISESERO
AKARERE : RUSENYI
INTARA : KIBUYE

AMATEKA Y'URUBYIRUKO MBERE YA GENOCIDE

1. AMATEKA Y'URUBYIRUKO MBERE Y'UBUTEGETSI BWA CYAMI.

Kera iwacu i Rwanda urubyiruko rwari ruguwe neza basangiraga na bagenzi babo bakidagadura,bagakinana bishimye nta rwikekwe, nta buryarya yemwe nta n'iby'amoko

byababagamo. Urubyiruko rwari rufite inshingano yo kumvira ababyeyi babo no kubafasha imirimo hakurikijwe imbaraga za buri wese. Abanyantege nke nk'abakobwa bahabwaga imirimo yoroheje, nko gukubura, guteka,..... Baba bakuru, bageze mu gihe cyo gushaka abagabo bakabashyingira. Naho abahungu bo bahabwaga imirimo yihariye ihwanye n'ubushobozi bwabo,nko kwasa inkwi, kuragira,....

2. **AMATEKA Y'URUBYIRUKO MU GIHE CY'UBUTEGETSI BW'ABAMI**.

Ubwo ntibyatinze ahagana muw'1000 nyuma y'ivuka rya Yesu u Rwanda rutangira kuyoborwa n'abami, GIHANGA WA I NGOMIJANA aba ahanze u Rwanda rufite umuvugizi. Urubyiruko rukomeza kugumana ubusugire bwarwo bushingiye ku umuco no kumvikana. Uwo mwami GIHANGA atura i GASABO aduhangira urwa GASABO, uburenganzira bukomeza kuba bwose ku rubyiruko rwisanzura mu rwababyaye.

3. **AMATEKA Y'URUBYIRUKO KU BW'UBUTEGETSI BW'ABAKOLONI**.

Bidaciye kabiri abakoloni baba bageze mu Rwanda batangira kwigisha urubyiruko icyo ruri cyo, bati bamwe muri mwe muri abatutsi, abahutu n'abatwa. Batangira kubabwira inkomoko yabo, bati : abatutsi ntabwo ari abanyarwanda, bati iwabo ni muri Aziya, batangira kubabwira uburyo bagiye bagera mu Rwanda, bakababwira ko baje bakurikiye uruzi rwa Nili. Baruhukira muri Etiyopiya baza kujya kuragira inka, baramanuka bashakisha urwuri baza kugera mu Rwanda, bahageze bahasanga ubwatsi, bahaba ubwo n'amatungo yabo, abakoloni batangira gusobanurira urubyiruko ibizabamenyesha abatutsi bakababwira ko ari abanyabwenge bwinshi. Bati : bafite izuru rirerire ndetse na bo ubwabo ni barebare, kandi batunze n'inka nyinshi.

Naho abahutu muzabamenyera ku mazuru yabo magufi, bakunda guhinga. Abatagira imirima baba ari abaja, abacancuro, bakunze kugira inka nke bamwe na bamwe kandi bo ni bagufi. Bababwira ko abahutu bo ari abanyarwanda, aribo bahahoze.

Abatwa bo bavuga ko ari abahigi bo mu ishyamba baje bahiga bakagera mu Rwanda. Basobanura ko ikibaranga ari uguhiga, bakabumba n'inkono. Bati bo nta nka bagira kuko bakunda inyama. Ubwo abakoloni baba bazanye amoko mu Rwanda, urubyiruko rubifata gutyo, ababyeyi nta kubimenya ngo aha bagiye kwiga iyobokamana.

Ubwo abazungu bagera aho bacengeza amacakubiri mu banyarwanda bakuru bahereye mu butegetsi bari banishyiriyeho. Ubwo umwami wari uriho: MUSINGA, bamucira ishyanga bamusimbuza umuhungu we MUTARA III RUDAHIGWA bamutegeka uburyo agomba kwitwara nkabo, arabyemera, ariko muri we yari afite ibanga. Hashize igihe aza kunenga imitekerereze y'abo ba binigi nibwo yakoresheje inama muw'1957 yifashishije inyandiko yiswe MISE AU POINT abo babirigi bayumvise birababaza cyane. Ubutegetsi babwambura abatutsi babuha abahutu bari baranywanye nabo, baba bashimangiye amacakubiri ashingiye ku moko. Abo bari bashyizweho baba gica, bigisha amacakubiri mu rubyiruko bababwira ububi bw'abatutsi, bakabasobanurira ko atari abanyarwanda ari inyenzi inyangarwanda, urwo ni uruhare rw'abanyarwanda mu gutoza amacakubiri mu rubyiruko.

Mu bihe bitarambiranye abo bazungu baba basubiye iwabo badusizemo amacakubiri, umuco wacu banawusenya bati: " Kiriziya yakuye kirazira". Badusigiye ubusembwa, urubyiruko nyarwanda banarupyinagaje, ng'ubwo uburetwa, imirimo ivunanye itagira igihembo n'ibindi.

Muri ibyo bihe, RUDAHIGWA wifuzaga ubwigenge mu Rwanda, nyuma y'uko bamukura k'ubuyobozi aba arapfuye, nyuma y'urwo rupfu rwe abifuzaga gushinga amashyaka baba babonye uburyo. Kubera ubumara bwica ari yo macakubiri, abari abayobozi bari banajunditse, amashyaka menshi ya Politiki ashyirwaho mu gihugu cyose bagamije kuzatsemba abo badahuje ubwoko, ayo twavugamo nka RADER, APROSOMA, MDR PARMEHUTU,.....

Amacakubiri bayigisha hose mu gihugu, bashyamiranya abanyarwanda ngo umututsi si umuntu, ngo ni inzoka, ni Satani, ngo akwiye gutsembwa, babyigisha urubyiruko, bararutoza bishyira kera, maze muw'1959 bati ngaho nimukore ibyo twabatoje. Ng'izo inkongi z'imiriro ku misozi, abatutsi baricwa, barasenyerwa, ibyo bigakorwa n'imbaraga z'urubyiruko zirimbura byinshi iyo zikoreshejwe nabi kandi zakoreshwa neza zikubaka byinshi, ubwo urundi rubyiruko ruricwa, amatungo yarwo agasahurwa, urucitse ku icumu rugafata iy'amahanga.

Umuzungu aho yarabireberaga ati: ibyo nagambiriye byashyitse, ubwo hagoboka umuryango w'abibumbye LONI niko kubaza abanyarwanda iti: ari ubutegetsi bwa cyami cyangwa se ubwa Repubulika ni ubuhe mwifuza? Abanyarwanda bose bati : ubwa Repubulika. Urubyiruko rwose rugarura agatima ka kimuntu ruti yenda yenda twakongera tugasabana nka kera. Hahirikwa ubutegetsi bwari buriho, hashyirwaho ubwa Repubulika, butarashyirwaho neza buyoborwa na MBONYUMUTWA Dominiko. Ubwo abakoloni basezererwa mu gihugu muw'1962. Icyo gihe bacyita KAMARAMPAKA.

4. **AMATEKA Y'IMIBEREHO Y'URUBYIRUKO MURI REPUBULIKA YA** I.

> Muw'1962 Perezida KAYIBANDA Geregori atorerwa kuyobora u Rwanda. Urubyiruko rwinshi rwari rwaratorongejwe mu midugararo yari ishingiye ku moko ntirwemererwa kugaruka mu gihugu mu gihe urubyiruko rwose rwateganyaga ko rubonye ubwigenge n'urwasigaye mu gihugu runatotezwa bamwe banicwa bazira ubwoko batihaye. Urundi rwinshi barutoza amacakubiri ashingiye ku moko no gutoteza urundi bagenzi babo no kubahohotera. Rimwe mu mashyaka yariho M.D.R Parmehutu ryongererwa imbaraga dore ko ryasaga nkaho ari ryo ryonyine riri mu gihugu maze si ukurwanya abatutsi ukayoberwa icyo bacumuye.

Muw'1963, barahigwa, baricwa abandi barahunga. Urubyiruko rwinshi rw'u Rwanda ruvutswa uburenganzira burundu, rushishikarizwa gukora ayo marorerwa dore ko ibyo byakorwaga mu duce twose tw'u Rwanda cyane cyane muri Perefegitura ya GIKONGORO n'incyuro nyinshi zitaburaga, babaca n'imigani bati: Muhone, Muhunge, Muhunge. Urubyiruko rudapfuye rugashavura cyane.

5. **AMATEKA Y'IMIBEREHO Y'URUBYRUKO MURI REPUBULIKA YA II**

Muw'1973 Repubulika ya 1 isimburwa n'iya 2 iyoborwa na HABYARIMANA Yuvenali. Ubwo HABYARIMANA aza ari uzarusenya ubwo Leta ye ikora nk'iya mbere ariko yo yongera ubugome n'ubukana, ikomeza gutoteza abatutsi, kubabuza uburenganzira, haba mu nzego z'umutekano, muri Politiki ya Leta, mu mashuri no kutareshya imbere y'amategeko.

Ese urwo rubyiruko rw'u Rwanda rwaziraga iki? Harya ngo ni ubwoko? Nabo ni ubundi, ubwo uwo mugabo ashimangira amacakubiri mu nzego 4 zikurikira: Ngiryo irondakoko, irondakarere, ubutegetsi bw'akazu no kurobanura k'ubutoni afunga bamwe mu bitekerezo, urubyiruko rwinshi rubura ubwisanzure.

Ubwo itsembabwoko rurangiza rirategurwa babyigisha mu rubyiruko ngo uwo barwana nawe baramuzi. Muw'1975 ashyiraho ishyaka M.R.N.D. arishimangira hose mu gihugu havukiraho utundi dushyaka two kuyirwanya. Urubyiruko dutwarwa muri icyo kigare tudatekereza aho batuganisha. Amacakubiri arashimangirwa ku mugaragaro, reka sinakubwira. Urubyiruko batuzanira indirimbo turabyina tuzi icyo bivuga se ? Reka da !

Ngizo imodoka zirimo amabendera tuzijyamo tugenda turirimba amacakubiri ashingiye ku mashyaka anashimangirwa mu rubyiruko. Imipanga irahahwa, amacumu aracurwa, amahiri arabazwa ngo bazice gatutsi mu Rwanda rwabo.

Ngaho mu BUGESERA, KIBIRIRA, BIGOGWE n'ahandi urubyiruko tutsi ruricwa ngaha ngo urubyiruko bagenzi babo bari mu nkotanyi bazasange ntagasigaye. Ibyo urubyiruko rubikoreshwa ruhumishijwe amaso, rubikorana umurava rusenya urwa Gasabo, imyaka irashira indi irataha kuya 6/4/1994 ngo kinani yatanze.

II AMATEKA Y'IMIBEREHO Y'URUBYIRUKO MURI GENOCIDE

Nyuma y'urupfu rwa HABYARIMANA abari abambari be bati : umugambi wacu ntiwapfa ubusa. Ngiyo imipanga, amacumu, amahini bihabwa urubyiruko rwica abanyarwanda babita abatutsi, itsembabwoko rurangiza mu Rwanda rirakorwa. Ngurwo urubyiruko rumwe mu bigunda, ngaho mu ntoki, ngaho mu masaka, ngiyo imvura n'imbeho bya nijoro ku misozi, ngizo intumbi zitarenga umutaru, ngaho kwicwa n'inzara, kurara mu ntumbi n'akandi kaga kenshi nko kubura ababo n'ibindi.

Urundi rubyiruko ngurwo mu gushahura ba sekuru, nguko kwica abo biganaga, abo basangiraga, abo bakinanaga n'ibindi. Nguko kwenda no kwica abagakwiye kubabera ba nyina, ngurwo urubyiruko rw'u Rwanda mu busahuzi, mu gusenya amazu, mu kubohoza inka z'abandi, ahaa ntawarubara!

Abari ku butegetsi bati ni aho ni aho ! Ahaa bazabibazwa. Barishima baradamarara ngo umugambi wabo bawugezeho w'ubwikanyize mu butegetsi kuko ngo ibyo byose babikoraga barwanya uwo ari we wese wababangamira mu matora bari barateguye yari yarashyizweho umukono kuya 4/8/1993 n'amasezerano ya ARUSHA. Icyo gihe cyo kumena amaraso cyahagarariwe na SINDIKUBWABO Tewodoli.

III. AMATEKA Y'IMIBEREHO Y'URUBYIRUKO NYUMA YA GENOCIDE.

1. FPR YINJIRA MU RWANDA

Abo bagizi ba nabi bumvise ko iz'amarere zarugezemo bati turashize. Urubyiruko rw'u Rwanda barujyana mu mashyamba yo mu mahanga bakomeza kurutoza umuco wo kwanga u Rwanda bati ngizi imbunda, ngaya amasasu mugende murubatwikiremo niho hahandi.

Urundi rubyiruko nyarwanda rwari mu bihuru, bumvise ko iz'amarere zarugezemo biruhutsa ubugira gatatu, nanjye nti humura Rwanda. Ubwo ziratabara, abajejetaga inyo bakirimo akuka zibajyana ku mavuriro, yari hehe se da ? Abenshi muri bo zirabavura, ngiyo imiti ya kinyarwanda.... Abenshi babona agahenge bongera kujya ahagaragara.

Ubwo za mburamukoro ziri iyo hakurya zohereza rwa rubyiruko mu Rwanda rutwika urwaruhagiwe, rurashogoshera ruraza aho i Gisenyi turwotsa igitutu rusubirayo rutareba inyuma.

2. AMATEKA Y'URUBYIRUKO ASHINGIYE KU KUJIJURWA MURI LETA Y'UBUMWE.

Kuya 19/7/1994 hashyirwaho Leta y'Ubumwe bw'abanyarwanda iyoborwa na Pasteri BIZIMUNGU kugeza muw'2000. Nyuma y'aho aza gusimburwa na Pawulo KAGAME, urubyiruko rugira ubwigenge bushingiye ku burenganzira bwo kureshya imbere y'amategeko ndetse n'ubwo kureshya mu mashuri. Abadashoboye kujya mu mashuri bagatozwa kwihangira imirimo ndetse bakanajijurwa, abari baratakaje imiryango yabo bashakirwa ikigega kizajya kibafasha mu myigire yabo.

Leta yacu y'ubumwe ihamagara urwo rubyiruko rwari mu mashyamba gutahuka mu rwababyaye kandi ko umutekano ari wose. Abashoboye gutaha barakiriwe banatozwa kwihangira imirimo ndetse n'abagishoboye kwiga basubizwa mu mashuri. Iyo Leta y'ubumwe bwacu ishyiraho ikigega cy'urubyiruko rutishoboye kugira ngo n'udafite uburyo wese yige. Urubyiruko rwagiye rutahuka rwarakoze itsembabwoko rujya guhugurirwa mu bigo ngorora muco.

IBYO URUBYIRUKO TWAKORA NGO JENOSIDE NTIKONGERE KUBA

Mu buryo bwo gushyiraho ingamba zo gukumira Genocide, urubyiruko tugomba kuvugisha ukuri tugafasha inkiko gacaca imirimo yazo. Tukubaka ubumwe bw'abanyarwanda ejo hazaza. Tugomba kwamagana n'uwo ariwe wese washaka kutugaruramo amacakubiri yaba ari ashingiye ku moko, ku turere, ibara ry'umubiri n'ibindi (Ingengabitekerezo ya Jenoside).... Urubyiruko kandi tugomba kubaka ubumwe n'ubwiyunge mu banyarwanda, abafitanye ibyaha tukabunga, tukabatoza umuco wo kubabarirana, twihangire imirimo tunyurwe n'ibyo dufite ba banyamahanga baza badushukisha ubusa busa duce ukubiri na bo, dukoreshe imbaraga zacu mu

gusana u Rwanda, rubere ikitegererezo imbere y'amahanga. Duhugure abasaza n'abakecuru tubana ku misozi yacu. Tuzarwanya uwo ari we wese wabazanamo ibindi bitekerezo by'ubunyamaswa bidakwiranye n'ibihe igihugu cyacu kigezemo ndetse no mu gihe tuzajya mu butegetsi tuzagere ikirenge mu cya Nyakubahwa KAGAME.

Urubyiruko Nyarwanda mumfashe dushimire Nyakubahwa Pawulo KAGAME washyize umusangiro mu banyarwanda, akabashyiriraho imiyoborere ibakwiye, ibereye buri wese, akarwanya itsembabwoko ryabereye mu Rwanda, agira ati: "Ntibikongere" mu rurimi rw'abongereza ati: "Never again" natwe urubyiruko twese tuti "Never again".

Jean Paul CYIMANA CYITETIRE
SEMINARI NKURU YA NYAKIBANDA
B.P.85 BUTARE

RUBYIRUKO, EJO HEZA HARATUREBA

Mana y'abasogokuru
Mana ndamya
Nyumva ndakwinginze
4. Unyitirize inganzo

Urampe ijwi ry'ubuhanga
Ryuje ubugwaneza
Ndibwire urubyiruko
8. Rwose rw'ino i Rwanda

Bamwe bameze nk'abo
B'imico idashimwa
Babaye inkozi z'ibibi
12 Bitabira itsembabwoko

Bitabiriye genocide
Bica abantu birenze ubwenge
Isura nziza y'uru Rwanda
16 Irahindana twarabonye.

Twisuzume birakwiye
Birihutirwa rwose
Dushakishe impamvu zose
20 Zateye ayo mabi iwacu

Kuri bamwe igihe cyahise
Ntigikwiye kwibukwa
Ariko kwibagirwa amateka
24 Byatugarurira ayo mahano.

Uhereye kera na kare
Abana b'abanyarwanda
Bari bunze ubumwe
28 Ng'uko ukuri rukumbi

Bari bene mugabo umwe
Bakomoka kuri Gihanga
Se ubabyara ari kanyarwanda
32 Gutsinda kunesha ari intego

Umunyamahanga yaje i Rwanda
Ibintu byose arahindanya
Akaduruvayo arabiba cyane
36 Karibu ihabwa kwica ibintu

Umuco wacu ugirwa zeru
Agaciro kawo arasiribanga
Amategeko yacu ayacura nkundi
40 Kubaho kwacu biba amahirwe.

Ibakwe ryari ryinshi cyane
Muri iyo mikorere ye idahwitse
Kuduca uduce ngo adutegeke
44 Nyamara, bacyuye umuhigo

Iturufu ye y'amoko
N'ivangura rihanitse
Ngizo intango z'urwango
48 Mu mitima yacu idakomeye

Repubulika ya mbere n'iya kabiri
Ntizitabiriye gukunda igihugu
Zaduciyemo ibice byinshi
52 Zigize nk'uwo munyamahanga

Bihungije ibiduhuza
Ibidutanya babiha icyanzu
Icyari ngombwa kuri abongabo
Ndabibabwira nta kuzika

Kuva itanu n'icyenda
Intero ni ya yindi
Ibintu bikadogera
Urwangano rukagwira

Mbega amacakubiri we !
Mbega icyerekezo we!
No ku ntebe aho basomera
Intero ni ya yindi

Uhera muri abanza
Ukagera kaminuza
Batangaga ayo masomo
Atagira shinge na rugero

Ngo uwo mututsi n'indyarya
Ni muhemu nta gaciro
Ni umugome ni umwicanyi
Ni umunyakarimi kabeshya

Ngo ategereje ko igihe kigera
Agaragaze bwa buryarya
Ngo ahindure abandi baturarwanda
Abacakara b'igihe cyose

Ni ko gahindurwa nka satani
Ni uko ahimbirwa ikigereranyo
Yitwa inzoka iyi y'inkazi
Inyenzi yica ikwiye kwicwa

Ni umwanzi wo gutsembwa
Ntashakwa akwiye kwicwa.
Hategerejwe isaha nyayo
Yo kugusha ishyano mu Rwanda

Intambara yo mu kwakira
Ni indege ikindikiye isoni
Ihira mu mwijima wa Mata.
Irisenya irahoma rwose.

Byabaye urwitwazo
Rwo kurangiza umugambi
Uhereye uko wagenze
N'igeragezwa ryawo

Ni uko jenoside irakorwa
Ubwo bwicanyi buteye isoni

Bwateguranywe ubushishozi
96.Aribyo byatumye bwihuta.

Urubyiruko rwatojwe
Kuba imashini zitsemba
Ubugome buragwira
100. Kudahana biba iteka.

Mu kanya aka ko guhumbya
U Rwanda rucura umuborogo
Ibitari byarigeze kubaho
104.Munsi y'iri zuba.

Umukecuru uyu rukukuri
Wabonye ibintu akabona byinshi
Yambitswe ubusa n'umwana
108.Akamutoteza, ... akamwica.

Ababyeyi bakorerwa ibyamfura mbi
Ibintu birasahurwa biracika
Ubutaka butwikirwa n'imirambo
112. Abagongera ari agitero.

Uruhinja rukivuka
Rwigaraguraga mu maraso ya nyina
116. Rukarira, ntiruhozwe, rugasongwa

Dore imihoro
Dore ibiboko
N'inkota
120. No gutabwa mu misarani

Imbaraga zirakusanywa
Ngo hahigwe abaziranenge
Ibihuru byose birohwa impigi
124. Abasoro bagahururana ibibando.

Imbunda ubwoko bwinshi cyane
N'udushoka batagerura
N'amabuye atyaye, akomeretsa
128. N'inkota zikebesha habiri

Amahiri akwikiye imisumari
Amacumu atyaye mu buryo bwose
Mbega ubugome
132.Mbega ubunyamaswa.

Imana nyamara ishimwe
Ku bw'abasore b'umutima
Bafashije guhunga.
136. Abenshi mu baricitse.

Ku bw'abasore b'intwari
Bahagaritse amahano
Mbakuriye ingofero
140. Mbahaye impano, bakwiye ishyo.

Ingaruka z'iryo tsembabwoko
Ni nyinshi cyane murabiruzi
Dore abapfakazi ni incike
Barakennye, nta hepfo na ruguru.

Imfubyi zibaho bigoye
Zaramaririje nta babyeyi
Mbega inkota imena umutima
Nta muvandimwe habe n'umwe

Ihungabana ry'uburyo bwose
Ibikorwa remezo byashenywe
Imfungwa zuzuye mu magereza
Bihata urwango kuzamuka.

Abanyarwanda baratanye
Ubumwe bwarahubanganye
Ibikomere biracyasesa imituku
Ni akumiro birababaje.

Rubyiruko rw'i Rwanda
Muze mwese kandi mwumve
Ijwi ry'impuruza igena igikwiye
Tuve mu cyuho tujye i Mutuzo !

Dutange inkunga ikwiye u Rwanda
Tunagaragaze uruhare rwacu
Mu kuzamura urwatubyaye
No kwiyunga bya nyabyo.

Amaboko ya Mungu ni ayacu
Duhe izo mfubyi ku byo yatugabiye
Umupfakazi muhe icyanzu
Duhoze kandi abarira bose.

Tuvugishe ukuri
Ukuri kurakiza
Twubahe ubumwe
Dufatanye cyane.

Ubutabera nibuhame
Abarengana barenganurwe
Ubworoherane nibuganze
Ducyahe rwose umwiryane.

Twibuke iteka
Ibyagwiriye u Rwanda
Abazize jenoside
Ubwicanyi bwabaye

Rubyiruko twunge ubumwe
Ducyahe guhekura
U Rwanda rwatubyaye
Rwarazahaye bikabije.

Dufatanye urunana
Dutekereze ejo hazaza
Turwanye ibitujijisha
Bitoza kuvangura.

Rubyiruko twese nk'umwe
Dore tunasa twese
Turwanye ivangura
Turwanye guheza inguni.

Twese tugane u Rwanda
U Rwanda rushya rutuje
Rwiyemeje iyi ntego
"TWANZE ITSEMBABWOKO" !

NSENGIMANA Oswalidi
Ishami ry'Ubuyobozi bw'Amaturage
U.N.R Butare

NTIBIKONGERE MU MATEKA

Naragenze ndareba ndiga
Ndanabwirwa ntora amateka
Ayo hirya no hino n'iwacu
Ndacengera ncukumbura n'andi

5. Ngo nive imuzi ntazabeshywa.

Nshyira umuhati mukuyatora
Nterura numva za Burayi
Aziya ndayizana, amerika ni uko
Afurika mpashyitse ndarenganya
10.Nterura ayacu i Rwanda.

Iyi ngobyi nziza izira hurumbya
Nahoze numva kubwa Gihanga
Maze yo irandiza birandenga.

Nsoma amateka nshize igitutu
Bifata akanya ndora uko byaje
Mpimye kuby'ubu ihogoje abayo
Ikiniga kizanye n'agahinda
18.Kirampogoza ndakangaza.

Ngobyi yanjye, ngobyi yampetse
Ngobyi nziza, ngobyi nyarwanda
Ngobyi yabyaraga ikarera bose
Mbe kanyarwanda ka Gihanga
23.Inzigo igushenye ishibutse hehe ?

Mfura izi gushaka urandushe
Wamfashe dushakashake
Ducukumbure ntagucogora
Ibyaducencuriye gakondo
28 Byo gacika ubudacikuka.

Ngobyi yanjye, ngobyi nakunze
Ko jye nkuzi ku bwa Gihanga
Ukiba i Gasabo utarandara
Uteruye abana abatatu bawe
33.Ubatoza umuco bya kibyeyi.

Bere riretera imitavu
Urubyiruko rwari rutojwe
Mu mashami yose ari amangare
Mutabazi ari ibirenga
38.Imbaraga zawe ari izo ntore.

Ngobyi yanjye, ngobyi yampetse
Intarizi isenya ishodetse hehe ?
Ko mu Busanza na za Bungwe
Ubufundu kubwa Semugeshi
43.Abasore bakwambitse.

Ndanakwibuka ubumwe buhinda

Abahungu bagana Bwanacyambwe
Gisaka, Bukunzi na Rushenyi
Nyamuheshera agarura kinyaga
48.Ku Ngoma urubyiruko ari imena.

Amarira nk'aya arava hehe ?
Ko kwa Rujugira utahogoye,
Ubwo Macumu i Bugoyi atacecetse
Gutanga ingoma akemera iyoboka
53.Izo ntwari zunze ubumwe i Rwanda.

Mbyeyi ivumerana icyusa
56. Wacitse ryari iki cyuho ?

Ndanakuzi Kigeli ajya ishyanga
Agirango waguke uve i Gasabo,
Karagwe n'ijwi bijya ku Rwanda,
Uruge rukurana mu njishi
60.Urubyiruko rwahise i Kabare.

Ngobyi nkunda wari utese inkindi,
Indirimbo z'impumbya mubyarike
Zikiranya urugera ku rugero
Ab'ingimbi bagereye imahanga.
65. Ntampagarara wari warigeze.

Aya mateka yo mubatoya
Warayatozaga akakubera,
Guhiga changwa gutabara
Amtorero n'indi mihuro
Byari inzira inoza umubano.

Ndanakwibuka ubumwe buhinda
Abahungu bagana Bwanacyambwe
Gisaka, Bukunzi na Rushenyi
Nyamuheshera agarura kinyaga
48.Ku Ngoma urubyiruko ari imena.
Amarira nk'aya arava hehe ?
Ko kwa Rujugira utahogoye,
Ubwo Macumu i Bugoyi atacecetse
Gutanga ingoa akemera iyoboka
53.Izo ntwari zunze ubumwe i Rwanda.

Mbyeyi ivumerana icyusa
55. Wacitse ryari iki cyuho ?

Ndanakuzi Kigeli ajy'ishyanga
Agirango waguke uve i Gasabo,
Karagwe n'ijwi bijya ku Rwanda,
Uruge rukurana mu njishi

60.Urubyiruko rwahise i Kabare.

Ngobyi nkunda wari utese inkindi,
Indirimbo z'impumbya mubyaruke
Zikiranya urugera kurugero
Ab'ingimbi bagereye imahanga
Ntampagarara wari warigeze.

Aya mateka yo mubatoya
Warayatozaga akakubera,
Guhiga cyangwa gutabara
Amatorero n'indi mihuro
Byari inzira inoza umubano.

Njye ndayibonye inzira igushenye
Inzira yashotsemo irimo gishora
Ishibutse ishyanga iza imena inkiko
Imanuka ibanga ivuga amabuku
Amoko atangira kugura icyuho.

Ngo aguce icyasha ugana gucyura
Bishyize kera akabya gukwira
Akurura indeshyo ayiha agaciro
Umuco kimuntu ugera aho ucika
Abato batozwa inzira ibatanya.

Imbaraga zacu barazisenya,
Iby'umuco wacu barabiciye
Ibyo kudutanya barabisize
Abato batozwa ubugome bwose
Iby'ubunyamaswa biba mubantu.

Rubyiruko mwumve nitwe bireba
Iryo bara ryose nitwe rishinjwa
Imbarutso yaryo ni kabwayi,
Itanu n'icyenda biba gutwika
Irindwi gatatu iratambuka.

Ayo matwara aguma gukongezwa
Imitwe idasanzwe iba irashinzwe
Abato bahinduka ibikoresho,
Ishema ry'u Rwanda rirahapfira,
Ishusho muntu barasibanganya.

Kwica, gusahura no gusenya
Guhotora no guhohotera
Abari bari bari ku isonga.

Bene data, Bene Rwanda
Ndavuza induru ndavuza impanda

Iby'uwo mwaka ntibikatwisobe
Icyenda kane iduhe gukenga,
Tuvuge twese ngo ntibikongere.

Musore, mukobwa uvuka i Rwanda
Zana umuganda nzane umuganda
Gakondo yacu irakomera,
Imikoro yacu turayicungure

Babyeyi bacu, mfura zacu,
Imyaka icumi iricunguye,
Niduce akenge tugane ibyicaro,
Ibyadushenye tubisesengure.
Ingamba ni imwe ntibikongere

Intiti zose n'abatugenga
Abato abashaje n'abadashaje
Amaboko yacu turayahuze,
Mubutabera dufate iya mbere
Intego nyayo nibe umurimo.

Ndavuza impanda ndavuza iyindi,
Ngo abagisenya n'ababishaka
Abagipfobya itsemba bwoko
Tubahe akato tubakosore,
Abo bisonga tubasanasane.

Reka ngusezere nsaba inkunga
Ukuri kuganze muri Gakondo
Tureme Rwanda itavogerwa
Abanyamahanga tubahe intambwe,
Umuco wacitse duhembere.

Dusibe icyuho dusabane
Ikorana buhanga ribone umwanya
Ubujiji bwose tubuce iwacu
Iby'umuco wose ugana gusenya
Tuvuge icyarimwe ntibikongere.

"Ntibikongere ntibikongere
Ntibikongere iwacu i Rwanda,
Ku isi hose ntibikongere
Ntibikongere mumateka.

SEBANANI VISENTI
KAMINUZA Y'U RWANDA
AGASANDUKU K'IPOSITA
117 BUTARE.

TUGANE IMPINGA NZIMA RUBYIRUKO

Mbega inganzo ngo iranganza !
Yankirigise insoka imisonga
Insuka idasagura irasizora
Ingira bazanga mbaye inganzwa
Mbega inganzo ngo irantota

Ngo mvuge ahagoretse uru Rwanda !

Yaraye imparura iramparamba
Ndasirisimba mbigira ibamba
Ngo ugire ibambe mbumbe ijisho
Mbone ubutanya ijoro yandaje
Yanze intonga imitongero
Insabye umusanzu ngo nsane u Rwanda ariko!!

Mbega inganzo iganza irumbo!
Nagize ngo ntore intore y'agatotsi
Inkora ku gitsike insirika neza
Umugono ugonze inganza cyane
Imbuza kugoheka imbaza imikarago
Insaba gukangura abakibyiruka
Tugana impinga nzima y'u Rwanda!

Mbega inganzo ngo irandobeka!
Ngize ngo ndote indubika ikaramu
Imbavu nzihinduye indoma cyane
Impata gutera inyuma akajisho
Ngo mvuge ahagoretse uru Rwanda
Hakarutuza icuraburindi
Ryacuramitse aberamutima,
mvuge n'impinga nzima dushaka.

Kera u Rwanda ruzira umwanda
Impandahande nta kuronda
Nta mazuru ngo jye arabwase
Ngo jye arasongoye byo kujomba
Abatatu buzuzanya ubutitsaaa!
Ihanabageni ritagerura
U Rwanda rwuzuyemo urukundo
Rweza intwari zitiganda,
Imvano yabyo yari urubyiruko !

Iteka bategaga imidende
Besa impotore iyo iw'amasimbi
Inti zigacanwa intimba irumba
Umwanzi wibasiraga u Rwanda
Bakamuviraho inda imwe bose
U Rwanda rweza intwari iteka,
Imvano yabyo ari urubyiruko!

Rwaraterwaga ntiritondwe
Ntirwitere ntirwitanye
Rugatabarana mu matage
Rugataramana rutekanye
N'abarubyara bataruhana.

Ya matorero akaruhuza,
Ngaho abivuga imvugo nziza
Dore abatamba ineza i Rwanda
Ngaho abamagana ubugwari
Umurimo ari indyo ibanyura iteka!

Ubwo butore bakabutora
Bakabitunga bikabatunga
Indero ibaronda ibarondora
Inseko ibasoba ibasabanya
U Rwanda rweza intwari iteka
Imvano yabyo ari urubyiruko!

Umugabo arangwa no gutabara
Asobetse isumbwe isobetse amahoro
Umusore yisobeka n'icyusa
Agahora iteka ari igisago
Asobetse isumbwe asobetse amahoro!

Agahora asizana asana imitima
Imitego imutebya kurutabarira
Akayitanya adata ubutwari
U Rwanda rweza intwari iteka
Imvano yabyo ari urubyiruko!

Umwari iteka akazira umwanda
Agahora akenkemura uru Rwanda
Ba Rutindangezi bagwira
Ariko bacanira abatabaye
Iteka itsimbiro ntirizimbe
Umwanzi arumba mu b'i Gasabo
U Rwanda rweza intwari iteka,
Imvano yabyo ari urubyiruko!

Ngaho abagenzaga u Rwanda!
Ngayo amaboko ya maramuko
Yanarukotaniraga iteka
Ahorana inkubito mu itabaro!
Mbega intambuko y'indatwa
U Rwanda rwarataga iteka !!

Ibyo Muzungu ntiyabikunda
Arazengera arazungera
Ihanga ryica araritegura
Riramukundira riratora
59 rihembera
Rihoza u Rwanda iyo ku nkeke
Iyo mu buhunzi guhungetwa!!

Itsembatsetsembatsembabwoko
Riraharaharanirwa nta guhwema
Bamwe bakitwa inzoka n'inyenzi
Inyangarwanda barazihiga
Imyaka ihana imyanya ari uko!

94 KANO IRASUMA
Amaraso aseseka azira icyasha
Rwa rubyiruko rurakoreshwa
Ruranayoboka rurayogoza
Mbega ubwandavure bagenzi!
Umusore acanirwa acuze inkumbi
Ngw'aha yivuganye umututsi
Ndetse n'umuhutu wanze amaraso!!

Wa mukobwa mutegarugori
Arabacuza abamucundiye
Araricana icumbi ryayo
RWANDA WE!!!

Rwanda rwiciwe n'urubyiruko
Ndetse ugatsemberwa n'urubyaro!
Rwanda rwibasiwe n'ihanga
Rwa rubyiruko rukaguhumba
Rukaguhunga rwiha inkumbi
Si ibigwari gusa wagwije

Hari n'abakamije ako kaga
Barimo inkotanyi z'amarere
Barimo abahishaga abahigwa;
Natwe twisubiyeho tuza
Ugire urubyiruko ubyaza amahoro
Runakurinde itsembabwoko
Iyi NTIBIZONGERE igere hose!

Rwanda rwacuze imiborogo
Ndetse abacengezi bagacunga
Bakagucaguramo abo bica
Ukanabacungacunga iteka
Ngo badatoneka umutekano
Ubu ukaba utaca inshuro imahanga!!
Si ibigwari gusa wagwije!

Hari n'abakamije ako kaga
Barimo inkotanyi z'amarere,
Barimo abahishaga abahigwa,
Natwe twisubiyeho tuza
Ugire urubyiruko ubyaza amahoro
Runakurinde ITSEMBABWOKO
Iyi NTIBIZONGERE igere hose!!

Reka nkurarike wowe ubyiruka;
Wateye ijisho ku bibi byinshi
Abishi benshi ubabona bica
Ubafasha utishisha ucura inkumbi
Inkuru mbi yamagirira hose
Ko u Rwanda rwiciwe n'urubyaro !
Ese ubwo wabiraga abavuka?
Oya NTIBIZONGERE, igere hose!!

Tsira utsirure ucubye abatsembyi
Bave iy'ibuzimu bagana ibuzima
Ntugashoberwe ugana ishakaka !
Tura utuze ukuri isi yose
Ubavuge abo uzi banze abandi
Bakabatwara ubuzima bwabo
Bimwe batunze bakabitunda !

Rwanya urwango ubibe urukundo
Ubatuze imungu mu nyabutatu
Uyice ubuticura iragacika,
Ukomeze abakamije ako kaga
Kano y'amaraso bakayirwanya!

Inkomere womore ubisizore
Wiyunganye ukanire wunga
Iteka ukungahaze Gasabo
ITSEMBABWOKO rihone rwose
Iyi NTIBIZONGERE igere hose!!

Reka nkurarike wowe ubyiruka
Ese ko wipfumbata iteka!
Kuki igitondo gitangaza
Wowe ugatambika ibyo biganza
Ukanatakambira abatakumva;

Nk'aho washotse igishanga
Nk'aho wakunze amashuri
Ukisogongerera ibigage
Ugahora ushoreye iyo mudahaga
Yo mudashima wayishoye!
Ko bamwe bashukanye bari aho
Wakosotse udateze iminsi
Ko igukosoye ikugira nabi!!
Reka nkurarike wowe ubyiruka
Reka kubunda ngo uri rubanda
Nta muganda ubanda i Rwanda
Ngo urabirindurira iruhande
Ubwawe wigira ak'ibigande
Ngo waratoye barakurinze!

Nyamara ukihunza ko iby'ejo
Bishya bishyira bishyito ari ibyo!
Ko bamwe bashukanye baraho,
Wakosotse udateze iminsi ko
Igukosoye ikugira nabi!!

Reka gusanza ubusore bwawe!
Ngo aha uzaturitsa bariya,
Ngo bano bari guhona bose!
Nk'aho watunze umubano.

Nk'aho amahoro wayahashye
Ukikarabira inkaba y'abandi
Nk'aho uwawe uvubuka amazi!
Ko bamwe bashukanye baraho,
Wakosotse udateze iminsi
Ko igukosoye ikugira nabi!!

Ntabwo mbembekereza rwose,
Ntabwo mfobya ndavuga imvano!
SIDA yabaye inzira y'itsemba
Usobwe igisongo ntuzuyaze
Uti "Nyigutere uzabe intere
Izagusonge mu rusorongo"

Byarabaye fata imigambi
Ugane GACACA uyifashe kunga
ITSEMBABWOKO rihone rwose
Iyi NTIBIZONGERE igere hose!!

Vuga amateka yagutokoje
Ureke kuzika ukuri ukureba
Ejo kutazuka kukakuzika!
Rwanya ibishuko byagushora
Biva imahanga ntibahaze
Wikosore udateze iminsi
Iyo idukosoye itugira nabi!!

Haraga imbaraga uziheho u Rwanda;
Rufite imfubyi ufurebe iteka,
Uupfura upfumbate ntimutane,
Wa mupfakazi ntupfobye
Ntumupfakaze kandi !!

Shikama upfure ipfunwe rimwotsa
Ababuze icumbi turibacire
Twikosore tureke iminsi
Iyo idukosoye itugira nabi !!

Wowe ukibyiruka Rwanda rw'ejo
Urahashye rya ciro ry'icyasha
Rimwe ricagura rigacoca
Rimwe rirondera ku ndeshyo,
Rimwe rizunguruka amazuru,
Rimwe risumira ku masura
Rigasukumira ku bisongo.

Rimwe ritibuka rigatanya,
Rimwe ricyocyora bucyuro
Mata n'icyunamo cy'intwari!
Tugane inzibutso zibe izacu
ITSEMBABWOKO rihone rwose
Iyi NTIBIZONGERE igere hose!!

Wowe ukibyiruka Rwanda rw'ejo,
Rwanya umukono utonze amaraso!
Urahige ntuhige nzahora!
Iteka taguza ugane abandi
Usabe guhindirwa ako gahinda
Itsembabwoko rihone rwose
Iyi NTIBIZONGERE igere hose!!

Wowe ukibyiruka Rwanda rw'ejo
Urahige ihundo-hundo mahoro,
Urahige ubwumvikane iteka,
Urahige amarebe na kadegembya,
Urahige wihugira imparuzo!

Higa ibiganza byera nshozamihigo
Wibuze ubwo bugwari!
Urahige ukungahaze uru Rwanda
Itsembabwoko rihone rwose.
Iyi NTIBIZONGERE igere hose!!
Urahige inkubito mu itabaro
Urw'ejo rwiza ruteze ibyawee!

UWIRINGIYIMANA Donatien
I.J.W/KIBOGORA
5ème Informatique et Gestion
B.P. 31 CYANGUGU

MBOHE INYABUTATU NUBAKE URWANDA

Reka nsiganuze
Mpere ku mateka
Mbaze impamvu mfate ingamba
Menye imvano ndebe n'ejo

5 Mbohe inyabutatu nubake u Rwanda
Mvuge kera inkeri zikera
Mvuge urya mwera w'umugome

Waje yigize nk'intama
Yaje yigize nk'Intama
Akatwinjira atajinjimara

Yaje yitwaje iby'ijuru
Ngo abone uko akujujubya
Icyari u Rwanda akigira urwego
Aturira yigira umutware
Atwara ibyarwo arusiga mukaga

Nyamara ingoma iwabo zinihira
Yazanye amashuri turashima
Abayize bamenya ubwenge
Bamenya byinshi bashira amanga
Nibwo bashatse kumenya uko yaje

Abakoma inkokora barakonja
Ijambo ubwoko riba ryaje
Ati nubwo iwacu tubanye neza
Gutwara u Rwanda bigomba ubwenge
Si n'ubundi uretse gutanya abarwo

N'umuco wabo uciye akenge
Ndikuba sogokuru ataratanga
Yahoraga ambwira uru rwanda
Ngo rwari u Rwanda rw'amahoro
Rwari u Rwanda rw'indoro imwe

U Rwanda rwari urwa bose
U Rwanda rwezaga rworoye inyambo
Imbogo n'impongo bigobezanya
Urubyiruko rwunze ubumwe
I Nyanza bagabirana n'i Kinyaga

I Nyamata inyana zikwa umugeni
Ngiyo inyabutatu yahoze i Rwanda

Yazanye urwango ni karwanyi
Yazanye ubwoko ni inkora marigo
Yabonye utunze amwita tsutsi

Uwabaga ahinga amwita hutu
Utwaye imbumba afata irya gatwa
Twese turabibana biraramba
N'uvutse arabitozwa
Biba nk'umurage mu miryango.

Ingorane zabyo turazisanga
Rwanda mvuka
Rwanda inkunda
Rwanda nkunda
Rwanda ndata

Rwanda ndota
Nkundira mvuge ibyawe
Mvuge urwango ndwanye gusubira
Mvugute ikivuzi mvumbure itabaro
Mbohe inyabutatu nubake u Rwanda.

Ingabo z'ejo duhimbarwe
Rwanda rwareze abambyaye
Ibya kizungu ko bikuzonga
Inzangano ntizigerure
Amaherezo yawe azaba ayahe ?

Wahereye itanu n'icyenda witotomba
Itandatu n'itatu utera intimba abawe
Irindwi na gatatu ntiwagerura
Inani n'ibiri mbanaje bwangu
Nza ngukunze ngira ngo nkunge

Ngira ngo nkwereke n'abagutuye
Dusase umusambi dusangire byose
Ndibuka nkinavuka
Nararize cyane mbonye indoro yawe
Mbonye unsekera by'abanzi.

Ngo abo ushaka sibo bavuka
Ngira ngo wenda urahinza
Ubwo uwambyaye amba hafi
Ati hora kibondo nzaba ndora
Ngize ngo wenda menye ubwenge

Ngo wenda nkumenye neza
Wahise unyereka ibihandure
Ari nako induru uyihimbaza
Utana n'ibambe umbera umwanzi
Mbega ingoma z'abagome !

Mbega urubyiruko rw'icyo gihe !
Mbega uko umuntu abura isura

Agatozwa kuryana bunyamaswa
Nabonye byinshi ntamaze iminsi
Reka mbyibuke mfate ingamba.

Reka nibuke bugira cumi
Aho icumu ryunamuriwe
Aho inkota ikoreye amahano
Bihoro n'ibihiri bihinduye gutsemba
No gutsembatsemba mwene muntu

Maze nibaze mfate ingamba
Ndibuka bijya gucika
Amacumu arimo acumazwa
Ari nako imigambi ishyira iherezo
Uwari umuturanyi abaye inyenzi

Inyanga gihugu
Umunyamahanga utagira iwabo
Reka mbyibuke mbohe inyabutatu
Mbikumire ntibizasubire
Ntange umusanzu ndwubake.

Nture ntekane i Rwanda
Nibuke urwari urubyiruko
Rwabaye ibikoreso by'ingoma ngome
Ariyo mu nama zitagerura
Mu ndirimbo z'ubugome

Na ya midiho y'ubuyobe
Imvugo ari imwe imihanda yose
Hirya no hino bitoza
Irya misore y'imirya
Irimo yimenyereza kuryana

Ari nako iryanira ijanja
Ngo uwayiha imbarutso
Ngo itsembatsembe uwo mwanzi
Abari abahungu bahiga ababo
Abari abakobwa bakoma akamo

Bashyenye insengero basambanya ababo
Urwababyaye ruhinduka Induru
Ingufuzabo zimena amaraso
Isi yose isama urokotse
Ndikuba ngo mfate ingamba

Bishe benshi bishoboka
Bishe ibibondo n'inda zitwiswe
Bica abasaza n'abasenga
Bica abakecuru n'abacuranzi
Bishe abapadiri n'abapagasi

Bica ababikira n'ababirigi
U rwanda rujya mu kaga
Imfubyi zibyirukana agahinda
Rwanda rw'ejo
Nzinze umunya naba nizimuye.

Mvuze abishwe nashavura
Mvuze ibyabaye nabira ibyuya
Navuga abacu nkibuka inshuke
Oya Rwanda rw'ejo
Rwanya urwango i Rwanda

Ngiyo Gacaca ca bugufi
Ca urwo rucaca ucangamuka
Uce amacakubiri uce ubwenge
Ucacane uce hirya uce hino
Uhahe ubuhanga uhimbarwe

Ibyabaye ntibigasubire
Isura nsango tuyisubire
U Rwanda rw'ejo turutegure
Ntihabe amoko ngabo y'inganji
Ntihabe indeshyo dushyingiranwe

Dutere intambwe turenge ibyago
U rwanda rwongere rwiyubahe
Rubyiruko tubyirukanye
Mbahe intego tugane itabaro
Tubohe inyabutatu twubake u Rwanda

Twese twese buzira bwoko
Buzira nzika buzira nzara
Duhuze intego dutore inyangamugayo
Tugire duti : dore igikwiye
Demokarasi dore igikwiye

Ikorana buhanga dore igikwiye
Ubumwe n'ubwiyunge dore igikwiye
Iterambere, dore igikwiye
Dore igikwiye
Leta y'Ubumwe ndagushimye.

Tukuri inyuma n'ingufu zacu
Komeza intego yo kuduhuza
Nongere nishime nk'ejo bundi
Aho nabonye gatwa n'ikibindi
Akikijwe na benegahutu bose

Bagana mwa gatutsi gusaba yo umugeni
Mbonye uko bene kanyarwanda
Bavuga imisango basabanye
Ndishima ndashiragira
Nshisha numvaaa !

Nshimira abaciye iteka
Ryo guca amacakubiri i Rwanda
Nti abari hanze nibatebuke
Dusane u Rwanda dusabane
Ndi umuhanzi nzira ikizizi

Nitwa UWIRINGIYIMANA Donasiyani
Mvuka i Rwanda nkunda abarwo
Nkunda Imana n'ubuzima
Si ubwanjye ndetse nubw'abandi
S'ab'iwacu ndetse na rubanda

Si n'ab'i Rwanda ndetse imahanga
Icyarimwe cyose kirakaramba
Kw'iyi nshuro ya cumi
Twibuke kandi twibaze
Ibyo rwose ntibigasubire.

UMUVUGO "NDANGURURE IMPANURO"

Ndavuga imyato intwaro nziza
Mvugane ubwuzu amahoro iwacu
Maze amahirwe atahe murwa Gasabo
Rubyiruko dukumira isoko ya Génocide
Iyo soko isenga isahura isebanya

Iyo soko ntizasubire mu rwa Gasabo
Dore hambere bijya gucika
Haje abera bitwaje ubwera bambaye ibyera
Baducamo ibice ibi bitatu ngo
Gahutu gatwa na gatutsi

Babyambukiraho biba icyambu
Ingoma zose zije zirabishima
Urubyiruko ruralikozwa mu mashuri
Urubyiruko rubana iyo kagungu
Urubyiruko ruyikwiza hose nta gihunga

Abo bamwe barahezwa mu mashuri
Abandi baricwa ngo ni ibyitso
Abari abakuru baritoza abatoya
Abari abayobozi balitoza abayoborwa
Abari ababyeyi balitoza urubyiruko

U Rwanda ruhinduka urwango
Urwarabagiranaga ruba umwanda
Ubwo génocide irarimbaya cyane
Abasaza abakecuru ibibondo biricwa
Inzu z'Imana zihinduka ibagiro

Abapanze iyo mipango yo gupangira
Bapanga imipanga barayigwiza
Bapanga imipanga bapangira u Rwanda
Baramye bishimye cyane bijuse
Bageretse akaguru ku kandi

Barya ibirayi nk'abanyaburayi
Twe tuburaye bararare neza
Twe turaragira bararabagirana
Twe turaraguza turara rubunda
Mbega ko ibyabaye birenze cyane

Ese ubu rubyiruko muri hehe ?
Nimuze mumfashe dukumire
Iyo soko mbi ya génocide
Iyo soko isenya isahura isebanya
Iyo soko ntizasubira murwa Gasabo

Ese bantu rubyiruko munteze amatwi
Ese muranyemereye mbabaze ikibazo
Ese ko tuzi ko Iyaduhanze ihanitse
I Jabiro kwa Jambo yaduhariye
Ubwenge n'imbaraga nyinshi cyane

Byo kugenga isi yose n'ibiyituye
None se? nkayo mahanya y'amoko
N'ingengabitekerezo ya genocide
Byihaye bite intebe k'uburenganzira
By'ikiremwamuntu nimunsubize?

Nimuze tubasange tubasange tubahanure
Nimuze tubaganishe inzira ya kimuntu
Abagifite ya migambi mibisha y'amoko
Abagifite ingengabitekerezo mbi ya Génocide
Nibitunanira twebwe ubwacu tubashyire

Ababishinzwe babahanure ingengabitekerezo
Ya génocide tuyirandurane n'imizi yayo
Twikwitwaza ngo u Rwanda ni ruto cyane
Twamagane inda nini cyane y'ubusambo
Niyo rwaba ruto rute dushyize hamwe rwadukwira

Erega ngo n'uruhu rw'urukwavu rwisasira batanu
Nimuze rero dukumire iyo génocide
Iyo soko mbi isenya isahura isebanya
Ntizasubire iwacu mu rwa Gasabo
Nimuze dufatanye twese tuyirwanye

Tubibe imbuto y'ubwiyunge mu Rwanda
Tuyuhire ubumwe n'urukundo ishishe
Ibyirukane ubwuzu ubwiza bwayo
Buneze buri wese imizi yayo
Ishorere hose amashami ashamikire hose

Yemwe ga Rubyiruko dore imyaka irashize
Abari mu Rwanda mwarabibonye cyane
Abari hanze namwe mwarabibwiwe
Genocide ntacyo imaze ni uguhombya
Dusabe Imana dusabane dususuruke

Dusana byose génocide ntizasubire
Yemwe ga bayobozi bo ku mirenge no ku turere
Abo mu mashuri yaba aya Leta n'ayigenga
Nimwegere abo muyobora babahe ingamba
Génocide ntizasubire iwacu i Rwanda

Abana bigishwe kuyikumira
Abana bigishwe kuyamagana
Abana birinde ivangura moko
Namwe abasenga dusenge dusaba Iyaduhanze
Génocide ntizasubire iwacu.

Maze u Rwanda rwongere rwere ibisabo
U Rwanda rwongere ruhanure
N'abanyamahanga batangare
Natwe tuti erega ni ya Paradizo
Mujya mubwirwa yadamarariye …

Bana b'u Rwanda ndanguruye
Mpanura simpamye mpariye
Abandi
Umunyeshuri muri Lycée Notre
Dame de Citeaux i Kigali
Murakoze.

Umuhanzi NZABANDORA Fabiyani
Ishuri ryisumbuye rya TYAZO
Umwaka a 6 w'Indimi n'Ubuvanganzo.

HORA SE RWANDA UDASESA AMAGARA

Umugenga usumba inkangu
Amahanga ahanga amaso
We wahanze ibiriho byose
Aha umuntu umutima ukenga
Naho ubwenge bwo buba inganji
Ab'I Rwanda barusha ahandi

Ndetse none nkavuga mbaza
Nsize icyago cyaruzonze
Ngaca icyanzu ndora amarembo
Wazinga umunya ukaziga ndasenze
Maze izuru rikagutinza
Ngatamazwa mbuze umusozo.

Mbera Gihanga ahabya uruhehe
Byari byiza ino aha i Gasabo
Rwanda usugira usa n'amasimbi
Isuka igusiriza ikibanza
Isunzu ryawe riha ab'i Kayiro
Isano isangiza abadasumbwa

Bakayisingiza mu museso
Ingoma Kalinga igumya ikwanga
Ingofero yawe igahora i Bwami
Ba Ruyange kugeza Kigeli
Ndavuga Rwabugiri ngo rwande
Bagira ibanga bazira ingusho.

Baratanze batazigurutse
Nta mutezi wo kubaganza
Hamwe batuje bari ku meza
Utarya ibihaza ntabure ishaza
Inzoga ikaganza isubiza imbehe
Data, mama mukuru wanjye.

Niwo muryango wabaga i Rwanda
Se w'umusaza aza kudusura

Niko muzehe yasize ambwiye
Avuga iby'amage akubye i Nyaruguru
Aserutse i Kigali bararumanga
Imirabyo ikwira igihugu cyose

Ineza igenda nka nyomberi
Abari basangiye isoko basaba ibimpoteri
Kuryana kubarya isataburenge
Bazimya impundu none ngire nti :
„Siko bizahora shira impumu,
Hora se Rwanda udasesa amagara".
Harabaye havuga induru
Baba inyamaswa barazirenga
Rwanda ujombwa mu musokoro
Ko wari wimakaje umubano
Amata abawe bayaha abandi
Imirima yawe izira kurumba

Kujya gutashya umugozi ukaba umwe
Ise wa twese ari kanyarwanda
Rugari rwose ese mvuge ibyawe ?
None kandi ga mpishe ab'ejo ?
Mbure kugamburuza izo ngunzu
Zaje zizihiwe n'imiroha.

Ikanzu yererana nk'inyange
Naho mu mutima igicuku kiniha
Abo baryasenge b'abacuruzi
Ngo barye ibyacu baducamo ibice
Umugozi wacu bawuca gatatu
Hora se Rwanda udasesa amagara.

Baje bavuga ngo misiyoni
Bahisha Yesu bakuza izuru
Akarimi kabo kamata mu matwi
Bavuze indeshyo Kamonyi irira
Bafata abagufi bati : „Dore Hutu"
Naho abarebare ngo ni Tutsi.

Bavuga n'abatwa bafite ibikanu
Nibwo abakoroni bakujije ingeso
Yo kudushungura tuba ishingwe
Inzigo irahemba hirya hino
Intimba itemba imitima yose

Dufite imyaka ine idutamaza.

Niyo mateka yo gutarangwa
Itanu n'icyenda umwotsi ucumba
Bafata amacumu bakaza inkongi
PARMEHUTU iti ntwike inyayu
Habaho impunzi zitari nkeya
Ndetse amatungo ahabwa inkota.

Hose amagara agabizwa inkona
Harokoka bake bajya i Bugande
Itandatu n'ibiri habaho icyunzwe
Abasore basamwa nk'abagishisha
Ruremankwashi ibasiba isura
Birashogoshera irindwi gatatu.

Hangwa incuke zokojwe intoki
N'abari mu bisi cyangwa ibisimu
Inzirabwoba zirabasiriba
Abato batozwa gukaraba inkaba
Baba ibamba ba Bishingwe
Ba bisanzwe baba intwari

Banze ibendera ry'umuzungu
Wazanye uburozi afubitse ubutumwa
Icyakora natwe tumuhagiraho
Inani icyenda – icyenda n'ine
Habaho uburobyi bwo mu kabwibwi
Muri rukokoma amakoma ababurwa

Ku ya karindwi Mata ita isombe
Igihe cy'imyaka gifata irembo
Hirya hino imivu iratemba
Amatwi yose aba acuze injereri
Ab'imigenda bagena amahiri
Abasore b'ingufu bagota amayira

Utashye agwabije ise akamutuka
Ndetse agatakobwa uwe munani
Ngo barashaka gukamya isoko
Za MINWARI ziziba amaso
KANTANO ati mutume n'intozo
Mama wanjye ati reka ngane Kiriziya

Padiri ati kirazira banza ugende
Usene izuru, ndyama hasi nkeza Imana

Abo twakinanaga barakimirana
Nkinyonyomba ngo nze mbarebe
Nsanga banganije imikizi
Ngarutse n'ino mbona Karungu

Ubwo ibimamara bibona ijambo
Numva abategetsi batyaza amenyo
Inkeragutebuka z'inkotanyi zitabaye
Zirokora bake bakizwa inyenga
Hashize imyaka icumi uruhutse
Rwanda hora udasesa amagara

Itsembabwoko zirihagaritse
U Rwanda nguru zirambane igubyo
Oya ntibizongere kandi rwose ntibizongere
Hariho byinshi byadutunga
Ndetse amajyambere afite intango
Umutekano ubumwe n'ubwiyunge
Rubyiruko rwose Rwanda rw'ejo
Guhanga imirimo tugaca imyanda
Ko umusaza Rwema yatugabaniye
Akadutoza kurutabara
Dukaze ingamba zo kutajorwa
Turuhe inkingi irora no hirya.

Dore ingando zaratanzwe
Urubyiruko rurategurwa
Nsabe rwose amahoro arambye
Uwishe ushinjwa ashake abashe
Ishami rishaka guca umushubi
Abashe gushunza inshira ishonje

Ishorwe ishyamba iyo mu Gishwati
Inshinga yawe iguhe gushakwa
Rwanda ushimwa ishema n'isheja
Natwe kandi tudahunyeza
Mucyo duterane mu gacaca
Twige dutange inama mu mashuri

Duhugure iyo mu madini
Nyumbakumi zo zigirwe ibanze
Dusabwa kwugururira impunzi
Zigaca inzara ntizirye imvuzo

Nta gusazira gusabiriza
Icyakora nawe uheze iyo congo

Ngo aha urashaka gushima ijanja
Wowe uko ubizi umuswa agera ibuye?
N'uko rero urarye uri menge
Cyangwa utahe uze mu mubumbe
Dore ubu igihuru cyenda gushira
Intego nziza isumba izindi

Ni uguhangwa Ruganintwari
Amatwi yumva ibice agacibwa
Na buri wese mu banyarwanda
Akanga umurindi w'Abafaransa
Nyuma ya byose amahoro iwacu

Groupe : BROTHERS (KIE)

INDIRIMBO : NEVER AGAIN

INYIKIRIZO : Rubyiruko duhagurukire hamwe twese
Turi bamwe muze ingufu zacu zijye hamwe
Itsembabwoko ntirizongere kuba i Rwanda
Tuva inda imwe (never again, plus jamais)

IGITERO 1 : Mu bihe byashize nyuma y'abakoroni
Imyumvire y'urubyiruko yarazambye
Imbuto mbi yabibwe ishibuka urwango
Hagati y'abava inda imwe
Basenya inyabutatu ngo baraca ubwami
Ibyo bibyara isumbanyamoko
Itsembabwoko ribona inshinga
Urubyiruko ntirwahatangwa (ntibizongere kuba)

INYIKIRIZO :

IGITERO 2 : Ubwo haba hakuze igitekerezo
Ko abanyarwanda banyuranye
Inyigisho zica ukubiri zikwirakwizwa
Urubyiruko, rufata imipanga, rufata n'imbunda
Ndetse rufata ibibando, ntirwatinya kwica
Ibibondo ntirwatinya kirazira (ishyano rigwa i Rwanda)

INYIKIRIZO :

IGITERO 3 : Rubyiruko twese twishyire hamwe
Turwanye iyo ngengabitekerezo ya jenoside
Ingoma ibihumbi Rwanda ihore nta gihombo
Nicyo gihembo duteze twese tubibe urukundo
Aho turi hose twime urwango icyicaro
Dute guca ukubiri umuco wo kudahana
Ugende nk'ifuni iheze.

NZAMURAMBAHO NEHEMIE

NTIBIZONGERE KUBAHO

R/ 2 pers : Jenoside urimbi x 3

Tous :Jenoside urimbi x 2
Tukwamamaganire kure x 1

1. Urubyiruko mbere ya jenoside twari tubanye neza x 2
   Rwarakundanaga kandi rugafatanya x 2
   Imirimo rwakoraga rwayikoranaga ubwitange x 2
   Ibyo byose byajyaga bigaragaza ubumwe x 2

2. Jenoside ni mbi rwose yaratuyogoje x 2
   Yatugiriye nabi uko tutakekaga x 2
   Kubera ubuyobozi bwari buriho muri cyo gihe x 2
   Byatumye urubyiruko na rwo rubyinjiramo x 2
   Ahari ugufatanya hahinduka kwicana x 2

3. Ubutegetsi bw'igihugu bwariho bubishyira mu bikorwa
   Urubyiruko natwe reka sina kubwira tubyirohamo
   Ibyo byarabaye ariko ntibizongera kubaho x 2

4. Icyo twakora urubyiruko cyangwase umunyarwanda x 2
   Kubwo kwamagana ayo marorerwa ntazongere kubaho x 2
   Tugomba gukunda igihugu tukakitangira x 2
   Twamagana ivanguramoko ryose mu banyarwanda x 2
   Tubashishikariza ubumwe n'amajyambere x 2

MURUNGI BETTY
KIGALI INTERNATIONAL ACADEMY

HUMURA RWANDA NTIBIZONGERA KUBA

INYIKIRIZO : **KOMERA RWANDA HUMURA GIHUGU CYATUBYAYE, URUBYIRUKO TWESE TWAJE TWIYEMEJE, JENOSIDE YABAYE NTABWO IZONGERA KUBA MU BANYARWANDA**

1. Rubyiruko kera twarangwaga n'ishyaka
   Tugaharanira twese kwagura igihugu
   Tugakundana twese tugatabarana
   Twasangiraga akabisi n'agahiye
   Twasenyeraga umugozi umwe
   Ariko icyaje kubyica nicyo cyazanye jenoside mu rwanda.

2. Ibintu bijya gucika byaciye amarenga
   Urukundo n'ubutwari turabihunga,
   Twigishwa bibi dukora bibi, ishyari, amatiku, ubutindi
   Bukabije biratwokama, urubyiruko twese twicamo ibice
   Tuvangura amoko turamarana, dutsemba bene wacu twikora
   Mu nda, yewe mana yanjye ibyabaye mu rwanda ntibizongera.

3. Twataye umuco mwiza w'u rwanda, twiga imico ituzanira bibi dutatira igihango tumena amaraso atariho urubanza, twayogoje byinshi mu gihugu, duhungabanya benshi tubatesha agaciro k'ubumuntu, none igihe ni iki Rwanda rw'ejo cyo kugarura amahoro mu rwatubyaye.

4. Reka ibyabaye mu rwanda ntibizongera, ubuyobozi bubi tubwamagane, ababipfobya bose tubime amatwi, ubumwe n'ubwiyunge tubiharanire, turwanye ingengabitekerezo ya jenoside, twese twivuye inyuma duharanire amahoro meza abereye u rwanda.

MUSONI Josiane
Ecole : APEFE-MWENYA
Tel : 540472
Groupe LES JOYEUX

URUBYIRUKO NIMUZE

Twese urubyiruko turabyanze,
Ntibizongere kubaho iwacu
Itsembabwoko turihaye akato
Ntirizongere kubaho iwacu ukundi (X3)

I. Rubyiruko rw'u Rwanda nimuze
Ducyahe Jenocide ikiyitera n'ingaruka zayo
Cyane izo tureba, amacakubili
Imfubyi, ibimuga, abapfakazi ndetse n'amatongo (X2)

II. Urubyiruko turambiwe ikoreshwa ry'amabi
Byabaye itanu n'icyenda twirara mu butatu, byabaye
Itandatu kabiri dukora karahava, byarabaye icyenda kane
Twirara mu batutsi turarimbura.
Turambiwe izo ngenga bitekerezo zibiba ivangura
Amacakubiri mu banyarwanda.
Twese urubyiruko turabyanze.

ITORERO : INGUFU Z'URUBYIRUK0.

INDIRIMBO : DUHAGURUKE RUBYIRUKO

❖ Duhaguruke rubyiruko dushishikaye
Twamagane amacakubiri mu gihugu
Maze Rwanda yacu yatembye amaraso
Itembe amata n'ubuki.

❖ Burya mbere y'ayo mahano yamaze
Abanyarwanda, twari ingufu z'igihugu
Ibikorwa byiza byose byari ibyacu tugafatanya
Nyuma haza ivangura turasenya.

❖ Rubyiruko nitwe twafashe iyambere mu gutsemba
Abanyarwanda tugatemana.
Abato impinja zo tugatera imigeri.

❖ Amagorofa yubatswe imyaka munani nitwe twayasenye,
Kunyaga iby'abandi wari umukino mu yindi
Gufata umupanga, impiri byari ishema ku rubyiruko.

❖ Twebwe urubyiruko banyarwanda nkunda,
Ingufu zacu zarusenye zirwubake,
Tube intangarugero mu mico myiza.
Dusige umurage uboneye mu Rwanda rw'ejo.

❖ Turangwe n'ubushishozi mu bikorwa byacu byose
Twirinda gusimbuka, gushorwa mu bidakwiye
Tubihakane maze umuco w'amahro usabe mu
Banyarwanda.

❖ Ivanguramoko iryo ariryo ryose turyamagane,
Yaba amazuru, indeshyo, isura twarebagaho
Bihere burundu. Mbere inyito HUTU, TWA, TUTSI
Ibe kanyarwanda.

❖ Tuvugishe ukuri muri gacaca dufashe abari mu
Kaga batewe n'ayo mahano, dore ko umusanzu
Wacu mu bikorwa mu bitekerezo byiza ari ingenzi.

❖ None rero rubyiruko dufatanye, twunge ubumwe
Tureke ushaka kutumeneramo ngo adutanye
Iryo shyano ntirizongere kuvugwa I Rwanda.